# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

NO .E-35 | TARIKI 14 - 20 UKWAKIRA | 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw






AMAKURU
U Rwanda rubona AI nk'iyahangara ibibazo by'ubuzima muri Afurika
2



AMAKURU
U Rwanda na Senegal byasinyanye amasezerano atanu mashya y'ubufatanye
8



AMAKURU
Abasenateri b'u Rwanda na Pakistan mu bufatanye mu iterambere
15



MUNTARA
Musanze: Uwahereye ku bilo 100 by'ibirayi atunze miliyoni 300 Frw
25




# Miliyari 84 Frw zirashorwa mu kubaka ishuri ry'ikoranabuhanga mu buhinzi

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Mu myaka ine iri imbere mu Murenge wa Busogo mu Karere ka Musanze, hazaba hari ishuri ry'icyitegererezo ry'ubumenyi ngiro "Center of Vocational Excellence – CoVE" rizigisha ikoranabuhanga ryifashishwa mu buhinzi n'ubworozi, rikaba ryitezweho impinduka zikomeye mu buhinzi bw'u Rwanda.***

Muri uwo mushinga biteganywa ko uzuzura utwaye miliyoni 50 z'Amayero, ni ukuvuga miliyari 84 z'amafaranga y'u Rwanda, urubyiruko n'abahinzi bazajya bafashwa kongera ubumenyi mu bijyanye n'ubuhinzi bujyanye n'igihe, bunoze kandi burambye.

Iri shuri rigiye gutangizwa mu gihe Guverinoma y'u Rwanda yihaye intego y'uko bitarenze mu 2050 ubuhinzi n'ubworozi

KOMEZA KU RUP.3

# Perezida Bassirou Diomaye Faye yashimye uko yakiriwe mu Rwanda



**Perezida Paul Kagame yakiriye mugenzi we wa Senegal Bassirou Diomaye Faye**

**SHEMA Ivan**

***Perezida wa Sénégal Bassirou Diomaye Faye yasoje uruzinduko rw'akazi rw'iminsi itatu yagiriraga mu Rwanda, ku Cyumweru tariki ya 19 Ukwakira 2025, ashima Perezida wa Repubulika Paul Kagame, Guverinoma n'Abanyarwanda bamwakiranye urugwiro n'itsinda ryari rimuherekeje.***

Perezida Bassirou Diomaye yageze mu Rwanda ku wa Gatanu, tariki ya 17 Ukwakira 2025, yakiriwe na Perezida Kagame ku Kibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali, ku munsi wakurikiyeho akaba yarakiriwe muri Village Urugwiro mu cyubahiro kigenerwa Abakuru b'Ibihugu.

Nyuma y'ibiganiro byabereye mu muhezo, Abakuru b'Ibihugu bombi bakurikiye umuhango w'isinywa ry'amasezerano y'ubufatanye muri gahunda z'Icyerekezo 2050, ubuhinzi n'ubworozi, serivisi z'igorora n'ubuzima.

KOMEZA KU RUP.3

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# U Rwanda rubona AI nk'iyahangara ibibazo by'ubuzima muri Afurika




**Minisitiri w'Ubuzima Dr. Nsanzimana Sabin, asanga AI abantu bagendana muri telefoni ari igisubizo cy'ubuzima**

**KAMALIZA Agnes**

***U Rwanda rwagaragarije Abaminisitiri b'Ubuzima, abahanga udushyamuikoranabuhanga, abashakashatsi n'abahanga mu by'ubuvuzi, Abaminisitiri mu nzego zitandukanye n'abanyapolitiki n'abandi bafite aho bahuriye n'ubuzima ko ikoranabuhanga ry'ubwenge muntu buhangano (AI) ribonwa nk'amahirwe ya Afurika mu guhangana n'ibibazo bimwe na bimwe byugarije ubuzima.***

Ni ibyagarutsweho ku wa 13 Ukwakira 2025, mu nama y'iminsi itatu iteranye ku nshuro ya kane, yahurije hamwe abarenga 1 800 bakora muri izo nzego aho bari kwigira hamwe uko hatezwa imbere Ikoranabuhanga mu Buvuzi bw'Afurika (Africa HealthTech Summit).

Iyo nama y'iminsi itatu iteranye ku nsanganyamatsiko igira iti: "Ubuvuzi budaheza, Gushyigikira Udushya tugamije Ubuvuzi kuri Bose."

Abayitabiriye bagaragaje ko ikoranabuhanga rya AI rishobora kubaka inzego z'ubuzima mu byiciro bitandukanye kandi bitewe n'aho Isi igeze ubu buri wese arifite mu biganza kandi ashobora kuribyaza umusaruro mu buryo ubwo ari bwo bwose.

Minisitiri w'Ubuzima w'u Rwanda Dr. Nsanzimana Sabin, yagaragaje ko buri wese iryo koranabuganga arifite mu ntoki mu gihe afite telefone na interineti, kandi ari bwo buryo bushoboka bwo kuziba bimwe mu byuho bikigaragara mu buvuzi muri Afurika.

Yavuze ko AI izahindura imibereho y'Abanyafurika kuko yifitemo ubushobozi bwo gukora ibintu byinshi icyarimwe bikaba ari imbarutso yo gukemura ibibazo by'ubuke bw'abaganga n'ibindi byugarije umugabane.

Yagize ati: "AI ni yo mpinduka ikomeye ku Isi, ubu ni ugukoresha ikoranabuhanga utarindiriye kujya kubaza umuntu ku giti cye ukaba wabishyira hamwe ugasuzuma abantu benshi noneho abarwayi benshi ukabavurira icyarimwe. AI iragaragara nk'aho ari igisubizo kuko nko muri Afurika twari dufite ibibazo by'abaganga bake ni yo mpamvu tugomba kuyitaho."

Minisitiri Dr. Nsanzimana yavuze ko hakenewe Politiki zishyigikira ukwihutisha ikoranabuhanga rigezweho no kwimakaza ibisubizo bya tekinolojiya bifasha gutahura indwara z'ibyorezo, kwihutisha serivisi z'ubuvuzi mu kurushaho kunoza urwego rw'ubuzima muri Afurika.

Yashimangiye ko hakenewe abakozi bahawe amahugurwa, politiki zoroshya urugendo rw'iterambere, n'ubufatanye bukomeye kugira ngo harusheho kubyaza umusaruro udushya tugenda tuvuka kandi dutanga umusaruro uvugurura.

Dr. Nsanzimana yagaragaje ko ikoranabuhanga rizahindura imibereho mu buvuzi muri Afurika cyane ko ubu byatangiye kwigaragaza aho umuntu ashobora kumenya indwara arwaye bitamusabye kujya kwa muganga; akaba yakoresha isaha yabugenewe akipima indwara z'umutima, n'ibindi.

Yagaragaje ko kugeza ubu mu Rwanda AI iri gukoreshwa mu gusuzuma indwara nka kanseri bityo ikaba yavurwa mbere yuko izahaza uyirwaye.

Nubwo yavuze ibyo ariko yanagaragaje ko AI itabyikoresha yonyine ahubwo bisaba abantu bafite ubumenyi n'ubushobozi mu rwego rwo kugendera ku muvuduko iriho.

Yagize ati: "Bizabagora kuko bazahura n'ingorane zo kugendana naho ibihe bigeze kuko ikoranabuhanga riri ku muvuduko. Dufite amahitamo abiri; ni ukugendana n'ikoranabuhanga cyangwa ugahitamo kubireka."

Dr. Nsanzimana yongeyeho ko ikoranabuhanga na ryo rizana n'ibibazo byaryo ari na yo mpamvu hakenewe ingamba zifatika za politiki kugira ngo hatazaboneka ibinyuranyo by'ibyo ryitezwemo.

Yavuze ko hakenewe uburyo bwo guhanahana amakuru by'umwihariko hashakishwa uko AI yateza imbere ubuzima aho kubusubiza inyuma asaba abantu kubishyira mu ngiro ntibibe amagambo gusa.

Yagiza ati: "Ikoranabuhanga rirahari, ubuzima ni ingenzi, ariko hamwe n'ikoranabuhanga ubuzima bwaba bwiza kurushaho reka tubivane mu magambo tubishyire mu bikorwa dukoreshe ayo mahirwe aribonekamo."

Kuva muri Mata 2025, u Rwanda rwatangiza ikigo gikoresha ubwenge buhangano mu buvuzi, "Health Intelligence Center", cyabonywe nk'amahirwe agaragaza ko ko AI ishoboka kandi bikagirira inyungu abarwayi.

Ni ikigo gikusanya amakuru y'amavuriro yose mu gihugu hifashishijwe ikoranabuhanga kikaba gifasha mu gutanga inyunganizi mu buryo bworoshye kugira ngo habashe gufatwa imyanzuro ishingiye ku mibare ariko nanone bifashe Minisiteri y'Ubuzima gutanga inyunganizi mu bigo by'ubuvuzi mu gihugu hose bitayisabye kujya aho biri.

Ikigo cy'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe gishinzwe kurwanya no gukumira indwara (Africa CDC), kigaragaza ko ikoranabuhanga ari wo musingi mu gukemura ibibazo kandi ko kuva ikigo "Health Intelligence Center",- cyashingwa mu Rwanda, iryo koranabuhanga rimaze kugezwa mu bindi bihugu 18.

Umujyanama Mukuru mu by'Ikoranabuhanga muri Africa CDC Nsanzimana Jean Philibert, yagaragaje ko ikoranabuhanga rishobora guteza imbere ubuzima bwiza bw'abantu ari na yo mpamvu biyemeje gukomeza kurishyigikira ngo rigezwe no mu bindi bihugu.

Ati: "Turi hano kugira ngo tumenye ibyo bikorwa aho biri nitumenya aho biri bikora tubafashe kuba byajya no gukoreshwa mu bindi bihugu.

Yongeyeho ko ibikorwa ari byinshi mu rwego rwo kurengera ubuzima ariko biyemeje kuba ihuriro ry'ubuzima ku mugabane wa Afurika.

Iyo nama yahuje abasaga 2 500 barimo impuguke n'abanyapolitiki bakomeje kurebera hamwe uburyo ikoranabuhanga rishobora gufasha mu guhindura serivisi z'ubuvuzi ku Mugabane wa Afurika.





# Perezida Bassirou Diomaye Faye yashimye uko yakiriwe mu Rwanda

IBIKURIKIRA URUP.1

Uruzinduko rwe mu Rwanda rugamije kurushaho kwimakaza ubutwererane bw'ibihugu byombi

Mu ruzinduko rwe, Perezida Bassirou Diomaye Faye yasuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali, yunamira inzirakarengane zisaga ibihumbi 250 zihashyinguye, asobanurirwa amateka nyayo n'uko u Rwanda rwiyubatse ku myaka 31 ishize.

Mu Butumwa yanditse mu gitabo cy'abashyitsi, yagize ati: "Mu kwifatanya n'abavandimwe b'Abanyarwanda bahuye n'amahano akomeye yagwiriye ikiremwamuntu, hano gucececeka bitanga ubutumwa bukomeye kurusha amagambo. Bitwibutsa ko Jenoside yakorewe Abatutsi n'ubudaheranwa n'ubutwari bw'abaturage bahinduye akababaro icyizere, bakifashisha kwibuka mu kubaka amahoro arambye."

Mu ruzinduko rwe kandi, yasuye Ikigo Irembo asobanurirwa imikorere yacyo, uko kiri guhindura imibereho ya buri munsi y'Abanyarwanda binyuze mu kuborohereza kubona serivisi.

Mbere yo gusoza uruzinduko Perezida wa Senegal Bassirou Diomaye Faye yifatanyije na Perezida wa Repubulika Paul Kagame n'Abanyakigali, muri Siporo Rusange izwi nka 'Car Free Day' iba kabiri mu kwezi.

Mu Butumwa yanyujije ku mbuga nkoranyambaga ze yagaragaje ko urugendo rwe n'itsinda rye bagiriye mu Rwanda rwagize umumaro mu mikoranire y'ibihugu byombi.

Ati: "Uruzinduko rwanjye mu Rwanda rwasojwe n'ikimenyetso cy'ubumwe n'ubufatanye. Ndashimira Perezida Kagame, guverinoma ye, n'abaturage bo mu Rwanda batwakiriye neza, batwitwaraho neza. U Rwanda ni urugero rufatika mu kwiyubaka no gushyiraho gahunda z'iterambere, ibyo tubikurira ingofero, tukabyubaha kandi tukabyifuza. Ibihugu byacu biri kumwe mu rugendo rwo guharanira udushya muri Afurika."

Umubano w'u Rwanda na Sénégal umaze imyaka myinshi uhagaze neza. Mu 2011 u Rwanda rwafunguye Ambasade mu mujyi wa Dakar, iba imbarutso y'ibikorwa byinshi byahuje ibi bihugu.

Perezida Bassirou Diomaye Faye yakomereje uruzinduko rw'akazi muri Kenya ruzageza ku wa 22 Ukwakira 2025.

IBIKURIKIRA URUP.1

# Miliyari 84 Frw zirashorwa mu kubaka ishuri ry'ikoranabuhanga mu buhinzi

mu Rwanda buzaba bwibanda ku bucuruzi ndetse bukoresha ikoranabuhanga rigezweho, aho bizaba bikorwa n'abahinzi–borozi babigize umwuga bahuje ubutaka bwuhirwa busaga hegitari 600 000.

Nk'uko bigaragara muri Gahunda y'Icyerekezo 2050, ubuhinzi bw'u Rwanda buzaba bwarubatswe mu buryo buhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe, kandi buzaba bukoresha ubuhanga bugezweho mu gutanga umusaruro uhagije ku baturage b'u Rwanda bazaba basaga miliyoni 22 nk'uko bishimangirwa n'Ikigo cy'igihugu cy'Ibaruribamibare mu Rwanda (NISR).

Iryo shuri ry'icyitegererezo rigiye kubakwa i Musanze rigiye kubakwa ku bufatanye bwa Repubulika y'u Rwanda na Repubulika ya Luxembourg, binyuze mu mushinga ugamije kunoza ubumenyi butanga imirimo mu buhinzi bwa kijyambere (Improving Skills for Holistic Employment in Modern Agriculture/ISHEMA).

Nk'uko bisobanurwa n'abategura uyu mushinga, iryo shuri rizaba rifite inyubako zigezweho, ibikoresho by'ikoranabuhanga mu buhinzi bigezweho n'ibidukikije byiza byo kwigiramo.

Rizajya ritanga amasomo y'igihe kigufi n'amahugurwa y'igihe kirekire ku buhinzi n'ubworozi, ribe n'ikigo cy'umusaruro aho abanyeshuri bazajya bimenyereza mu bikorwa bifatika byo guhinga no gutunganya ibikomoka ku matungo n'ibihingwa.



**Hateganyijwe kubakwa ishuri ry'ikoranabuhanga mu buhinzi**

Eng. Paul Umukunzi, Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'igihugu rushinzwe Tekinike, Imyuga n'Ubumenyingiro (Rwanda TVET Board), avuga ko iryo shuri rizafasha urubyiruko kujyana n'igihe mu buhinzi bukoresha ikoranabuhanga.

Yagize ati: "Ubu dushaka ko ubuhinzi bw'u Rwanda buba ubwa kinyamwuga. Abanyeshuri bazajya bigira mu ishuri bazahita binjira ku isoko ry'umurimo bafite ubumenyi bufatika, bashobora no kwihangira imirimo biciye mu mishinga y'ubuhinzi n'ubworozi ijyanye n'igihe. Uyu mushinga wa ISHEMA uzagira uruhare runini mu guhindura isura y'ubuhinzi mu Gihugu."

Yongeraho ko iryo shuri rizajya ritanga ubumenyi kuva mu mashuri yisumbuye ndetse na kaminuza, hakazaba hari n'inzu izajya ibikwamo umusaruro w'ibyakozwe n'abanyeshuri mu gihe utari wabona isoko.

Uhagarariye abafatanyabikorwa bo mu gihugu cya Luxembourg George Ternes, yashimangiye ko igihugu cye gikomeje gushyigikira gahunda za Leta z'u Rwanda zigamije iterambere ry'abaturage binyuze mu burezi n'ubuhinzi bugezweho.

Yagize ati: "Twishimiye kuba u Rwanda ari igihugu gishyira imbere iterambere rirambye rishingiye ku bumenyi. Iri shuri rizaba urufunguzo rwo guhanga imirimo no guteza imbere ubuhinzi bwifashisha ikoranabuhanga. Tuzakomeza gukorana na Leta y'u Rwanda mu kuzamura urwego rw'uburezi bushingiye ku bikorwa bifatika."

Abaturage baturiye aho iryo shuri rizubakwa mu Murenge wa Busogo, bavuga ko batewe ishema no kuba rigiye kubakwa iwabo kuko rizabafungurira amahirwe mashya yo kwiga, kubona akazi no kumenya ubuhinzi bugezweho.

Mukamana Vestine, umwe muri bo, yagize ati: "Tuzabona amahirwe yo kwigira hafi y'iwacu, kandi n'abahinziborozi bazajya bigishwa uburyo bugezweho bwo kongera umusaruro. Twizeye ko bizadufasha kwiteza imbere."

Umushinga ISHEMA uzashyira imbaraga mu gushyira mu bikorwa ihame ry'uburinganire n'iyinjizwamo ry'abantu bose, kugira ngo abagore, urubyiruko n'abafite ubumuga na bo bagire amahirwe angana mu mahugurwa no mu isoko ry'umurimo.

Biteganyijwe ko ibikorwa byo kubaka iri shuri bizatangira mu gihe cya vuba, ndetse rikazaba ryarangije kubakwa mu myaka mike iri imbere, rikazajya rihugura abahinzi, urubyiruko n'abarimu mu bijyanye n'ubuhinzi n'ubworozi bigezweho.

Iryo shuri ry'icyitegererezo rizaba isoko y'impinduka mu rwego rw'ubuhinzi mu Rwanda, rifashe igihugu kugera ku ntego yo kugira ubuhinzi bunoze, bw'umwuga kandi butanga inyungu ku baturage bose.

Biteganyijwe ko rizaba ari rimwe mu mashuri atatu ya CoVE azubakwa mu Rwanda, rifashe kuzamura ireme ry'ubumenyi mu bijyanye n'ubuhinzi n'ubworozi, no gufasha igihugu kugira urubyiruko rufite ubumenyi bujyanye n'igihe mu buhinzi.

Uwo mushinga uzafasha kandi gushyiraho ibigo by'isuzuma n'itangwa ry'impamyabumenyi ku bafite ubumenyi n'uburambe, ndetse no gukomeza imikoranire hagati y'amashuri, inganda n'ibigo by'ubushakashatsi mu rwego rwo kuzamura umusaruro no guteza imbere ubuhinzi bwunganirwa n'udushya.

Kubaka ishuri ry'icyitegererezo mu buhinzi i Musanze ni indi ntambwe ikomeye mu rugendo rwo guhindura ubuhinzi mu Rwanda, bukava ku rwego rwa gakondo bukaba urwa kinyamwuga.

# Perezida Kagame yagiranye ibiganiro n'abayoboye Ikigo cya Afurika gishinzwe Imiti

KAYITARE Jean Paul

***Perezida wa Repubulika, Paul Kagame, yagiranye ibiganiro byo ku rwego rwo hejuru n'abayobozi b'Ikigo cy'Afurika gishinzwe Imiti (African Medicines Agency/ AMA) ku wa Mbere tariki ya 13 Ukwakira 2025. Ni ibiganiro bigamije gusuzuma aho ibikorwa by'iki kigo bigeze, no kureba gahunda yo kwihutisha uko cyatangira gukorera i Kigali.***



Perezida Paul Kagame yaganiriye n'abajyanama be

Perezida Kagame yakiriye muri Village Urugwiro Ambasaderi Amma Twum-Amoah, Komiseri wa AU ushinzwe Ubuzima, Ibikorwa by'Ubutabazi n'Iterambere ry'Imibereho myiza (HHS), hamwe na Dr. Delese Mimi Darko, Umuyobozi Mukuru wa mbere w'AMA.

Ibiro by'Umukuru w'Igihugu byatangaje biti: "Ibiganiro byabo byibanze ku mikorere ya AMA, n'uburyo bwo kongerera imbaraga inzego z'ubuzima hirya no hino muri Afurika."

Icyicaro gikuru cya AMA kiri i Kigali, mu Rwanda, nyuma y'icyemezo cyafatiwe mu Nama yo mu rwego rwo hejuru yabereye i Lusaka muri Zambia mu 2022, cyo guha u Rwanda inshingano zo kwakira icyo kigo.

Iyi nama ibaye nyuma y'amezi make habaye Inama ya Kabiri isanzwe y'Ibihugu bigize AMA (Conference of State Parties/ CoSP), nabwo yabereye i Kigali kuva ku itariki 2 kugeza kuri 4 Kamena 2025. Muri iyo nama, Dr. Darko, inzobere mu bijyanye n'igenzura ry'imiti ukomoka muri Ghana, ni we wagizwe Umuyobozi Mukuru wa mbere wa AMA.

Guverinoma y'u Rwanda hamwe na Komisiyo ya Afurika Yunze Ubumwe (AUC), basinye ku mugaragaro amasezerano yerekeye igihugu cyakira iki kigo, igikorwa cyabereye i Kigali ku wa 10 Kamena 2023, ari na yo ntambwe ikomeye mu buryo bw'amategeko mu gushinga icyo kigo, n'icyicaro cyacyo i Kigali cyafunguwe ku mugaragaro mu kwezi k'Ugushyingo 2024.

AMA ni ikigo cyashyiriweho guhuza no gushimangira uburyo bwo kugenzura imiti ku mugabane wa Afurika. Ibiganiro byabaye byibanze ku ngingo zikomeye zirimo korohereza Abanyafurika bose kubona imiti ifite ireme, yizewe kandi ikora neza, binyuze mu kunoza no guhuza inzego zishinzwe igenzura ry'imiti.

Uruhare rwa Perezida Kagame: Nk'ukuriye gahunda yo guteza imbere ubuvuzi no kubushakira inkunga, akomeje kugaragaza ko kugira inzego z'ubuzima zikomeye kandi zishobora kwigira, bisaba imari ituruka imbere mu bihugu ndetse n'ubushake bwa politiki bushyigikira ibigo nka AMA.

KAMALIZA Agnes

# Abafashijwe n'Intore mu by'ikoranabuhanga barakabakaba miliyoni 5

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ikoranabuhanga mu Itumanaho n'Isakazabumenyi (RISA), kigaragaza ko kuva gahunda y'Urubyiruko ruzwi nk'Intore mu Ikoranabuhanga; rufasha abaturage mu by'ikoranabuhanga, yatangira mu 2017, hamaze kwigishwa abakabakaba miliyoni 5.***

Ni ibyagarutsweho ku wa 17 Ukwakira 2025, ubwo hizihizwaga umunsi w'Ubumenyi mu Ikoranabuhanga mu Rwanda wahujwe n'uw'Intore mu Ikoranabuhanga, ukaba ari umunsi wahurije hamwe urubyiruko rurenga 2 000, ruturutse mu Turere dutandukanye tw'Igihugu.

RISA igaragaza ko hifuzwa ko nta muturarwanda usigara inyuma mu gukoresha ikoranabuhanga, ari nayo mpamvu hagomba gushyirwa imbaraga mu gufasha abaturage batarabisobanukirwa ku kugira ngo babyikorere cyane ko biri no mu ntego n'icyerekezo Igihugu cyihaye.

Umuyobozi Mukuru wa RISA, Sebera Antoine agaragaza ko kuva gahunda y'Intore mu ikoranabuhanga yajyaho byatanze umusaruro kuko urwo rubyiruko rusanga abaturage mu byaro rukabigisha uko bakwigeza kuri serivisi zitangirwa ku ikoranabuhanga nta kiguzi.

Yagize ati: "Intore mu Ikoranabuhanga zadufashije kugeza ibyiza by'ikoranabuhanga mu Baturarwanda bose kuko tugira gahunda ihoraho yo kwigisha abaturage babasanze mu byaro, bakabereka uko bakwikorera serivisi zitangirwa ku ikoranabuhanga."

Bamwe muri urwo rubyiruko rw'Intore mu Ikoranabuhanga bagaragaza ko ibyo bakora byatumye abaturage batakigorwa no gukora urugendo cyangwa gutonda umurongo bategereje kwishyura, amazi, mituweli, Ejo Heza, serivise zitangirwa ku rubuga rw'Irembo n'izindi.

Mutesi Delphina wo mu Kagali ka Karenge, Umurenge wa Kabarore mu Karere ka Gatsibo, avuga ko yatangira muri Kamena uyu mwaka amaze gufasha abasaga 400 kwisabira serivisi ku ikoranabuhanga.

Ati: "Ubu abarenga 400 ntibakigorwa no gukora urugendo bajya gusaba serivisi bakwifasha kuri telefone zabo."

Mvukiyehe Germain ukorera mu Murenge wa Muhondo mu Karere ka Gakenke na we yagize ati: "Ubu maze gufasha abantu 914 kandi bose ubu ntibakigorwa no kwishyura amafaranga y'urugendo bajya gusaba serivisi bakwikorera."

Icyakora izo Ntore mu Ikoranabuhanga zigaragaza ko hakiri imbogamizi zo kuba bagihura na bamwe mu baturage batazi gusoma no kwandika, abandi bakaba batarumva akamaro ko kwikorera byose ku ikoranabuhanga.

Tuyishimire Denyse ukorera mu Karere ka Nyanza ati: "Iyo mpuye n'utazi gusoma cyangwa kwandika birangora. Ikindi haba hari abatarumva akamaro kabyo bisaba ko babyigishwa igihe kirekire."

Ubushakashatsi bw'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare, (NISR) bwa karindwi ku mibereho y'Ingo muri Rusange (EICV7) bwagaragaje ko mu myaka irindwi ishize (2017-2024) umubare w'Abanyarwanda bafite telefoni ngendanwa (mobile phones) ari 85 %.

Ni mu gihe muri Gicurasi umwaka ushize, Minisiteri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo, (MINICT) yatangaje ko Abanyarwanda barenga 40% mu batunze telefone ngendanwa, bafite izigezweho za 'smartphones' ndetse gahunda zashyizweho zo kongera umubare w'abazitunze zitanga icyizere ko imibare izakomeza kwiyongera.

MINICT igaragaza ko ikoranabuhanga atari irya bamwe ahubwo bose bagomba kujyanamo kugira ngo hagerwe ku cyerekezo 2050.

Umunyamabanga Uhoraho muri MINICT, Rurangwa Eraste yavuze ko umusingi wo kugera kuri icyo cyerekezo ari uko hatagomba kugira usigara inyuma kandi ikoranabuhanga ari cyo kiraro cyo kuzesa uwo muhigo.

Yagize ati: "Turi kubaka sosiyete mu buryo barema ikintu gikomeye kandi ikoranabuhanga ni umusingi. Reka turebe uburyo ryabyazwa umusaruro hatagize usigara inyuma."

Imibare y'ubushakashatsi bwa FinScope 2024 igaragaza ko abakoresha serivisi z'imari binyuze kuri telefoni, ibizwi nka Mobile Money, bavuye kuri 62% mu 2020 bagera kuri 86%, abakoresha serivisi za Umwalimu SACCO ni 51% mu gihe serivisi z'ubwishingizi ari 13%.

Inyandiko ikubiyemo imihigo ya 2025/26 ya MINICT igaragaza ko abaturage bazakomeza guhabwa ubumenyi bw'ibanze mu by'ikoranabuhanga kandi uyu mwaka ukazasiga abarenga ibihumbi 500 babuhawe.

Guverinoma y'u Rwanda ifite intego y'uko mu 2029 Abanyarwanda bazaba bafite ubumenyi bw'ibanze mu ikoranabuhanga bazaba ari 100% bavuye kuri 53% bariho mu 2024.





# Kicukiro: Hatashywe ibikorwa byubatswe bitwaye miliyoni zirenga 140 Frw

KAMALIZA Agnes

***Abaturage bo mu Kagari ka Rwimbogo, Umurenge wa Nyarugunga, Akarere ka Kicukiro barishimira ibikorwa bubatse birimo amarerero abiri umuhanda wa kaburimbo wa metero 800, byuzuye bitwaye asaga miliyoni 140 z'amafaranga y'u Rwanda.***

Ayo marerero yombi, rimwe rihererereye mu Mudugudu wa Nyandungu n'uwa Rwiza, mu gihe umuhanda uhuza Umudugudu wa Rwinyange-Rwinyana- Kigali Parents.

Ibyo bikorwa byamuritswe n'abaturage babarizwa mu Muryango FPR Inkotanyi bari mu Nteko Rusange ku Cyumweru tariki ya 19 Ukwakira 2025, banishimira ibyagezweho.



Abanyamuryango ba RPF- Inkotanyi mu Kagari ka Rwimbogo mu Murenge wa Nyarugunga barishimira umuhanda n'amarerero bubatse yatwaye asanga miliyoni 140 Frw

Bagaragaza ko ari ishema kuba bagira uruhare mu kwiyubakira ibikorwa remezo kuko baciye ukubiri n'ivumbi n'ubunyerere bwabazongaga mu gihe cy'imvura, ndetse ayo mashuri akaba azatuma abana bakunda ishuri.

Tuyishime Claudine yagize ati: "Ni ishema kuba tugira uruhare mu gutuma abana bacu badata ishuri kuko uwo muco uzacika kandi bijyanye no kuribakundisha hakiri kare."

Mukamugenga Florence na we ati: "Ubu ntitukigenda mu cyondo no mu ivumbi kubera imihanda twubatse yo mu rusisiro. Wasangaga mbere umuntu yitwaza imiguru ibiri y'inkweto; umwe wo gucisha mu ivumbi cyangwa icyondo n'undi wo kwambara ugeze mu bantu kugira ngo batamuseka."

Ubuyobozi bw'Umuryango RPF-Inkotanyi mu Kagari ka Rwimbogo, bugaragaza ko abaturage ari imbarutso y'iterambere kandi bishimira uruhare rwabo mu kwiyubakira ibikorwa remezo kandi umwihariko ari uko abenshi ari bo mu muryango bikaba bibafasha kurushaho gusenyera umugozi umwe.

Umuyobozi wa RPF Inkotanyi muri ako Kagari Musoni Narcisse, yagize ati: "Kuba twarafatanyije n'abanyamuryango gukora ibikorwa nk'ibyo ni ikimenyetso cyuko dushyize hamwe, icyo nabasaba ni ugukomereza aho tugereje nta gusubira inyuma."

Umuyobozi w'Umurenge wa Nyarugunga Tuyishimire Fiacre, ashimangira ko ibikorwa nk'ibyo bigaragaza ishyaka ry'abaturage, n'imyumvire yamaze kuzamuka bakaba bumva uruhare rwabo mu bikorwa biganisha ku cyerekezo cy'igihugu.

Ati: "Imyumvire y'abaturage imaze kuzamuka kuko bamaze kumenya icyerekezo cy'Igihugu bakaba bumva ko bagomba kubigiramo uruhare batarindiriye ko Leta izabibakorera."

Yongeyeho ko uretse Rwimbogo n'utundi tugari twose tugerageza kubaka ibikorwa by'iterambere aho umwaka w'ingengo y'imari 2024/25 warangiye mu Murenge hose hubatswe imihanda ya miliyoni 400 z'amafaranga y'u Rwanda.

Tuyishimire yagaragaje ko kuba amarerero akomeje kubakwa bizagabanya imibare y'abana bata amashuri n'abari mu mirire mibi, cyane abo mu miryango itishoboye batabona aho basiga abana mu gihe bagiye mu mirimo.

Kugeza ubu mu Rwanda habarurwa amarerero agera ku 31 118 ari mu Turere 30 twose tw'Igihugu, akaba yita ku mirire n'imikurire y'abana bato.

# Urukiko rw'Ikirenga rwakebuye abanyamakuru baca imanza mu nkuru



Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Mukantaganzwa Domitilla yakebuye abanyamakuru ku gukora inkuru z'ubutabera

ZIGAMA Theoneste

***Urukiko rw'Ikirenga rwakebuye abanyamakuru batandukira amahame agenga umwuga wabo bagaca imanza mu nkuru batara cyangwa bakora, by'umwihariko izirebana n'ubutabera.***

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Mukantaganzwa Domitilla yasabye abanyamukuru kwirinda guca imanza mu nkuru zijyanye n'ubutabera by'umwihariko izerekeye imanza zikiburanishwa mu nkiko.

Yabigarutseho ku wa Kabiri tariki ya 14 Ukwakira 2025, mu nama nyunguranabitekerezo yagiranye n'abanyamakuru batandukanye bagaruka ku buryo bunoze bwo gutangaza amakuru ajyanye n'ubutabera.

Ni inama Urukiko rw'Ikirenga ruvuga ko rwateguye rushingiye ku makuru rubona mu bitangazamakuru bitandukanye by'umwihariko za YouTube arebana n'ubutabera akaba adakorwa kinyamwuga.

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga Mukantaganzwa, yavuze ko itangazamakuru ari ingenzi mu kumenyekanisha uko ubutabera butangwa kandi rikanafasha abaturage kumenya uburenganzira bwabo.

Yashimangiye ko abanyamakuru bakwiye gukora kinyamwuga birinda kuvangira ubutabera.

Mukantaganzwa yagize ati: "Abanyamakuru nibakore bitabangamiye ubwigenge bw'ubucamanza kandi bitanabushyize ku gitutu."

Yasabye abakora itangazamakuru ko bakwiye kwirinda gutandukira amahame y'umwuga w'itangazamakuru kuko bishobora kuyobya urukiko, ababuranyi n'abaturage muri rusange.

Yagize ati: "Turifuza ko itangazamakuru ryajya rikora kinyamwuga ritarenga imbibi ryemerewe. Umunyamakuru ntakwiye kurenga ngo ace urubanza mu nkuru ye. Nta nubwo bikwiye ko abanyamakuru batangaza ngo 'bikwiye kugenda gutya."

Yakomeje avuga ko mu rubanza umunyamakuru agomba guhagarara ku byo afitiye ibimenyetso gusa.

Impuguke mu mategeko wabaye umunyamakuru kuri ubu akaba ari umwavoka ukunze kunganira abanyamakuru mu nkiko Me Ibambe Jean Paul, yagaragaje ko abanyamakuru bakwiye kwihatira kumenya amategeko yaba asanzwe n'ajyanye n'umwuga wabo.

Yavuze ko by'umwihariko mu rukiko mu gihe cy'urubanza, bakwiye kubahiriza amabwiriza n'amategeko ahagenga birinda kugwa mu byaha.

Ati: "Utubashye ibijyanye no gukora inkuru mu nkiko ushobora kwisanga na we akorwaho inkuru mu rukiko."

Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'abanyamakuru bigenzura (RMC) Mutesi Scovia, yasabye abari mu nzego z'ubutabera na bo kujya borohereza abanyamakuru kuko byagaragaye ko babahutaza mu gihe bari mu kazi.


Ku rundi ruhande yavuze ko Urukiko rw'Ikirenga rukwiye gushyiraho amategeko n'amabwiriza mu nkiko mu gihe cy'urubanza kuko byagaragaye ko hari abanyamakuru bakora neza abandi biyitirira uwo mwuga bagakosa bose bikabitirirwa.

Ati: "Umunyamakuru udafite ikarita itangwa na RMC ubundi ntakwiye gukora ibijyanye n'itangazamakuru mu nkiko."

Urukiko rw'Ikirenga rwijeje ko ibyanenzwe abacamanza bigiye gukosorwa, ubu rukaba rugiye kujya rutangaza ku gihe imanza ziteganyijwe kugira ngo abanyamakuru babashe kuzitabira.

Hateganywa kandi ko itegeko rigenga itangazamakuru rimaze igihe mu mushinga nirimara gushyirwa mu bikorwa rizakemura ibibazo bijyanye n'abakora umwuga w'itangazamakuru batabifitiye ubushobozi bakica amahame yawo.

# Perezida Kagame yihanganishije Kenya yapfushije Raila Odinga



Perezida Paul Kagame yihanganishije Abanyakenya bose n'umuryango wa Raila Amolo Odinga witabye Imana

NTAWITONDA Jean Claude

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, yafashe mu mugongo Perezida wa Kenya William Ruto, n'Abanyakenya bose, n'umuryango wa Raila Amolo Odinga witabye Imana azize guhagarara k'umutima.***

Perezida Kagame yavuze ko ukwiyemeza gukorera abaturage kwa Raila Odinga wabaye Minisitiri w'Intebe wa Kenya, guharanira ubutabera, demokarasi n'ubumwe bw'Abanyakenya n'Afurika muri rusange, bitazibagirana mu binyejana biri imbere.

Mu butumwa yatanze binyuze ku mbuga nkoranyambaga, Perezida Kagame yagize ati: "Mu izina ry'Abanyarwanda nanjye ubwanjye, nihanganishije umuryango wa Rt. Hon. Raila Odinga, umuvandimwe wanjye Perezida William Ruto n'Abanyakenya ku bw'urupfu rwa Raila Odinga."

Perezida Kagame yakomeje ashimangira uburyo Raila Odinga azibukirwa iteka ukwiyemeza kwe mu gukorera abaturage, guharanira ubutabera na demokarasi.

Ati: "Ukwiyemeza kwe mu gukorera abaturage no kudatezuka mu guharanira Demokarasi, ubutabera n'ubunwe muri Kenya no muri Afurika bizakomeza kwibukwa mu binyejana biri imbere."

Odinga, yaguye mu Bitaro bivura amaso bikanakora ubushakashatsi bya Sreedhareeyam Ayurvedic, biherereye i Ernakulam muri ako Karere ka Kerala ko mu Buhinde.

Umutima wamufashe ubwo yari muri siporo mu gitondo cyo ku wa Gatatu azenguruka ibyo bitaro.

Raila Odinga yabaye Minisitiri w'Intebe wa Kenya hagati y'umwaka wa 2008 na 2013, akaba yaranabaye Umudepite ahagarariye agace ka Langata kuva mu 1992 kugeza mu 2013.

Uyu mugabo yanayoboye ishyaka ritavuga rumwe n'ubutegetsi igihe kinini, akaba yariyamamarije kuyobora Kenya inshuro eshanu zose adatsinda, ndetse no ku mwanya wo kuyobora Komisiyo ya AU na bwo bikaba bitaramuhiriye.

Nyuma yo gutsindwa amatora ya 2007 habaye imvururu zikomeye cyane zatumye habaho ubwicanyi mu gihugu bwaguyemo abarenga 1 300 abandi ibihumbi bakurwa mu byabo.

Raila Odinga yavukiye i Maseno muri Kenya akaba yarinjiye muri politiki mu 1980, ariko yatangiye kumenyekana cyane mu 1990, ubwo Kenya yari iri ku rugamba rwo gushaka kuvana ku butegetsi ishyaka Kenya African National Union (KANU) rya Daniel arap Moi.

Yagiye mu bikorwa bya politiki no guhangana n'ubutegetsi bwa Daniel arap Moi, ndetse aza kugirana ibibazo n'ubutegetsi, byatumye ashinjwa ibyaha byo gushaka guhirika ubutegetsi.

Umukuru w'Igihugu Paul Kagame, yaboneyeho kugaragaza ko u Rwanda rwifatanyije n'Abanyakenya muri ibi bihe bitoroshye.

Ati: "Twifatanyije na Guverinoma b'abaturage ba Kenya muri ibi bihe by'icyunamo mu gihugu hose."

Ku wa Gatatu nyuma y'amakuru y'urupfu rwa Odinga, Perezida Ruto yahise ategeka ko ibendera ry'Igihugu ryururutswa ndetse rigakurwa no ku modoka zitwara abanyacyubahiro mu gihe cy'icyumweru.

Kuri uyu wa Kane, abaturage benshi bateraniye ku Kibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Jomo Kenyatta ubwo umurambo wa Raila Odinga, wagezwaga mu gihugu, bakaba bashenguwe n'urupfu rw'uyu muyobozi bafata nk'intwari yabo.



Umunyabamanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuzima, Dr Butera Ivan

# Abakoresha RAMA bagiye kujya bavurirwa no mu mavuriro y'ibanze

ZIGAMA Theoneste

***Minisiteri y'Ubuzima yatangaje ko guhera mu kwezi k'Ugushyingo 2025 Abanyarwanda bazatangira kwivuriza ku bwishingizi bwa RAMA mu mavuriro y'ibanze (Poste de Sante), mu rwego rwo kurushaho kubegereza serivisi z'ubuvuzi aho bari hose.***

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuzima (MINISANTE), Dr Butera Ivan, yabigarutseho ku wa Gatatu tariki ya 15 Ukwakira 2025, ubwo yatangaga ibisobanuro mu magambo ku ngamba ziteganyijwe zo gukuraho imbogamizi zigaragara mu mikorere y'amavuriro y'ibanze.

Yavuze ko ku ikubitiro iyo gahunda izatangirira ku mavuriro 15, kugira ngo barebe uko bikorwa ariko, gahunda ihari ni uko bizagera ku bigo by'ubuvuzi byose.

Yagize ati: "Hari serivisi zijyanye n'amaso n'amenyo n'ibindi bizajya bitangwa. RAMA abazikoresha bazaba bemerewe kuzikoresha. Tuzatangirira ku mavuriro y'ibanze 15, bikazatangirira ahantu hari ubusabe buhambaye, cyane cyane ahahurira abantu benshi nko ku mipaka. Ibyo bizatangira muri uku kwezi tugiye gutangira."

Uwo muyobozi yavuze ko mu mavuriro y'ibanze yashyizwemo serivisi zo kuvura amenyo n'amaso mu buryo bworoheje ariko uburwayi bukomeye bwo bwoherezwa ku bitaro bikuru.

Bitaganyijwe ko kandi serivisi zo ku byara zajyaga zitangirwa ku bigo nderabuzima na zo zizashyirwa ku mavuriro mato bikajyana no kushyiramo abaganga babyigiye.

Kugeza ubu Minisiteri y'Ubuzima yemera ko amavuriro y'ibanze 8,2% adakora mu buryo buhoraho, kubera umubare muke w'abaganga, mu mavuriro y'ibanze 1294 u Rwanda rumaze kugira.

Iyo Minisiteri kandi yavuze ko mu myaka 5 iri imbere, hazubakwa amavuriro y'ibanze 100, hibandwa ku hatuye abantu benshi.

Ni mu gihe kandi mu mezi 4 ashize hongerewe abaganga 13 bize kuvura amasomo n'aba amenyo 11, ku mavuriro y'ibanze 24.

Dr Butera yavuze ko mu rwego rwo gusaranganya abakozi bo kwa muganga abavura amenyo n'amaso bazajya bakora mu bigo bitandukanye.

Ku rundi ruhande ariko, hari amavuriro y'ibanze 420 akeneye kuvugururwa kuko ubu afite ibikorwa remezo bitari ku rwego rushimishije, bityo MINISANTE ikavuga ko hari gahunda yo kuvugurura.

Mu ntego za Minisiteri y'Ubuzima harimo ko bitarenze mu mwaka wa 2028 abaka serivisi z'ubuvuzi 95% bazajya bazihabwa n'Abajyanama b'Ubuzima, ku bigo nderabuzima no ku mavuriro y'ibanze.

Ibyo bizaterwa no kubakira ubushobozi abazitanga, kubaka ibikorwa remezo n'ibindi bizorohereza abaturage kwivuza neza kandi ku gihe.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

# *Isoko Rusange rya Afurika rizagurwa n'ubushake bwa Politiki*

Bitarangaje uburyo imipaka yashyizweho n'abakoloni yagabanyije Abanyafurika kugeza aho imiterere n'imikorere yabo ibibagiza ko ubumwe bwabo ari bwo ntandaro yo kubyaza umusaruro ubukire barusha indi migabane ku Isi.

Mu 2012, ubwo havukaga igitekerezo cyo gushyiraho Isoko Rusange rya Afurika (AfCTA) mu nama y'Umuryango w'Ubumwe bwa Afurika (AU) yateraniye i Addis Abeba muri Ethiopia.

Uyu mushinga watangijwe ku mugaragaro nyuma y'imyaka irenga 10 mu gihe wagombaga gutangizwa mu myaka itanu gusa, ariko kugeza n'ubu haracyari urugendo rurerure rwo kugira ngo uzabe umaze gushyirwa mu bikorwa, kuko kimwe mu nzitizi zihari zishingiye ku bushake bwa Politiki muri buri gihugu.

Muri zo harimo ibikorwa remezo bidahagije cyangwa se bitajyanye n'igihe byakabaye byoroshya ubuhahirane hagati y'abaturage b'ibihugu byombi, ndetse hakaba hari n'ingorane zishingiye ku mikorere ya za gasutamo itajyanye, ibyemerwa ku ruhande rumwe bikaba ari ikizira ku rundi.

Imikoranire y'Imiryango y'Uturere na yo iracyari inyuma bikarushaho kugorana kubera ubushobozi bw'ubukungu bukenewe kugira ngo iryo soko ritangire gutanga umusaruro, nko mu gushyigikira ubucuruzi bwambukiranya imipaka.

Mu gihe hakigaragara izo nzitizi ariko, u Rwanda ruri mu bihugu byatangiye guharura amayira binyuze mu guhanga no kwimakaza ubutwererane n'ibihugu bitandukanye bya Afurika, aho mu bishyirwa imbere kugira ngo ubuhahirane bushoboka ari ukoroshya ubwikorezi, gusinyana amasezerano y'ubucuruzi ndetse no kurushaho kwimakaza imikoranire y'abaturage mu nzego zinyuranye.

Ibyo byose bigerwaho kubera ubushake bwa Politiki ndetse by'umwihariko ubuyobozi bw'u Rwanda bukaba budahwema kugaragaza amahirwe ya Afurika mu kurushaho gukorana no guhahirana hagati yabo ubwabo aho kohereza umutungo kamere mu mahanga ugakurwamo ibicuruzwa bigaruka bibahenze cyane.

Uruhande rwo kunoza ubutwererane hagati y'ibihugu bya Afurika ni yo mbarutso yo kugira ngo iryo soko rishoboke. Mu gihe hakiri ubushake bwa Politiki n'imyumvire idaha agaciro kuba ibihugu bisangiye imipaka bigomba kubana neza byanze bikunze, iri soko rusange rya Afurika rizakomeza guhura n'ingorane ziridindiza.

# U Rwanda rugiye kubaka icyanya cy'inganda cyahariwe ibikomoka ku mpu



Abakora ibikomoka ku mpu bavuga ko icyanya cy'inganda nigitangira kizatanga umusaruro

KAYITARE Jean Paul

***Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda, MINICOM, iratangaza ko mu Karere ka Bugesera mu Ntara y'Iburasirazuba hagiye kubakwa icyanya cy'inganda cy'ahazajya hatunganyirizwa ibikomoka ku mpu z'amatungo.***

Kugira ngo izi mpu zikorwemo ibikoresho bikenerwa, zibanza kugurishwa hanze mu bindi bihugu zigatunganywa zikabona kugurwa ku giciro kitari gito n'abatunganya ibikomoka ku mpu kugira ngo bakore ibikoresho bikenerwa mu buzima bwa buri munsi.

Muri Mata 2022, ubwo hateranaga Inama Nkuru y'Umuryango wa FPR Inkotanyi yabereye muri Kigali Arena, Perezida wa Repubulika Paul Kagame, yavuze ko byaba byiza mu Rwanda hatangijwe uruganda rukora inkweto mu mpu kuko rukize ku bworozi bw'inka.

Mu kiganiro kigufi Godfrey Gakire, Umuyobozi ushinzwe imishinga muri MINICOM, yahaye Imvaho Nshya yijeje ko icyanya cy'inganda kizubakwa kizatanga umusaruro.

Yagize ati: "Inyigo irimo gukorwa kandi hari ibiba bikorwa mu bijyanye n'igihe, ikoranabuhanga n'ibindi n'ibindi. Turi mu gice cy'inyigo, nirangira ni bwo hazakurikiraho ishusho yayo (Design) n'ikoranabuhanga rigomba gukoreshwa, hari n'ibindi bijyanye n'ibidukikije no kubirengera."

MINICOM yemeza ko ibikomoka ku matungo byinshi bikoreshwa mu Rwanda bivanwa mu mahanga kandi bigahenda ababitumiza.

Yagize ati: "Tubitumiza mu mahanga ariko icyo cyanya nikimara kujyaho, ni cyo kizadufasha kugenda twongera umusaruro wabyo nubwo hari ibikorwa hano mu Rwanda ariko biri ku rwego rwo hasi cyane, biracyari bike cyane."

Jean d'Amour Kamayirese, Umuyobozi w'Ihuriro ry'Abakora ibikomoka ku mpu mu Rwanda (Rwanda Leather Value Chain Association) ashimira Leta y'u Rwanda uburyo irimo gutegura ibyerekeranye no gutunganya ibikomoka ku mpu.

Ati: "Uruganda rugiye kubakwa, ni uruganda ruzafasha uru rwego tubarizwamo, ntabwo tuzongera kujya gushaka impu hanze. Ni ibyo kwishimira kandi twiteguye neza kuzabyaza umusaruro uruganda ruzubakwa."

Yavuze ko hari amatungo menshi n'impu nziza, bityo ibihugu byo muri EAC biza gushakira impu mu Rwanda.

Avuga ko abacuruza impu bishimiye ibiciro by'uruhu kuko ngo rwavuye ku 150 Frw ubu ruragura 400 Frw. Urw'ihene rwaguraga 200 Frw ubu ruragura 1 300 Frw.

Michel Habumugisha, Umuyobozi w'Ishyirahamwe rigamije guteza imbere ibikomoka ku mpu (Rwandese Association for The Promotion of Leather and Leather Products, RAPROLEP), yabwiye Imvaho Nshya ko igihe uruganda rutunganya ibikomoka ku mpu ruzaba rwubatswe, ruzaba ari igisubizo.

Ati: "Nirutangira ruzaba ari igisubizo ku banyamuryango n'abakora ibikomoka ku ruhu muri rusange, aho ibiciro by'ibikomoka ku ruhu bikorewe mu Rwanda bizaba bigabanyutse. Bizanadufasha guhangana ku masoko mpuzamahanga ndetse n'ibicuruzwa bituruka mu mahanga."

Yongeyeho ati: "Twebwe iyo tugezeyo tugiye kuzishaka hanze mu bihugu duturanye, muri Aziya n'i Buriya, batubwira ko tugira impu nziza. Nitugira amahirwe urwo ruganda rumaze kubakwa, natwe tugiye kuzajya dukora bya bintu byiza aho Abanyarwanda bashobora kugura ibintu byiza kandi noneho biramba no ku giciro cyiza. Bizagabanya amafaranga y'urugendo n'andi yatakaraga kugira ngo ibicuruzwa bishobore kutugeraho."

Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda ivuga ko ingengo y'imari izakoreshwa mu kubaka icyanya cy'inganda zitunganya ibikomoka ku mpu mu Karere ka Bugesera, izatangazwa ari uko inyigo yarangiye.

# U Rwanda na Senegal byasinyanye amasezerano atanu mashya y'ubufatanye

NYIRANEZA Judith

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame, ari kumwe na mugenzi we wa Senegal, Bassirou Diomaye Faye, bahagarariye umuhango wo gusinya amasezerano agamije gushimangira umubano w'ibihugu byombi mu nzego zitandukanye.***



U Rwanda na Senegal byasinyanye amasezerano y'ubufatanye mu nzego zitandukanye

Ayo masezerano atanu y'ubufatanye ari mu nzego zo gukuraho visa ku badipolomate n'abaturage basanzwe, ubufatanye muri gahunda z'icyerekezo 2025 ibihugu byombi bihuriyeho, ubuhinzi n'ubworozi, serivisi z'igorora n'ubuzima.

Ni umuhango wabereye muri Village Urugwiro ku wa Gatandatu tariki ya 18 Ukwakira 2025.

Perezida Paul Kagame yavuze ko uruzinduko rwa mugenzi we wa Senegal Diomaye ruvuze ikintu kinini.

Ati: "Uruzinduko rwawe rusobanura ikintu kinini kuri twe, rurerekana umubano umaze igihe kandi utanga umusaruro hagati y'ibihugu byacu, ukomeje kwiyongera."

Yavuze kandi ko ari u Rwanda kimwe na Senegal, igishyizwe imbere ari ukwita ku baturage, bikaba ari ingenzi guhuza imbaraga.

Ati: "Jye na Perezida Faye duhangayikishijwe cyane n'ejo hazaza h'Afurika cyane cyane uruhare rukomeye rw'urubyiruko rwayo, impano zabo ndetse no guhangana kwabo ntawabihakana. Inshingano zacu ni ukureba niba bafite ibikenewe, biboneye kandi bigezweho bibafasha kugera ku byo bashoboye byose. Ibi ni byo byihutirwa mu guhuza imbaraga."

Perezida wa Senegal Bassirou Diomaye Faye yashimiye Perezida Paul Kagame kuba yaramwakiriye, avuga ko uru ruzinduko ruri mu rwego rwo gushimangira umubano n'ubuvandimwe.

Ati: "Ndashimira Perezida Kagame, kunyakira kuko uru ruzinduko ruri mu rwego rwo gukomeza gushimangira no kuvugurura umubano n'ubuvandimwe hagati y'ibihugu byombi."

Yakomeje avuga ko ari uruzinduko yifuje gukora, ariko akagenda akomwa mu nkokora n'izindi nshingano.Ati: 'Ni uruzinduko nifuje gukora nkigera ku buyobozi ariko nkagira imbogamizi zirebana n'ibyihutirwa mu gihugu cyanjye byatumye ntaza mu Rwanda hakiri kare."

Perezida Diomaye yashimiye Perezida ubushake n'imbaraga atahwemye kugaragaza mu iterambere ry'u Rwanda.

Yagize ati: "Ndashima u Rwanda ubudaheranwa n'iterambere ryagezweho guhera mu 1994 birigaragaza."

Ni akanya ko kunamira inzirakarengane zazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yagarutse ku bijyanye n'imibanire hagati y'u Rwanda na Senegal ishingiye ku kuba ibihugu byombi bifite umubano uhebuje, imibanire ishingiye ku cyerekezo kimwe cy'iterambere, amahoro n'ubufatanye ku mugabane wa Afurika.

Perezida Diomaye yashimye uburyo abaturage b'ibihugu byombi babanye, ari uri mu Rwanda kimwe n'uri mu Senegal.

Yavuze ko hakiri byinshi byakorwa mu nzego zitandukanye zigamije iterambere.

Ati: "Urwego rw'ubutabera ruracyari inyuma, uruhererekane mu bucuruzi biracyari hasi, kandi twizera ko dushobora gukora cyane mu nzego z'ubuhinzi, uburezi, ubuzima, ingendo zo mu kirere, ubworozi bw'amafi, guteza imbere icyaro, umuco na siporo, ni yo mpamvu nasabye Perezida Kagame ko hashyirwaho komisiyo ihuriweho y'ubutwererane yafasha kunoza imikoranire n'iterambere hagati y'ibihugu byombi."

Yashimiye Perezida Kagame uruhare yagize mu ivugururwa ry'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe.

U Rwanda na Sénégal ni ibihugu bifitanye umubano mwiza, ushimangirwa n'ingendo zagiye zikorwa hagati y'Abakuru b'Ibihugu ndetse n'abandi bayobozi muri Guverinoma.

Ambasade y'u Rwanda muri icyo gihugu yafunguwe mu 2011, ikaba yarizihije isabukuru y'imyaka 10 imaze itangiye ibikorwa byayo.

Ibihugu byombi kandi byari bifitanye amasezerano arimo ay'ubufatanye mu by'umuco yasinywe mu 1975, ay'ubutwererane rusange yasinywe mu 2004, ay'ishyirwaho rya komisiyo ihoraho ishinzwe kugenzura umubano w'ibihugu byombi yasinywe mu 2016 ndetse n'amasezerano y'ubufatanye ari hagati y'Urwego rw'Igihugu rw'Itangazamakuru (RBA) na Radio Television Sénégalaise.

# Abaganga b'u Rwanda bikubye hafi 4 mu myaka 2

NTAWITONDA Jean Claude

***Minisiteri y'Ubuzima (MINISANTE) yatangaje ko nyuma y'aho himakajwe gahunda yo kongera abaganga byatumye bikuba 3,7 mu myaka ibiri ishize.***

Ni gahunda ya Guverinoma y'u Rwanda yo gukuba 4 umubare w'abaganga mu myaka ine (4X4) by'umwihariko ababyaza iburaho gato ngo igerweho kuko ubu igeze ku kubakuba hafi inshuro enye.

Umunyamabanga wa Leta muri MINISANTE, Dr Butera Ivan yabisobanuriye Inteko Rusange y'Abasenateri, ku wa Gatatu tariki ya 15 Ukwakira 2025, ubwo yabahaga ibisubizo mu magambo ku bibazo byagaragaye mu mavuriro y'ibanze.

Agira ati: "Dutangira iyi gahunda ya serivisi z'ubuvuzi [mu 2023] abakozi bari 1604, mu mwaka twatangiriyeho bahise baba 4000. Mu mwaka wa 2024, bageze ku 5 937.

Urumva ko kuva ku 1604 kugera ku bihumbi 5900 birenga, ni hafi kwikuba 4, tugeze ku ntego ya 3,7. Ntabwo byari byagera ku gukuba 4 neza".

Yakomeje avuga ko intego y'imyaka 4, izagerwaho byanze bikunze kuko hari mu nzego zimwe na zimwe abaganga bamaze kwiyongera mu kwitabira kwiga ayo masomo.

Butera ati: "Kuva twangira gahunda ya 4X4, abize ibijyanye n'indwara z'abagore (Genecology) ni ho hari ikibazo cyane, buri mwaka abaganga babaga ari 9, ubungubu biga ari 78, abiga kubaga bigaga ari 4 ubu bakaba bamaze kugera kuri 35, abita ku bana (pediatre) bari 7, ubu bakaba bageze kuri 34".

Ku rundi ruhande, Abasenateri bibajije niba kongera ku bwinshi bw'abiga ubuvuzi bijyanishwa no kubigisha amasomo afite ireme.

MINISANTE yabijeje ko abo biga neza, by'umwihariko mu mashami y'abiga ubuforomo n'ububyaza mu mashuri yisumbuye.



Kubera gahunda yiswe (4X4), abaganga bikubye hafi 4 mu myaka 2





# Gutonda umurongo kwa muganga bigiye kuba amateka mu Rwanda

KAMALIZA Agnes

***Guverinoma y'u Rwanda yatangaje ko imirongo y'abarwayi kwa muganga igiye kuba amateka, nyuma yo gutangiza ikoranabuhanga e-Buzima rizajya rifasha abarwayi kwisuzumisha indwara zoroheje no kwaka gahunda yo kubonana na muganga, na e-Banguka rizajya ryifashishwa mu guhamagaza imbangukiragutabara no gusaba taransiferi (transfer).***

Iryo koranabuhanga ribonwa nk'impinduka ikomeye mu buvuzi bw'u Rwanda kuko, umurwayi azajya ahuzwa na muganga n'ikoranabuhanga ku buryo kumwakira bizajya byihuta kurusha uko byakorwaga ubu.

Biteganywa ko urubuga e-Buzima ruzajya rwifashishwa n'umurwayi akoresheje telefone ye agasaba gahunda yo kwivuza, kubonana na muganga bitewe n'uwo ashaka n'indwara arwaye, ndetse na muganga akamuha gahunda n'isaha bidasabye ko umurwayi ajya gutegereza kwa muganga.

Ni mu gihe e- Banguka yo izajya ifasha umurwayi ukeneye taransiferi cyangwa imbangukiragutabara ndetse bikaba byakurikiranwa ku buryo Umuyobozi w'Ibitaro ashobora kumenya imbangukiragutabara zikenewe n'ibyerekezo ziri kujyamo.

Izo mbuga zombi zamurikiwe mu nama iteraniye i Kigali iri kwigira hamwe uko hatezwa imbere Ikoranabuhanga mu Buvuzi bw'Afurika (Africa HealthTech Summit) aho u Rwanda rwagaragarije amahanga ko rushaka ko urwego rw'ubuzima rujyamo ikoranabuhanga ryuzuye.

Minisitiri w'Ubuzima w'u Rwanda Dr. Sabin Nsanzimana, yasobanuye ko bari bamaze igihe bari kwiga uburyo ibibazo byo gutonda umurongo kwa muganga byakemuka aho basanze ko bigomba gukemuka hifashishijwe telefone.

Yagize ati: "Kera twajyaga gutonda umurongo kuri banki ariko ubu umuntu afite banki kuri telefone ye. Ikintu tumaze iminsi dushaka gukemura vuba abakora mu rwego rw'ubuzima ni ukujya gutonda umurongo kwa muganga, kwicara ugategereza, ugategereza ufata imiti, ugategereza ubonana na muganga ndetse ugategereza wishyura."

Yongeyeho ko ubu telefone yabikora byose ukaba wasaba gahunda muganga, ugatumiza imiti n'ibindi byose wiyicariye iwawe.

Yagize ati: "Ibyo byose bigomba koroha bikaba byagusanga mu rugo cyangwa kuri telefone yawe, ushobora gufata rendez-vous kuri telefone, ushobora kuvugana n'umuganga wawe utiriwe ujya ku bitaro, ushobora no gutumiza imiti bakayikwandira utagiye kwicara kwa muganga n'ibindi.

Yavuze ko bateganya ko buri Munyarwanda ufite telefone yaba igezweho (smart phone) cyangwa isanzwe y'amatushi azajya akoresha iryo koranabuhanga akanda akanyenyeri ubundi agakurikiza amabwiriza akagendana n'ibigezweho.




Minisitiri w'Ubuzima Dr. Nsanzimana Sabin yasobanuye imikorere ya e-Buzima na e-Banguka bizatuma gutonda umurongo kwa muganga biba amateka



Minisitiri w'Intebe yibukije abahawe impamyabumenyi ko badasoje ahubwo ari intangiriro, abasaba gukora cyane bakazana impinduka

# Impamyabumenyi ni intangiriro si umusozo - Dr Nsengiyumva ahanura abasoje kaminuza

NYIRANEZA Judith

***Minisitiri w'Intebe, Dr Nsengiyumva Justin yibukije abarangije amasomo muri kaminuza y'u Rwanda ko nubwo bahawe impamyabumenyi badasoje, ahubwo ari intangiriro y'iterambere, abibutsa ko bagomba gukora cyane, bakifashisha ubumenyi bahawe.***

Ni ubutumwa yatanze ku wa Gatanu tariki ya 17 Ukwakira 2025, ubwo abanyeshuri 9 529 bize mu makoleje 7 agize kaminuza y'u Rwanda (UR), bahabwaga impamyabumenyi, mu birori byabereye kuri stade ya Kaminuza i Huye.

Yagize ati: "Iyi ntambwe muteye, mwibuke ko atari yo musozo ahubwo ni intangiriro. Inzira iri imbere mwahuriramo n'imbogamizi ariko bikanafungura amahirwe [.....] muzakore cyane. Impinduka ntiba kubera ko abantu bahagaze neza. Mutekereze cyane murebe kure mureke kunyura iy'ubusamo."

Yakomeje ababwira ko atari ukuba basoje amasomo gusa, ahubwo bitezweho kubaka ahazaza babikesha ubumenyi bahawe, hakagerwa ku bukungu bushingiye ku bumenyi no guhanga udushya Leta yiyemeje kugira ngo imibereho y'abaturage ihinduke.

Ati: "Banyeshuri mwahawe impamyabumenyi, muzirikane ko ari mwe mbaraga z'Igihugu, ubumenyi mukuye muri kaminuza y'u Rwanda mugomba kubukoresha mu gufatanya n'abandi Banyarwanda gusigasira ibyiza twagezeho no guharanira kubyongera."

Minisitiri w'Intebe yasabye abahawe impamyabumenyi gukomeza kurangwa n'imyitwarire myiza, ijyanye n'indangagaciro nyarwanda, kuko zizabafasha kugera ku ntego.

Ati: "Kugira ngo ibi mubigereho, murasabwa gukomeza kurangwa n'indangagaciro nziza zibereye Umunyarwanga, tukaba tubitezeho kuba urubyiruko rukunda Igihugu, rukunda umurimo kandi ruharanira kuwunoza.

Mwirinde imyitwarire idakwiye n'ingeso zirimo ubusinzi, ubunemwe, kwiyandarika kuko bishobora gutuma mutagera ku nzozi zanyu."

Umuyobozi Mukuru wa Kaminuza y'u Rwanda, Prof. Kayihura Muganga Didas, yashimiye abarangije amasomo, anabashishikariza gukoresha ikoranabuhanga by'umwihariko iry'ubwenge muntu buhangano, rigezweho mu Isi ya none.

Yagize ati: " Turabashimira umuhate mwagize, mwarakoze kwitanga, ariko muzirikane ko Isi ya none ikoranabunhaga riza imbere harimo n'iry'ubwenge muntu buhangano bizabafasha guhangana n'ingorane mutazabura guhura nazo."

Yashimiye ababyeyi uburyo bitanze ngo abana babo bashobore gutsinda.

Uwavuze ahagarariye abanyeshuri basoje amasomo, Calleb Mitari yashimiye Leta, abarimu n'ababyeyi, inshuti n'abavandimwe kuko ubufatanye bwabo ari bwo bwatumye bagera ku musozo w'amasomo yabo, bakaba bahawe impamyabumenyi.

Yavuze ko batazatenguha ababafashije bose muri urwo rugendo.

Ati: "Ntituzatenguha Leta, turi hano mu gushimangira icyo twiyemeje ari ku rwego rw'Igihugu na mpuzamahanga tuzaba indashyikirwa mu guhanga udushya."

Yashimiye Leta ibaba hafi ngo barusheho kubaka u Rwanda rwababyaye ndetse n'ababyeyi babo kuko hari byinshi bigomwe kugira ngo bagere kuri uyu munsi.

Yavuze ko biyemeje guhanga udushya tuzamura abaturage, kandi twubaka Igihugu.

# Byinshi ku bantu 25 u Rwanda rwafatiye ibihano bashinjwa iterabwoba



Bamwe mu bantu 25 bafatiwe ibihano na Guverinoma y'u Rwanda kubera ibyaha by'iterabwoba no gutera inkunga imitwe y'iterabwoba

UBWANDITSI

***Ikigo gishinzwe Gutahura no Kurwanya Ibyaha byo mu rwego rw'Imari (Financial Intelligence Centre - FIC) cyaraye gitangaje urutonde rw'abantu 25 bafatiwe ibihano na Guverinoma y'u Rwanda kubera ibyaha by'iterabwoba no gutera inkunga imitwe y'iterabwoba.***

Urwo rutonde rwiganjeho abayobozi b'imitwe y'iterabwoba yahungabanyije u Rwanda mu myaka irenga 25 ishize harimo abo mu mutwe w'Iterabwoba wa FDLR ukorera mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) washinzwe n'abasize bahekuye u Rwanda muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Kuri urwo rutonde kandi hariho abayobozi b'indi mitwe y'iterabwoba nka RNC, MRCD, FLN n'indi mitwe inyuranye iyishamikiyeho

**1. Lt Gen Gaston Iyamuremye**

Uza ku mwanya wa mbere ku rutonde rw'abafatiwe ibihano ni Perezida wa FDLR Lt Gen Gaston Iyamuremye wamenyekanye ku yandi mazina nka Victor Byiringiro cyangwa Gen. Rumuri.

Lt Gen Iyamuremye w'imyaka 76 y'amavuko, yavukiye mu Ruhengeri ubu ni mu Karere ka Musanze, kugeza uyu munsi akaba aba I Walikale mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC). Uretse ibihano u Rwanda rwamushyiriyeho, Gen Rumuri yanashyiriweho ibihani n'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe Amahoro n'Umutekano ku isi ndetse na Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA)

Uyu mugabo ni we mutwe wa FDLR akaba agira uruhare mu gutegura no guhuza ibikorwa by'iterabwoba byayo bihungabanya umutekano w'u Rwanda, ubwambuzi, gusoresha no kwiha umutungo kamere binyuranyije n'amategeko kugira ngo atere inkunga ibikorwa bye by'iterabwoba.

**2. Maj Gen Pacifique Ntawunguka**

Maj Gen Pacifique Ntawunguka w'imyaka 61 y'amavuko, na we wamamaye nka Gen 'Omega' ni umuyobozi w'ishami rya FDLR rishinzwe intambara (FOCA), na we akaba ashinjwa ibyaha bimwe n'ibya Lt. Gen. Iyamuremye birimo gutegura no kugaba ibitero bihungabanya umutekano w'u Rwanda, ubwambuzi no kwihesha imitungo kamere mu gushyigikira ibikorwa by'iterabwoba.

Uyu munsi Gen. Omega na we avugwaho ko abarizwa i Walikale mu Burasirazuba bwa RDC, na we akaba ari ku rutonde rw'abo Leta Zunze Ubumwe zafatiye ibihano.

**3. Col Sylvestre Sebahinzi**

Col Sylvestre Sebahinzi w'imyaka 64 y'amavuko wamenyekanye ku izina rya Zinga Zinga ZZ, na we ni umwe mu barwanyi b'imbere muri FDLR, akaba ari umwe mu bashakira uwo mutwe abaterankunga mu karere ka Afurika y'Amajyepfo by'umwihariko.

Col. Sebahinzi yavukiye mu Karere ka Nyabihu akaba ari n'umwishywa wa Perezida Juvenal Habyarimana, ubu akaba atuye i Lusaka muri Zambia.

Hagati y'umwaka wa 2006 na 2009, Col. Sebahinzi yayoboye ibitero by'iterabwoba igihe yari umuyobozi w'umurenge wa FDLR, akaba ari mu bantu baro bayoboye batayo ya FDLR. Ikigo FIC cyatangaje urutonde yagaragayeho cyagize kiti: "Yabaye kandi umushinjacyaha wa FDLR mu nkiko zitemewe zicaga abasivili barengana mu Burasirazuba bwa RDC

zica abaturage benshi b'inzirakarengane muri DR Congo."

KOMEZA KU RUP.11





IBIKURIKIRA URUP.10

Yahujwe na FDLR hamwe nubukungu bwayo.Uyu na we afitanye isano ya bugufi na FDLR ndetse n'ibikorwa byo kuuyiyera inkunga."

**4. Maj Alphonse Munyarugendo**

Maj Alphonse Munyarugendo w'imyaka 59, uzwi ku izina rya Monaco Dollar, ni umuhuzabikorwa wa FDLR mu Mu Muryango w'Iterambere ry'Ubukungu bw'Ibihugu by'Akarere ka Afurika y'Amajyepfo (SADC). Araregwa gushyigikira iterabwoba rirwanya u Rwanda. Uyu mugabo ukomoka mu Karerere ka Ngororero yari mu bayobozi ba mbere ba ALIR, umutwe wabanjirije FDLR, wagabye ibitero by'iterabwoba ku butaka bw'u Rwanda. Ubu atuye i Maputo, muri Mozambique, akaba ahuza ibikorwa by'ubukangurambaga no gukusanya inkunga zishyigikira gushyigikira ibikorwa by'iterabwoba bya FDLR.

**5. Faustin Ntirikina**

Faustin Ntirikina uzwi ku zina ry'iritazirano rya Pacifique Zigabe, ashinjwa gushaka no kwinjiza abarwanyi mu mutwe w'iterabwoba wa RUD-Urunana wagabye ibitero mu Kinigi, mu Karere ka Musanze ku wa 14 Ukwakira 2019, akaba anavugwaho gukorana bya hafi na FDLR. Ntirikina afite ubwenegihugu bw'u Bufaransa.

**6. Maj Gen Antoine Hakizimana**

Maj Gen Antoine Hakizimana wavukiye mu Karere ka Nyamasheke mu mwaka wa 1971, wamenyekanye ku gatazirano ka Jeva, ni Umuyobozi Mukuru wa gisirikare wa CNRD-FLN, wahuzaga ibikorwa mu bitero by'iterabwoba byagabwe i Nyaruguru na Kitabi. Bivugwa ko afite aho ahurira n'abayobozi ba FDLR, nka Victor Byiringiro. Hakizimana kuri ubu afite icyicaro i Bujumbura, mu Burundi.

**7. Eric Munyemana**

Eric Munyemana wavukiye mu Karere ka Karongi mu mwaka wa 1972, ni we Visi Perezida akaba n'umuhuzabikorwa w'umutwe w'iterabwoba wa FLN, akaba ashinzwe no gushakira inkunga ibikorwa byawo by'iterabwoba nk'uko byatangajwe ku rutonde rw'ibihano.

Uyu munsi, Munyemana abarizwa mu Gace ka Flanders mu Bubiligi, aho ari umukanishi ndetse akaba yaranahawe ubwenegihugu bw'u Bubiligi.

**8. Dr Innocent Biruka**

Dr Innocent Biruka, uzwi nka Mitali akaba yaravukiye mu Karere ka Huye mu 1964, ni Umunyamabanga Mukuru wa CNRD-FLN, umutwe w'iterabwoba wagabye ibitero ku butaka bw'u Rwanda inshuro zitandukanye. Ari mu bantu bahuzaga ibikorwa by'itumanaho hagati y'imitwe y'iterabwoba byibasiye u Rwanda mu 2018, nk'ibyagabwe ku Mudugudu w'Icyitegererezo wa Yonze mu Karere ka Nyaruguru.

Uyu mugabo w'imyaka 61 y'amavuko atuye i Alsace mu Bufaransa, akaba yaranahawe ubwenegihugu bw'ibyo gihugu.

**9. Faustin Kayumba Nyamwasa**

Faustin Kayumba Nyamwasa w'imyaka 67 y'amavuko, ni umwe mu bashinze umutwe w'iterabwoba wiswe Rwanda National Congress (RNC). Yahanwe n'inkiko zo mu Rwanda adahari, nyuma yo guhamwa n'ibyaha bijyanye n'ibitero bya gerenade byagebwe mu Mujyi wa Kigali hagati y'umwaka wa 2010 na 2013.

Kayumba Nyamwasa uyu munsi aba i Pretoria muri Afurika y'Epfo, akaba anavugwaho kugirana umubano wa bugufi n'abayobozi bakuru ba FDLR.

**10. Dr Emmanuel Hakizimana**

Dr Emmanuel Hakizimana na we ni umwe mu bashinze RNC akaba anahagarariye Ihuriro MRCD. Ashinjwa kwinjiza abarwanyinmu mutwe w'iterabwoba ndetse akanawushakira abaterankunga, aho atuye i Montreal muri Canada kuko anavugwaho gukorana bya hafi na Kayumba Nyamwasa.

**11. Nyarwaya Ali Abdulkarim**

Nyarwaya Ali Abdulkarim uzwi nka Dick Nyarwaya akaba afite imyaka 57, ni umwe mu bagize umutwe w'iterabwoba wa P5, akaba ashinjwa gushyigikira ibikorwa by'iterabwoba byibasira u Rwanda, gukora ubukangurambaga no gukusanya inkunga. Uyu mugabo utuye mu Majyepfo ya London mu Bwongereza ni umwe mu bantu ba hafi ba Kayumba Nyamwasa.

**12. Maj Higiro Robert**

Maj Higiro Robert uzwi nka Gasisi w'imyaka 55 y'amavuko akaba yaravukiye i Kabarore muri Uganda, na we ni umwe mu bagize umutwe w'iterabwoba wa P5 akaba atuye i Nairobi muri Kenya. Na we ashinjwa gukusanya inkunga zishyigikira ibikorwa by'iterabwoba bya RNC mu Karere harimo n'amahugurwa ya gisirikare ahabwa abinjizwa muri ibyo bikorwa.

**13. Frank Ntwali**

Ntwali Frank w'imuyaka w'imyaka 48 wavukiye i Kampala muri Ugannda, na we ahagarariye RNC mu Majyepfo ya Afurika kandi akaba ari na we muhuzabikorwa wo kwinjiza abarwanyi bashya muri RNC-P5, aho acumbitse i Johannesburg muri Afurika y'Epfo. Binavugwa ko Ntwali akorana bya hafi na FDLR mu guhuza ibikorwa byabo bigamije kugirira nabi u Rwanda.

**14. Ignace Rusagara**

Rusagara Ignace w'imyaka 39 wavukiye ahitwa Mubende muri Uganda, na we ni umunyamuryango wa RNC/P5, ushinjwa gushyigikira iterabwoba no kumenyekanisha ibikorwa bya FDLR ari na ko atera icyuhagiro ibikorwa byayo byayogoje Akarere. Uyu mugabo utuye i Maine muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA) ni na we Muvugizi wa RNC.

**15. Jean-Paul Turayishimiye**

Jean-Paul Turayishimye w'imyaka 53 y'amavuko, na we ari mu bantu batangije umutwe w'iterabwoba wa RNC ushinjwa gutera ingabo mu bitugu, kwinjiza abarwanyi no gutegura igenamigambi ry'ibikorwa by'iterabwoba bya RAC-Urunana. Yavuye mu mirimo ya gisirikare ndetse akaba ari umwe mu bantu b'ingenzi bateguye ibikorwa by'iterabwoba bya P5, aho atuye i Washington muri USA.

Bivugwa kandi ko agifitanye umubano w'akadasohoka na FDLR-FOCA, ishami rya FDLR rishinze ibikorwa by'intambara.

**16. Gaspard Musabyimana**

Musabyimana Gaspard w'imyaka 70 y'amavuko, ni umucuruzi ukomeye utuyeb I Buruseli mu Bubiligi, akaba akorera ubuvugizi imitwe y'iterabwoba. Uyu mugabo avugwaho kuba umwe mub bashyigikira ibikorwa by'iterabwoba bya FDLR cyane ndetse akanabyamamaza.

**17. Placide Kayumba**

Kayumba Placide w'imyaka 44 y'amavuko uvuka mu Murenge wa Ndora, Akarere ka Gisagara, ashinjwa kugira uruhare mu gushinja itsinda ryitwaje intwaro rya P5 rishamikiye kuri RNC, akaba n'umwe mu bantu b'imbere bahuza umubano wa FDU-Inkingi na FDLR. Uyu munsi atuye muri Komini ya Namur mu Bubiligi, aho avugwaho kugirana imikoranire ya bugufi na Lt. Gen. Byiringiro Victor.

**18. Munyaneza Augustin**

Munyaneza Augustin w'imyaka 62 y'amavuko ukomoka mu Karere ka Muhanga akaba atuye i Buruseli mu Bubiligi, ni umwe mu bagize Ishyaka ritemewe rya FDU-Inkingi akaba n'umwe mu bashyigikiye cyane ibikorwa bya FDLR-FOCA na P5.

**19. Niyibizi Michel**

Michel Niyibizi w'imyaka 69 ukomoka mu Murenge wa Muhororo, Akarere ka Ngororero, atuye muri Komini ya Tournai mu Bubiligi, akaba afite ubwenegihugu bw'u Bufaransa. Uyu nashinjwa guhuza ibikorwa bya FDLR-FOCA na P5 ndetse no gushakira abaterankunga ibikorwa by'iyo mitwe bigamije kugirira nabi u Rwanda.

**20. Musonera Jonathan**

Musonera Jonathan w'imyaka 61 ukomoka mu Karere ka Nyanza, uyu munsi akaba atuye i London mu Bwongereza, ashinjwa gukusanya inkunga zishyigkira ibikorwa bya RNC ivuguruye bigamije guhungabanya umutekano w'u Rwanda, akaba afitanye umubano w'akadasohoka na RNC ndetse na Kayumba Nyamwasa.

**21. Rudasingwa Theogene**

Rudasingwa Theogene uzwi nka Redcom afite imyaka 64 akaba akomoka mu Murenge wa Sake, Akarere ka Ngoma. Uyu munsi atuye I Washington akaba ari umwe mu bashinze RNC. Afatanyije na Kayumba Nyamwasa ni we wateguye ibitero bya gerenade byagabwe mu Mujyi wa Kigali hagati y'umwaka wa 2010 na 2013.

Mu 2013, Rusadingwa ni we watangije ubufatanye bwa RNC na FDLR-FOCA, akaba anavugwaho gukroana bya hafi n'abayobozi bakuru ba FDLR, by'umwihariko Gen. Ntawunguka.

**22. Maj Kanyamibwa Jacques**

Maj Kanyamibwa Jacques w'imyaka 68 y'amavuko, yavukiye mu Murenge wa Gitesi, Akarere ka Karongi. Ni umwe mu bagizwe umutwe wa FDLR utuye io Toulouse mu Bufaransa.

Ashinjwa gukusanya inkunga zo gushyigikira ibikorwa by'iterabwoba akanagira uruhare mu guhuza ibikorwa by'iterabwoba bya RUD-Urunana byo mu Kinigi mu mwaka wa 2019.

**23. Nahimana Thomas**

Nahimana Thomas w'imyaka 54 ukomoka mu Murenge wa Nzahaha, mu Karere ka Rusizi, ni Perezida w'Ishyaka Ishema akaba ashinjwa guhuza ibikorwa by'iterabwoba no gushishikariza ibikorwa by'iterabwoba bigabwa ku Rwanda.

**24. Uwizera Christine Coleman**

Uwizera Christine Coleman w'imyaka 53 ukomoka mu Murenge wa Rushashi, Akarere ka Gakenke, atuye i Denver muri Leta ya Colorado ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA). Ashinjwa gushishikariza abantu gukora ibikorwa by'iterabwoba bigirira nabi u Rwanda, akaba afitanye imokoranire ya bugufi na FDLR-FOCA, P5 na FLN.

**25. Nduwayezu Sylvestre**

Nduwayezu Sylivestre uzwi Jet Lee, na we afite imyaka 53 akaba akomoka mu Karere ka Musanze. Ashinjwa uruhare mu gutegura np guhuza ibikorwa by'ibitera by'iteraboba byagabwe ku Rwanda no kwinjiza abarwanyi bashya bavuye mu Rwanda na Uganda. Uyu munsi uyu mugabo aba i Kampala muri Uganda, akaba avugwaho gukorana bya hafi na P5 ndetse na RUD-Urunana.

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI WWW.IMVAHONSHYA.CO.RW

# U Rwanda, mu mwijima ruramurika- Perezida Kagame

SHEMA Ivan

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame yavuze ko u Rwanda rwahuye n'ibibazo byinshi birimo Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ariko agaragaza ko rwagiye rubirokoka rugatera imbere.***

Umukuru w'Igihugu yabigarutseho Ubwo yaganiraga n'abagize Urwego Ngishwanama rwa Perezida, Presidential Advisory Council (PAC), ku wa Kabiri, tariki ya 14 Ukwakira 2025.

Yagize ati: "Mu Rwanda, twararokotse, mu myaka 31 ishize, ishyano ryatugwiriye, kandi n'ubu tugomba gukomeza kurokoka n'ibindi byinshi bituruka hanze. Ariko amateka yatwigishije ko nubwo hacura umwijima, yaba mu Rwanda, muri Afurika cyangwa ku Isi yose, hari ahantu hato hashobora gushibuka hagatanga urumuri. U Rwanda rwacu, muri uwo mwijima, ruramurika."

Yakomeje agagaragaza ko u Rwanda hakiri ibyo rugihangana na byo, ariko ko na byo bigomba gutsindwa.

Ati: ""Dukeneye guharanira kurokoka urugamba kandi tugatera imbere tukajya aho twifuza kugera n'aho abandi badutanze kugerayo bageze. Guhindura aha hantu hacu hato biri mu bushobozi bwacu uko dukomeza kurokoka ibitero by'abo bantu baturuta."

PAC ni urubuga ruhuza Perezida wa Repubulika n'inzobere z'Abanyarwanda n'abanyamahanga kugira ngo bungurane ibitekerezo ku iterambere ry'u Rwanda.

Abagize uru rwego rwashinzwe ku wa 26 Nzeri 2007, bahura kabiri buri mwaka, inama ya mbere ikaba yarabereye i New York muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika ubwo Perezida Kagame yari yitabiriye Inama y'Inteko Ishinga Amategeko n'iya Clinton Global Initiative.

Akanama Ngishwanama k'Umukuru w'Igihufu, PAC kagira n'uruhare rukomeye mu iterambere ry'u Rwanda, binyuze mu bujyanama ndetse n'umusanzu wa buri umwe mu bakagize ku giti cye.

Kagizwe n'inararibonye mu nzego zitandukanye u Rwanda rukeneye mu rugendo rwo kurushaho kwiyubaka no guhangana n'ibibazo ruhura na byo uko imyaka ishira indi igataha.

Kuri ubu, u Rwanda ruhanganye n'ingorane zishamikiye ku mutekano muke w'Akarere, aho amahanga agenda afata uruhande rwirengagiza impamvu shingiro z'ibyo bibazo.

Ibyo bigira ingaruka z'uko abamaze imyaka myinshi barengana mu Karere ari bo bahindurwa abagizi ba nabi mu gihe ababarenganya bigaragaza nk'abahohoterwa.

Mu bindi bibazo rusangiye n'Isi yose harimo ibishamikiye ku mihindagurikire y'ibihe, bisigira Igihugu umutwaro uremereye mu rugendo rw'iterambere.



Perezida Kagame n'abagize PAC nyuma y'inama yagarukaga ku gushaka ibisubizo bishya kandi bikoreka biganisha u Rwanda ku iterambere

# Igihugu cyaduhaye umwanya, kiduha ijambo tubibyaze umusaruro- CNF

NYIRANEZA Judith

***Mu kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore wo mu cyaro, ku wa Gatatu tariki ya 15 Ukwakira, mu Karere ka Ngororero, hasobanuwe ko umugore yahawe byinshi, ahabwa ijambo ku buryo na we yiyemeje kubibyaza umusaruro ufatika.***

Ku rwego rw'Akarere ka Ngororero, igikorwa cyabereye mu Murenge wa Ndaro, ukaba wizihijwe ufite insanganyamatsiko igira iti 'Umugore ni uw'agaciro'.

Kwizihiza uyu munsi bigamije kuzirikana uruhare rw'umugore wo mu cyaro mu iterambere ry'umuryango n'Igihugu muri rusange.

Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore mu Karere ka Ngororero, Mukeshimana Marie Claire yavuze ko abagore bakesha byinshi Igihugu na bo bakwiye kubibyaza umusaruro, bagahiga kandi bagahigura.

Yagize ati: "Igihugu cyaduhaye byinshi, cyaduhaye umwanya, cyaduhaye Ijambo tugomba kubibyaza umusaruro utubutse.

Tubeho duhiga kandi duhigura uko umwaka utashye bityo umugore akomeze kuba uw'agaciro."

Musabyeyezu Marie Goretti ni umwe mu bagore bitinyutse akiteza imbere mu Murenge wa Ndaro, yakoze imirimo itandukanye imufasha kwiteza imbere.

Yagize ati: 'Nashoye imari mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro, mu bworozi bw'inkoko n'ibindi. Ubu nageze kuri byinshi birimo kubaka inzu yo guturamo n'iy'ubucuruzi, kurihira abana amashuri, gukorana n'imishinga itandukanye y'iterambere."

Kwizihiza umunsi Mpuzamahanga w'umugore wo mu cyaro, ni umwanya wo kurebera hamwe inzitizi umugore wo mu cyaro agihura nazo zimubuza kubyaza umusaruro amahirwe ahari no kurebera hamwe icyakorwa ngo ajyane n'icyerekezo cy'igihugu arusheho gutera imbere.

Ni urubuga rwo gushimira uruhare rw'umugore wo mu cyaro mu iterambere ry'Igihugu, no kumuremera ibikenewe kugira ngo akomeze kugira uruhare rufatika mu mibereho myiza n'ubukungu bw'umuryango nyarwanda.

Habayeho kugaragaza uruhare rw'abagore bo mu cyaro mu guteza imbere ubuhinzi n'imishinga iciriritse, guhamagarira abagore gukoresha ikoranabuhanga mu bikorwa by'ubuhinzi n'ubucuruzi, gukangurira abagabo n'abayobozi gushyigikira ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.

Hanatanzwe ubutumwa bugamije kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'ihohotera ryo mu ngo, kuremera abagore batishoboye amabati, amatungo magufi n'inka no guha ibyemezo by'ishimwe abagore biteje imbere.

Umuyobozi w'Akarere ka Ngorero Nkusi Christophe, yagarutse ku mbogamizi umugore wo mu cyaro ahura nazo mu iterambere.

Muri zo harimo ubuhinzi bwa gakondo budasagurira isoko, ubumenyi buke, kutifashisha ikoranabuhanga mu mirimo n'izindi.

Yanagarutse ku mbaraga Igihugu gishyira mu kuvanaho ziriya mbogamizi

Ati: "Nubwo hari izo mbogamizi eriko Leta yashyizemo imbaraga, iborohereza kubona inguzanyo ku buryo bworoshye, kwegerezwa ibikorwa remezo nk'amazi n'amashanyarazi, amahugurwa atandukanye kuri gahunda za Leta n'izindi."

Yabasabye kuvana amaboko mu mifuka bakitabira umurimo bakiteza imbere. Yagarutse ku ihame ry'uburinganire asaba abagize umuryango kuryubahiriza bityo hakubakwa umuryango ushoboye kandi utekanye.

Umunsi mpuzamahanga w'umugore wo mu cyaro wizihizwa buri mwaka ku itariki ya 15 Ukwakira, ukaba warashyizweho n'Umuryango w'Abibumbye (ONU) kugira ngo hashimangirwe uruhare rukomeye rw'abagore bo mu cyaro mu bikorwa by'iterambere, kurwanya ubukene, guteza imbere ubuhinzi no kubaka imibereho myiza y'imiryango yabo.



Abagore bo mu cyaro ni ingenzi mu iterambere





# Minisitiri Dr Bizimana yavuye imuzi indangagaciro yazanywe na Guverinoma



Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr Bizimana Jean Damascène

KAYITARE Jean Paul

***Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr Bizimana Jean Damascène, yasobanuye inkomoko y'indangagaciro y'ubudaheranwa n'impamvu yatumye Guverinoma y'u Rwanda iyizana.***

Dr Bizimana avuga ko iyo ndangagaciro y'ubudaheranwa Guverinoma y'u Rwanda yayizanye itavanyeho ubwiyunge hagati y'uwakoze Jenoside n'uwayikorewe bityo Abanyarwanda bagakomeza kubana mu bumwe.

Guverinoma y'u Rwanda ishishikariza abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 gusabana imbabazi ariko mbere na mbere bakemera icyaha kuko umuntu asaba imbabazi yaramaze kwemera uburemere bw'icyaha yakoze.

Ubumwe, ubwiyunge n'ubudaheranwa ni ingingo zose Minisitiri Dr Bizimana avuga ko zigihari kandi zikurikizwa.

Ubumwe bw'Abanyarwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi byabaye ngombwa kongera kubwubaka kuko bwari bwasenyutse, busenywe na Jenoside.

Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu igaragaza ko hari umubare munini cyane w'Abanyarwanda bagize uruhare muri Jenoside.

Inkiko Gacaca zasoje imirimo yazo zimaze guca imanza 1 954 638 bivuze ko Abanyarwanda hafi miliyoni ebyiri bagize uruhare muri Jenoside.

Aba ni abakurikiranywe n'ubutabera kuko hari n'abayikoze batamenyekanye, bapfuye cyangwa bahunze.

Ati: "Biragaragara ko abarenga miliyoni ebyiri bakoze Jenoside. Byasabaga ko gucira imanza abo bantu, bakanajyanwa muri gereza, bitashobokaga gufunga miliyoni zirenga ebyiri z'abantu, ni ikintu gikomeye."

U Rwanda rwahisemo amahitamo yo kongera kubanisha Abanyarwanda binyuze mu nzira y'ubutabera bwunga, ari na ko Gacaca yitwaga.

Ati: "Abantu bavugishe ukuri, abakoze icyaha bamenyekane bahanwe ariko habeho n'ibihano bitoya bishobora gufasha abantu gusubira mu muryango nyarwanda bakabana n'abandi. Ni aho haziyemo amahitamo yo gusaba imbabazi."

Asobanura ko gusaba imbabazi bivuga uwakoze Jenoside, usaba imbabazi uwo yayikoreye. Ubwiyunge burareba uwakoze Jenoside n'uwayikorewe.

Nyuma y'imyaka 31 Jenoside yakorewe Abatutsi ihagaritswe, Minisitiri Dr Bizimana avuga ko hari abataragize uruhare muri Jenoside ari benshi cyane bamaze kuvuka, hari n'abari batoya Jenoside iba batayigizemo uruhare namba, badafite uwo baka imbabazi, badafite n'uwo baziha kuko bitabareba ako kanya.

Ni mu gihe ariko ngo ibikomere bikomoka kuri ayo mateka bibagiraho ingaruka.

Agira ati: "Umwana ukomoka ku mubyeyi wakoze Jenoside afite ibikomere bituruka ku mateka y'ubwicanyi bwakozwe na se."

Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu igaragaza ko uwo mwana akeneye urugendo rwo gukira ibyo bikomere bityo ntaheranwe n'icyaha cyakozwe n'ababyeyi, icyakozwe n'abavandimwe, ntaheranwe kandi n'ubwicanyi bwakozwe n'abo mu muryango we.

Abarokotse Jenoside bafite ibikomere ndetse n'ababakomokaho kandi ibikomere bigenda bikurikirana.

Ibi ngo binagaragarira k'umwana uvuka k'umuntu wasigaye ari wenyine agasanga adafite Sekuru, adafite Nyirakuru, adafite Sewabo, adafite babyara be kandi abo bigana babafite, ibyo na byo hari igikomere bimutera mu buzima.

Minisitiri Dr Bizimana agira ati: "Ngaha aho ubudaheranwa buza. Ubudaheranwa yari indangagaciro nyarwanda, yigishaga Abanyarwanda kudaheranwa n'amage, kudaheranwa n'ibyago, kudaheranwa n'ibiza, ukagira imbaraga zo kubisohokamo wishatsemo ibisubizo ariko n'umuryango nyarwanda muri rusange ugufashije."

Avuga ko bwa budaheranwa bugomba gushyirwamo imbaraga, kumvisha ko ari indangagaciro ifasha Abanyarwanda kudaheranwa n'amateka mabi no kudaheranwa n'amateka mabi y'abawe.

Ati: "Dufite n'abana banze kwitandukanya n'ubwicanyi bwakozwe na ba se, batitandukanya n'ingengabitekerezo y'urwango yaranze ababyeyi babo ahubwo bayikomeza, abo rero barimo kwanga kureba ka kamaro k'ubudaheranwa, bagahitamo kuba imbata y'icyaha."

Ubumwe bw'Abanyarwanda ni ipfundo ribahuza bityo ngo ababushenye bakiriho bagomba gusaba imbabazi no kwemera icyaha bakoze.

Abavukiye mu buhunzi bafite ibikomere byabo kimwe n'abavukiye muri FDLR batahuka iki gihe kuko bamaze kuba abasore n'inkumi.

Aba na bo bafite ibikomere byo kuba baragiye muri Congo batahijyanye ahubwo bahajyanywe n'abakoze Jenoside ariko ya mateka akabatera ibikomere by'ubuhunzi no kutiga no kubaho mu buryo bubi bwose.

Ati: "Ubudaheranwa ni indangagaciro igufasha kubana n'ibyo bikomere, bitaguheranye, ukagira icyerekezo, ukagira n'iterambere ry'igihugu ariko udasigaye."

Uwizeye Jean de Dieu, Umukangurambaga mu Bumwe n'ubudaheranwa, avuga ko impamvu abantu batiyunga bituruka ku guheranwa n'ibikomere by'amateka ndetse n'ingengabitekerezo ya Jenoside.

Ati: "Tugira igice cy'Abanyarwanda batahizwe ngo bicwe batanishe ariko bari aho, uyu munsi ni bo bafite ikibazo gikomeye cyane kuko ubundi umuntu wica umuntu wanatekereza ko yasaze ariko ntabwo ari ibinyarwanda usanze umuntu yicwa ugafunga amaboko, wagombye kuba ubihanirwa."

Avuga ko umwana ukomoka ku babyeyi bakoze Jenoside adafashijwe ashobora kugira imyitwarire nk'iy'abakoze Jenoside.

Yongeraho ko umwana w'uwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi na we adafashijwe ashobora kumva ko yaremewe kwicwa.

# Umuturage ntiyaba ku isonga agihura na ruswa n'akarengane- Umuvunyi Mukuru

NYIRANEZA Judith

***Umuvunyi Mukuru Nirere Madeleine, yibukije ko umuturage ataba ku isonga mu gihe yaba agihura na ruswa n'akarengane, anaboneraho kubashishikariza kujya batunga agatoki aho babona haba icyuho cyabyo.***

Yabigarutseho mu Karere ka Ngororero muri gahunda y'icyumweru (13-17/10/2025) yo kubonana n'abaturage bo mu Mirenge ya Ngororero, Nyange na Muhororo mu rwego rwo kwakira ibibazo byabo no kubishakira ibisubizo; kurwanya ruswa n'akarengane bityo umuturage agahora ku isonga.

Umuvunyi Mukuru yasobanuriye abaturage inshingano nyamukuru z'Urwego rw'Umuvunyi harimo kurwanya ruswa n'akarengane mu baturage.

Yagize ati: "Ntiwavuga ngo umuturage ari ku isonga agihura na ruswa n'akarengane. Ni yo mpamvu ku bufatanye bw'inzego zose ruswa n'akarengane bigomba kurwanywa n'imbaraga zose."

Yavuze ko u Rwanda ari urwa 3 muri Afurika mu kurwanya ruswa n'akarengane.

Ku rwego rw'Isi ruri ku mwanya wa 43, naho muri Afurika y'Iburasirazuba u Rwanda ruza ku mwanya wa mbere.

Nirere yasabye abaturage kuba ijisho bakajya babwira ubuyobozi aho babona ibyuho by;akarengane na ruswa.

Ati: "Abaturage murasabwa kugaragaza uruhare rwanyu mu kurwanya ruswa n'akarengane, mubyamaganira kure kandi mugatungira agatoki ubuyobozi aho bigaragaye."

Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba Ntibitura Jean Bosco, yashimiye Urwego rw'Umuvunyi kuko rubaba hafi, bigatuma abaturage basobanukirwa ruswa n'akarengane icyo ari cyo nuko babyirinda.

Abaturage bahawe umwanya babaza ibibazo, babonamo akarengane.

Umwe yabajije impamvu imwe muri Kampani ikora ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro yasatiriye imirima yabo kandi ntibishyure.

Yasubijwe ko iyo kampani igomba kubishyura kuko bitemewe ko yarenga imbago zaho ikorera ifitiye uruhushya.

Ibibazo byabajijwe byibanze ku butaka, amakimbirane no kurenganywa mu manza.

Ibibazo bitandukanye byabajijwe, bimwe byahawe ibisubizo ibindi bihabwa umurongo.



Umuvunyi Mukuru, Nirere Madeleine yibukije ko kuba umuturage ari ku isonga arindwa ruswa n'akarengane

# U Rwanda rurategura kweza toni 6 z'ibigori kuri hegitari 1



Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi Dr Ndabamenye Telesphore

ZIGAMA Theoneste

***Guverinoma y'u Rwanda iri mu mushinga mugari wo kuvugurura ubuhinzi butanga umusaruro ufatika kuri hegitari nibura 600 000 ku buryo umusaruro uva kuri ubwo buso wagera kuri toni esheshatu kuri hegitari imwe, uvuye kuri toni ebyiri kuri hegitari.***

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi Dr Ndabamenye Telesphore, yasobanuye ko iyo gahunda izamara imyaka itanu 5 yo guhuza imikoreshereze y'ubutaka.

Mu kiganiro n'itangazamakuru ku wa Kane tariki ya 17 Ukwakira 2025, Dr. Ndabamenye yavuze ko gahunda yo kongera ubuso bw'ubutaka buhinzweho ibihingwa bitandukanye ihari, ariko ikwiye kujyana no gushyiraho politiki zihamye zo guteza imbere ubuhinzi.

Yagize ati: "Turongera ubuso buhingwa mu bugari, hari n'ibindi bikorwa remezo bikenewe. No mu Rwanda hari aho dufite abahinzi bamaze kwibumbira muri koperative nko mu Karere ka Gatsibo i Ntende, umuceri bageze kuri toni 7 kuri hegitari."

Dr Ndabamenye yavuze ko iyo gahunda yo kuvugurura ubuhinzi ifitemo ibice birindwi by'ingenzi, cyane ko byagaragaye ko ubuhinzi hari igihe budatanga umusaruro kuko haba habuze ifumbire n'imbuto nziza kandi bihagije.

Yahamije ko Guverinoma y'u Rwanda yiyemeje kuvugurura ubuhinzi mu byiciro bitandukanye, aho mu myaka 5, bazagenda basuzuma, uko butera imbere hashingiwe kuri Gahunda y'Igihugu ya Kabiri yo kwihutisha Iterambere (NST2).

Ati: "Igice cya mbere ni uburyo bwo guhuza abahinzi. Icyo twahereyeho ni ukubarura bwa butaka, ubu dufite hegitari zigera kuri 595 000, ku misozi, mu bibaya, mu mabanga y'imisozi no mu mibande."

Yakomeje agira ati: "Hari n'ubundi butaka bujyanye no kubahiriza imikoreshereze y'inzuri, bugera hafi ku bihumbi 92. Muri rusange tuzaba dufite nk'ubutaka bugera kuri hegitari 600 0000, tuzaba tuvuga ko aho kwezaho ibigori toni 2 kuri hegitari, twazamuka tukageza kuri toni 5 cyangwa 6."

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi itangaza ko urwo rugendo ku iyamamazabuhinzi bushingiye ku ntego zo gushyiraho abashinzwe ubuhinzi n'abahinzi bakagira imihigo yo kweza bishimishije kuri hegitari.

Hari gahunda yo guhuza abahinzi n'abafatanyabikorwa bakanigishwa gukoresha ifumbire nziza irimo imborera, no gukoresha ishwagara, kimwe no gushaka uko babona ubwishingizi bw'ibihingwa mu buryo bworoshye.

Hari gahunda kandi yo gushyiraho icyiswe 'icyanya kigega', aho umusaruro uzajya uhunikwa hanyuma abahinzi bagafashwa kubona amasoko yo mu Rwanda no mu mahanga, bikajyana no kubungabunga ubuziranenge bwawo.

Hazabaho kandi gukoresha ikoranabuhanga mu buhinzi by'umwiharo mu gihe cy'isaruro hagamijwe kubungabunga umusaruro.

Raporo y'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) yashyize ahagaragara muri Nzeri 2025, yerekana ko ubuhinzi bwagize uruhare rwa 8% mu musaruro mbumbe w'u Rwanda mu gihembwe cya kabiri cy'uyu mwaka.

Umusaruro w'ibihingwa byoherezwa mu mahanga wazamutseho 42%, bitewe n'izamuka rya 121% ry'umusaruro w'ikawa, ryaturutse ku bicuruzwa byitwaye neza ku isoko mpuzamahanga, ndetse n'imbaraga zashyizwe muri gahunda yo gusimbuza ibiti bishaje by'ikawa n'iyo gusazura ibihari.

Mu cyerekezo 2050, u Rwanda rufite intego yo kugera ku iterambere ry'urwego rw'ubuhinzi bigizwemo uruhare n'abahinzi babigize umwuga, barimo abagore n'abagabo, bazaba bakora ubuhinzi bujyanye n'uruhererekane nyongeragaciro rw'ibikorwa by'inganda n'ubucuruzi.

Ibi bizakorwa binyuze mu kwimakaza ubuhinzi bugezweho bugamije isoko kandi bushobora guhangana n'imihindagurikire y'ibihe n'ikirere, kunoza imikoreshereze y'inyongeramusaruro n'ikoranabuhanga rigezweho hagamijwe kongera umusaruro n'ibindi.





# Abasenateri b'u Rwanda na Pakistan mu bufatanye mu iterambere

ZIGAMA Theoneste

***Itsinda ry'ubushuti hagati y'Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda n'iya Pakistan rigizwe n'Abasenateri bagiranye ibiganiro bigamije guteza imbere umubano w'ibihugu byombi.***

Abasenateri bo muri Pakistan bakiriye neza uru rubuga rwiza rugamije gushimangira umubano mu bukungu no gushyigikira iterambere rirambye binyuze muri dipolomasi y'Inteko Ishinga Amategeko.

Ibihugu byombi bibanye neza, muri Mata 2025, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Nduhungirehe Jean Patrick Olivier, yagiriye uruzinduko rw'akazi rw'iminsi itatu muri Repubulika ya Kiyisilamu ya Pakistan.

Imwe mu ngingo z'ingenzi z'uru ruzinduko kwari ugutaha ku mugaragaro Ambasade y'u Rwanda muri Islamabad mu Murwa Mukuru wa Pakistan, nk'intambwe ikomeye yo kurushaho kwimakaza ubutwererane bw'ibihugu byombi.

Icyicaro cy'Ambasade y'u Rwanda cyatangiye gukorera mu Murwa Mukuru wa Pakstan, Islamabad guhera mu mwaka ushize wa 2024.



Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda n'iya Pakistan zagiranye ibiganiro bigamije guteza imbere umubano w'ibihugu byombi

Uru ruzinduko rwa mbere rwa Minisitiri Amb. Nduhungirehe muri Islamabad kandi rwari rugamije kurushaho kwimakaza ubutwererane bw'u Rwanda na Pakistan mu bya dipolomasi.

Urwo ruzinduko rwabaye nyuma y'ubutumire Minisitiri Amb. Nduhungirehe yahawe na Minisitiri w'Intebe wungirije akaba na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa Pakistan, Sen. Mohammad Ishaq Dar.

Ni uruzinduko kandi Leta ya Pakistan ndetse n'u Rwanda byabonye nk'indi ntambwe y'ingenzi mu kurushaho kwimakaza umubano uzira amakemwa mu bya dipolomasi.

Mu 2023, Pakistan yohereje mu Rwanda ibicuruzwa bifite agaciro k'ibihumbi 456 by'amadolari ya Amerika, byiganjemo imiti ipfunyitse ifite agaciro k'ibihumbi 275 by'amadolari ya Amerika.

Hagati aho, ibicuruzwa u Rwanda rwohereje muri Pakistan muri uwo mwaka bifite agaciro ka miliyoni 26.8 z'amadolari ya Amerika, aho icyayi ari cyo cyari cyinshi kuko gifite agaciro ka miliyoni 26.7 z'amadolari ya Amerika.

U Rwanda na Pakistan byatangije umubano mu bya dipolomasi guhera mu kwezi kwa Nyakanga 1962, kuva icyo gihe kugeza uyu munsi ibihugu byombi bikaba bifatanya mu nzego zirimo ubucuruzi n'ishoramari, ibya gisirikare ndetse n'urwego rw'ubuzima.

Muri Gashyantare 2021, Pakistan yafunguye Ambasade yayo i Kigali, mu gihe mbere y'aho inyungu z'icyo gihugu zarebererwaga n'Ambasade yacyo y'i Nairobi muri Kenya.

Muri Gashyantare 2024, Guverinoma y'u Rwanda yemeje ishyirwaho rya Ambasade yayo muri Pakistan maze ku ya 15 Nyakanga 2024, Ambasaderi wa mbere w'u Rwanda muri Pakistan Fatou Harerimana ashyikiriza Perezida wa Pakistan inyandiko zimwemerera guhagararira igihugu cye.

U Rwanda rubona amahirwe y'ubutwererane na Pakistan mu guhererekanya ubumenyi, gahunda zihuriweho z'ubushakashatsi, ishyirwa mu bikorwa ry'ikoranabuhanga ryimakaza kubungabunga ibidukikije hagamijwe iterambere rirambye.

# Tiriyari 23,1 Frw zigiye gushorwa mu ngufu zikomoka ku mirasire y'izuba

NTAWITONDA Jean Claude

***Guverinoma y'u Rwanda ikomeje kongera imbaraga mu kubyaza ingufu zikenewe mu kugeza amashanyarazi ku Banyarwanda bose bitarenze mu mwaka wa 2030, ikaba iteganya gushora miliyari 16 z'amadolari ya Amerika (tiriyari zisaga 23,1 z'amafaranga y'u Rwanda) mu kongera ingufu zikomoka ku mirasire y'izuba.***

Imibare itangwa na Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA) igaragaza ko kugeza uyu munsi 82% by'ingo zo mu Rwanda zifite umuriro w'amashanyarazi, aho 57% muri zo zifatira ku muyoboro rusange w'Igihugu, naho 25% zikaba zicana umuriro udafatiye ku muyoboro mugari, cyane cyane zikaba zikoresha amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba.

Gucanira Abanyarwanda bose bitarenze mu mwaka wa 2030, bizashyira u Rwanda ku mwanya w'imbere muri Afurika y'Iburasirazuba nka kimwe mu bihugu bya Afurika byesheje umuhigo mu kugera ku ngufu.

Nubwo hari intambwe imaze guterwa kugeza ubu, ingufu zikomoka ku mirasire y'izuba ziracyangana na 1% cya Megawati (MW) 406 z'ingufu zimaze gukusanywa, mu gihe ingufu zikomoka ku mazi ari 39%.

Impuguke zivuga ko kuba ingufu ziturukа ku mazi ari zo nyinshi cyane bishyira u Rwanda mu byago byo kwibasirwa n'ingaruka zirutuka ku mihindagurikire y'ibihe nk'amapfa cyangwa impeshyi zishobora kubangamira ikusanywa ry'ingufu.

Muri gahunda ya Guverinoma y'imyaka 25 yo gukusanya ingufu z'amashanyarazi zihendutse (hagati ya 2024-2050), u Rwanda ruteganya kongera ubushobozi bw'ingufu ziturukа ku mirasire y'izuba zikagera kuri Megawati 1 500 bitarenze mu 2050.

Leta y'u Rwanda iteganya ko bitarenze mu mwaka wa 2035 izaba ikeneye nibura miliyari 3,6 z'amadolari ya Amerika kugira ngo igere ku ngufu z'amashanyarazi zizaba zikenewe, harimo miliyoni 69 z'amadolari zizaba zikenewe mu gushyira mu bikorwa imishinga y'igihe gito ikusanya ingufu ziturukа ku mirasire y'izuba.

Hagati y'umwaka wa 2035 na 2050, gukusanya ingufu z'amashanyarazi aturuka ku mirasire y'izuba bishobora kuzatwara nibura miliyari 38 z'amadolari ya Amerika, aho azashorwa mu ngufu zikomoka ku mirasire y'izuba ari yo asaga miliyari 16 z'amadolari ya Amerika.



Ingufu zikomoka ku mirasire y'izuba zigenda zishyirwamo imbaraga

Ikigo cy'Igihugu cy'Ingufu (REG) ni cyo kireberera imishinga yo kubyaza ingufu no kuzikwirakwiza binyuze mu mashami yayo EUCL na EDCL).

Abashoramari bigenga basabwa gutanga umusanzu wabo mu kubyaza ingufu uburyo bwose buhari kandi bakabikora ku giti cyabo ariko EUCL ibafasha kuzihuza na gahunda y'Igihugu.

U Rwanda nirugera kuri iyo ntego, ruzaba intangarugero ku bihugu by'Afurika mu gukusanya no gukwirakwiza amashanyarazi mu buryo burambye.

# Dr. Frank Habineza na Alphonse Nkubana batorewe kuba Abasenateri



Dr Frank Habineza na Alphonse Nkubana batorewe kuba Abasenateri

**KAMALIZA Agnes**

***Dr. Frank Habineza uyobora ishyaka Riharanira Demokarasi no Kurengera Ibidukikije (Democaratic Green Party Rwanda) na Alphonse Nkubana uyobora Ishyaka ry'Ubwisungane Bugamije Iterambere (PSP), batowe n'abahagarariye Ihuriro ry'Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda (NFPO) kuba Abasenateri.***

Mu nama rusange idasanzwe y'iryo huriro yateraniye i Kigali ku wa Kabiri tariki ya 14 Ukwakira 2025 ni yo yatoye abo bakandida hakaba hategerejwe ko bazashyikirizwa Urukiko rw'Ikirenga kugira ngo rubemeze.

Urukiko nirubyemeza abo Basenateri bakaba bazasimbura Senateri Mugisha Alexis na Senateri Clotilde Mukakarangwa bazarangiza manda zabo ku wa 22 Ukwakira 2025.

Dr. Habineza Frank wiyamamarije kuba Umukuru w'Igihugu inshuro ebyiri zose ariko agatsindwa, mu 2018 yinjiye mu Nteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda Umutwe w'Abadepite, ariko aza kuvamo asoje manda, ndetse yongeye kwiyamamariza kuyobora u Rwanda muri manda ya 2024-2029.

Uyu mugabo yashinze ishyaka DGPR mu mwaka wa 2009, ariko riza kwandikwa mu mashyaka yemewe mu Rwanda nyuma y'igihe kinini ryamaze ritaruzuza ibisabwa.

Ku rundi ruhande, Alphonse Nkubana ni we muyobozi w'Ishyaka PSP ariko akaba ari na we wari Umuvugizi w'Ihuriro NFPO guhera mu mwaka ushize wa 2024.

# Nyamagabe: Impunzi z'Abanyekongo zirasaba Leta aho kwagurira ubworozi

**MUTETERAZINA Shifah**

***Impunzi z'Abanyekongo zibarizwa mu Nkambi ya Kigeme iherereye mu Karere ka Nyamagabe, bashima uburyo bakiriwe mu Rwanda ariko bagasaba ko bashakirwa aho gukorera ubworozi n'ubuhinzi kugira ngo barusheho kwiteza imbere.***



Impunzi z'Abanyekongo zibarizwa mu Nkambi ya Kigeme zifuza kwagurirwa aho zikorera ubucuruzi n'ubworozi

Izo mpunzi zivuga ko zatangiye ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi hagati mu nkambi ariko ubuso bakoreraho ngo ni buto, ari na yo mpamvu basaba ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamagabe kubatiza ubutaka bwagutse.

Uhagarariye izo mpunzi Munyakarambi Edison, yabikomojeho ku wa Kabiri tariki 14 Ukwakira 2025, ubwo hatangizwaga ukwezi kwahariwe uruhare rw'umuturage mu bimukorerwa mu muhango wabereye mu Murenge wa Kibirizi.

Munyakarambi Edison yahereye ku gushimira Leta y'u Rwanda yubakiye, ikabatuza ndetse igamimeza no guharanira ko imibereho yabo irushaho kumera neza.

Yagize ati: "Mu izina ry'impunzi no mu ryanjye bwite turashima uko twakiriwe mu Rwanda, kandi turashima abaturage bemeye tugasaranganya kuko duhurira muri byinshi birimo isoko, aho guhinga n'ibindi.

Mu nkambi dufite ubworozi tukaba twifuza ko nibishobokera Akarere bagira aho batugenera kugira ngo babe bahadutije tukaba twororemo muri iryo terambere natwe turebe ko byakunda."

Akomeza avuga ko nubwo hari ibishanga bahawe bahingamo birimo icya Mishishito gihingamo imiryango igera kuri 500, hamwe n'abandi bafatanya n'abaturage guhinga mu gishanga cy'i Nzega, bifuza ahandi kuko imiryango itarabona aho guhinga no kororera ikiri myinshi.

Ati: "Ikindi cyifuzo ni uko haramutse hari n'ahandi haboneka ho guhinga urumva imiryango igize inkambi ni 2.009, tubonye n'ahandi tugakomeza muri iryo terambere byaba ari byiza."

**Abaturage ba Nyamagabe banyotewe n'iterambere**

KOMEZA KU RUP.17





IBIKURIKIRA URUP.16

Abaturage b'Akarere ka Nyamagabe muri rusange, na bo bagaragaje ibyifuzo binyuranye bishimangira ko bakeneye kwegerezwa ibikorwa by'iterambere.

Bamwe basabye amazi n'imihanda, bagasaba ko byashyirwa mu ngengo y'imari ya 2026-2027 nkuko bisobanurwa na Hatangimana Jean Bosco, utuye mu Murenge wa Tare.

Ati: "Icyifuzo dufite nk'abaturage ba Gasarenda, tubonye umuhanda wa Gasarenda-Gisovu-Karongi ugizwe na Kaburimbo byadufasha kwihutisha ubuhahirane hagati y'Akarere kacu na Karongi. Ikindi turasaba isoko rya kijyambere rya Gasarenda ndetse na Gare y'aho imaze igihe yubakwa ariko itaruzura."

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu Marie Solange Kayisire, yashimiye abaturage ku ruhare bagize mu igenamigambi ry'umwaka ushize ariko abasaba gukomeza kwiteza imbere kuko iterambere ry'Akarere rihera ku muntu ku giti cye.

Ati: "Turashimira uruhare rw'abaturage mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'iterambere byaba ibyo twagezeho byabateje bikagira impinduka ku mibereho yabo.

Turashishikariza buri wese uruhare rusesuye mu iterambere. Iterambere ry'Akarere ritangirira kuri buri muntu n'urugo rwe, iyo umaze umwaka ubona ntacyo wagezeho burya uba udindiza n'itarambere ry'Akarere."

Ukwezi kwahariwe uruhare rw'umuturage mu igenamigambi ni gahunda ya Leta ishyirwa mu bikorwa na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ikaba yaragiyeho kugira ngo abaturage bajye batanga ibitekerezo by'ibyo bakeneye bityo bibafashe kumva neza impamvu yo kubiharanira no kubibungabunga bafatanyije n'ubuyobozi bwabo.

# Ngororero: Urwego rw'Umuvunyi rwakemuye ibibazo 105 mu minsi 5



Urwego rw'Umuvunyi rwakemuye ibibazo bigera mu 105 mu minsi 5

**UBWANDITSI**

***Guhera ku itariki 13 kugeza ku ya 17 Ukwakira 2025, Urwego rw'Umuvunyi rwakomereje gahunda ngarukamwaka yo gukumira no kurwanya akarengane mu Karere ka Ngororero, aho rwakiriye ibibazo bisaga 250 byahise bikemurwamo 105 mu gihe cy'iminsi itanu gusa.***

Ubuyobozi bw'Urwego rw'Umuvunyi bwagaragaje ko ibibazo bisigaye na byo byahawe umurongo inzego z'ibanze zigenderaho mu kubikemura zigatanga raporo mu gihe kitarenze ukwezi.

Muri iyi gahunda Urwego rw'Umuvunyi rwateguye ku bufatanye na Minisiteri y'Igihugu, abayobozi mu byiciro bitandukanye batanze ubutumwa ku bitabiriye iyi gahunda, bugamije kubakangurira gukumira no kurwanya akarengane na ruswa.

Iyi gahunda igamije kwigisha abaturage kumenya uburenganzira bwabo, imikorere y'Urwego rw'Umuvunyi n'inshingano zarwo, uruhare rw'abaturage n'abayobozi mu kwirinda akarengane na ruswa, kwakira no gukemura ibibazo by'abaturage babasanze aho batuye mu guhoza umuturage ku isonga muri gahunda yiswe "Umuvunyi Iwacu".

Nirere Madeleine, Umuvunyi Mukuru, yagize ati: "Dukwiye gushima Leta yashyizeho Urwego rw'Umuvunyi ngo hatagira umuturage urengana, ariko kandi mukwiye no kwishimira Leta ibatekereza, abayobozi bakabegera bakabasanga aho mutuye mutiriwe muza i Kigali gutanga ibibazo, ahubwo twe tukabegera tugafatanya urugamba rwo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa kuko biri muri gahunda yo guhoza umuturage ku isonga kuko ni we dukorera."

Mu butumwa abitabiriye iyi gahunda bahawe harimo no kubashishikariza gukemura ibibazo by'amakimbirane mu miryango bitabaye ngombwa kwitabaza Inkiko.

Yankulije Odette, Umuvunyi Wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya akarengane, ati:"Iyo ugiye mu nkiko ikibazo cyawe kiba kigomba gukemukira muri iyo nzira, ariko kandi mwibuke ko nta rwego cyangwa umuntu uvuguruza icyemezo cy'urukiko. Ibyiza mbere yo kujya mu nkiko mwabanza kugerageza inzira z'ubwumvikane, zananirana mukiyambaza ubuyobozi bubegereye aho kugira ngo mubwegere muvuye mu nkiko ntacyo biri buhindure."

Yakomeje asaba abayobozi mu nzego zinyuranye gufasha abaturage babakemurira ibibazo aho kubohereza mu Bunzi cyangwa mu Nkiko.

Si ubutumwa bwo gukumira no kurwanya akarengane gusa bwatangiwe muri iyi gahunda kuko abayobozi basabye abaturage gukumira, bakirinda kandi bakarwanya ruswa.

Mukama Abbas, Umuvunyi Wungirije ushinzwe gukumira no kurwanya ruswa, ati: "Umuyobozi cyangwa umuturage nakwa karuswa ukayimuha nawe ntaho uzaba utaniye na we, kandi ntuzaba ufashije Igihugu kwiyubaka.

Ahubwo niba hari ukwatse ruswa ngo aguhe serivisi runaka twe duhe amakuru ibindi tubyikurikiranire kandi tugomba kukurinda ntihagire umenya ko ari wowe watanze amakuru, nomero irahari kandi ni ubuntu; ni 199."

Muri iyi gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane mu Karere ka Ngororero, kwakira ibibazo by'abaturage no kubikemura byihariye umwanya munini bituma abaturage babyishimira.

Nyirabavakure Theodette utuye mu Kagari ka Rususa, Umurenge wa Ngororero, Akarere ka Ngororero, yagize ati "Ubuyobozi aho batwegereye, aho Umuvunyi yatwegereye na we, nta kibazo tukigira ngo tucyihererane. Nkanjye ubwanjye mfite umutware yari yaragiranye ikibazo n'umuturanyi gishingiye ku butaka agahora adushyira ku nkeke, ikibazo akigeza ku Muvunyi. Aho baziye hano mu Ngororero rero ikibazo cyahise gikemuka, ni ibintu twishimiye"

Muri rusange, ibibazo byakiriwe byose hamwe ni 255, muri byo 105 byahise bikemuka, 143 muri byo Urwego rw'Umuvunyi rubiha umurongo bikemurwamo rusaba Inzego bireba kubitangira raporo y'umwanzuro byafaitwe mu gihe kitarenze ukwezi, naho birindwi Urwego rw'Umuvunyi rukazakomeza kubikurikirana rubikemure.

Ubuyobozi bw'Intara y'Iburengerazuba, n'ubw'Akarere ka Ngororero, bwashimiye Urwego rw'Umuvunyi na Minisiteriy'Ubutegetsi bw'Igihugu bateguye iyi gahunda imaze icyumweru ikanatanga umusaruro ufatika.

Abahagarariye Urwego rw'Umuvunyi na bo bashimjye Inzego z'ibanze ku bw'ubufatanye bagaragaje mu gukemura ibibazo by'abaturage.



Umuyobozi wa NCHR Umurungi Providence, yavuze ko ubucucike mu magororero bwagabanyutse

# Ubucucike mu magororero y'u Rwanda bwagabanyu tseho 24,3%

ZIGAMA Theoneste

***Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu (NCHR), yagaragaje ko mu mwaka wa 2024/2025 ubucucike mu magororero y'u Rwanda bwagabanyutseho 24,3% ugereranyije n'umwaka wa 2023/2024 aho bwavuye ku 134,3% bugera ku 110%.***

Perezida wa NCHR, Umurungi Providence yabigarutseho ku wa Gatatu tariki ya 15 Ukwakira 2025, mu kiganiro yahaye abagize Inteko Ishinga Amategeko imitwe yombi, cyagarukaga ku bikorwa byakozwe n'iyo Komisiyo mu mwaka wa 2024/2025 n'ibiteganyijwe mu mwaka wa 2025/2026.

Komisiyo yakoze igenzura ry'iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu magororero 14, mu ngando icumbikiye abagororwa bakora igihano cy'imirimo y'inyungu rusange mu Karere ka Rwamagana.

Yarikoze kandi muri kasho z'Ubugenzacyaha 112, mu bigo by'igororamuco ry'ibanze 29, mu bigo ngororamuco 3, mu bigo 9 byita ku bageze mu zabukuru, mu ngo 3 z'impinganzima n'ibitaro no mu bigo 5 byita ku barwayi bafite uburwayi bwo mu mutwe.

Umurungi yavuze ko kugira ngo ubwo bucucikije bugabanyuke byaturutse kuri gahunda na politiki bitandukanye byashyizweho, zirimo gukemura ibibazo binyuze mu bwimvikane, ubuhuza n'ibindi.

Ati: "Kuba umubare w'abafungiye mu magororero waragabanyutse ni byiza, turizera ko bizakomeza, ziriya politiki zo kumvikanisha abantu, zakomeza kugira umusaruro mwiza ku bafungiyemo".

Yakomeje avuga ko iyo raporo imaze gukorwa, Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora (RCS) rwatangaje ko mu mpera za Kanama 2025, uyu mubare w'ubucucike mu magororero wageze kuri 103,8%, bisobanuye ko ubucucike bwari bugabanyutse kuri 3,8% muri uko kwezi.

Umurungi ati: "Mu magororero ya Huye na Rusizi ni ho twasanze ubucucike bwinshi, kuko ari ho twasanze abantu bakirara ku mbaho no kuri sima, bashyiraho agashuka cyangwa ibiringiti, mu gihe mu yandi magororero adafite ubucucike bukabije, baba bafite ibitanda n'utumatora."

Yagaragaje imbogamizi z'amagororero ashaje arimo aya Bugesera, Muhanga, Ngoma na Rusizi.

Yanashimye amagororero yose afite ibyumba byaganewe abafite indwara zandura nk'igituntu n'izindi.

Yavuze ko amagororero hafi ya yose afite ubwiherero n'ubwogero buhagije ariko irya Rwamagana ryo ridafite aho kwivuriza hahagije kuko rigira abantu benshi bahagororerwa kubavuza bikagorana kuko amavuriro ahakikije atabitaho uko bikwiye kubera ubwinshi bwabo.

Yavuze ko kandi hakiri ikibazo mu magororero ya Ngoma na Nyamagabe cy'abana babana na ba nyina mu magororero ariko hari ikibazo cy'uko batamenya uko bafatwa nyuma yo kubatandukanya na bo kuko iyo basubiye mu miryango bamwe badasubira kubasura.

# Abanyarwanda bihagije mu biribwa bageze kuri 83%

ZIGAMA Theoneste

***Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi MINAGRI yatangaje ko kugeza ubu Abanyarwanda bamaze kwihaza mu biribwa bageze kuri 83% kavuye kuri 79,2%.***

Byagarutsweho ku wa Kane tariki ya 16 Ukwakira 2025, mu kiganiro n'itangazamakuru cyagarukaga ku myiteguro yo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ibiribwa, u Rwanda ruzihiza tariki ya 24 Ukwakira 2025.

Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buhinzi n'Ibiribwa (FAO), ryemeje ko ibihugu byizihiza uwo munsi ku Isi buri tariki ya 16 Ukwakira buri mwaka. Icyakora, buri gihugu gihitamo igihe cyo kuwizihiza.

Umunyamabanga wa Leta muri MINAGRI, Dr Ndabamenye Telesphore yavuze ko kuzamuka kuri icyo kigero byatewe nuko hashyizweho ingamba zo guteza imbere ubuhinzi birimo kuhira no guhinga ubutaka buhagije ndetse n'ubukangurambaga bwo gufasha abaturage kurya indyo yuzuye.

Yagize ati: "Twagiye dukora gahunda ziteza imbere ubuhinzi n'ubworozi zifite imbaraga ndetse Guverinoma y'u Rwanda ishyiramo ingengo y'imari kugira ngo abaturage bashobora kubura ibibatunga bihagije bagabanyuke.

Yavuze ko u Rwanda rwakoze ibishoboka byose nyuma yo kuva mu bibazo byatewe n'icyorezo cya COVID 19, aho abaturage babonye ibibatunga biyongereye.

Dr Ndabamenye ati: "Bavuye kuri 79,2% ariko ubu tukaba tugeze nibura mu baturage bihagije 83%."

Yunzemo ati: "Ibyo ntibivuze ko umuturage wese aba anganya ibyo kurya n'undi. Icyo twita umutekano w'ibiribwa, nko kugira uturyo duke cyangwa se tudahagije, byavuye kuri 2% bigera ku 1%, naho abatabifite bihagije barya rimwe ku munsi ni 16% bavuye kuri 19%".

Dr Mukantwali Christine, Umuyobozi w'ishami rishinzwe imirire muri FAO, Ishami ry'u Rwanda, yabwiye itangazamakuru ko abantu bakwiye gusobanukirwa uko bakwihaza mu biribwa.

Ati: "Ubushakashatsi buheruka gukorwa bwerekana uko ibiryo biboneka bihagije. FAO igaragaza ko ubusanzwe umuntu akwiye kurya ibiryo by'amoko 12 atandukanye, harimo ibinyampeke, ibinyabijumba by'umweru, imboga n'imbuto za vitamine, inyama, amafi, amata n'ibyo kunywa (amazi)."

Yakomeje avuga ko buri munsi nibura muri ubwo bwoko abantu bakwiye kugira ibyo barya birimo ibinyampeke, inyama kandi bagashyiramo amavuta aringaniye.

Yavuze ko imiryango ingana na 5% yo mu Rwanda mu cyumweru ari iyo ubasha kubona inyama, amafi n'amata, ariko 95% ubu ntibabibona uko bikwiye muri icyo gihe.

Uyu munsi wo kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'ibiribwa ufite insanganyamatsiko igira iti: "Dufatanyije mu ntego yo kugira ibiryo bihagije kugira ngo tugire ejo heza."

KOMEZA KU RUP.19





IBIKURIKIRA URUP.18

MINAGRI ivuga ko Nyamagabe ari ko Karere kari inyuma mu kugira ibiribwa bihagije ari na ho hazizihirizwa umunsi mpuzamahanga w'ibirwa tariki ya 24 Ukwakira 2025.

MINAGRI ivuga ko mbere y'uko uwo munsi wizihizwa, hakomeje ubukangurambaga bwo gushishikariza abahinzi guhinga neza kugira ngo bazeze ibihagije basagurire amasoko.

Ku munsi w'ibiribwa ku Isi biteganyijwe ko hazabaho gushishikariza abaturage gutera ibiti by'imbuto ziribwa kuko byagaragaye ko imbuto ari igihingwa cy'ingenzi bityo gikwiye guhabwa agaciro.



Kwihaza mu biribwa ku Banyarwanda biri ku gipimo cyiza, ariko gahunda ni 100%

Hazibandwa ku mashuri abanza n'ayisumbuye kugira ngo urubyiruko rugire umuco wo kubikurana.

Hazabaho kandi gutanga amatungo magufi, arimo inkoko, ingurube n'inkwavu kuko yoroha kuyorora akazafasha abaturage kubona intungamubiri.

Imibare itangwa n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku biribwa ku Isi (FAO) rivuga ko abaturage basaga miliyoni 700 badafite ibiribwa bihagije.

Muri Afurika yo munsi y'Ubutayu bwa Sahara, abaturage bagera kuri miliyoni 240 badafite ibiribwa bihagije.

# Ibibazo bigaragara mu mavuriro y'ibanze byatangiye kuvugutirwa umuti



Amavuriro yibanze yitaweho, ibibazo bigaragaramo biragenda bikemurwa

NYIRANEZA Judith

***Ibibazo bitandukanye bigaragara mu mavuriro y'ibanze birimo kuba amwe afunga imiryango, imiti itahaboneka, gutinda kwishyurwa, kutagira abaganga bahagije, ibibazo by'amazi n'amashanyarazi n'ibindi, Minisiteri y'Ubuzima iri muri gahunda yo kubishakira ibisubizo, bikazarushaho gufasha abaturage kugira ubuzima bwiza.***

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuzima, Dr Butera Ivan yabisobanuriye Abasenateri, ku wa Gatatu tariki ya 15 Ukwakira 2025, agaragaza ingamba zatangiye ndetse n'iziteganyijwe zigamije gukuraho imbogamizi zikiri mu mikorere y'amavuriro y'ibanze.

Ku kibazo kirebana no kuba amwe mu mavuriro y'ibanze adakora yarafunze imiryango, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuzima (MINISANTE), Dr Butera yagarutse ku mpamvu yo gufunga n'ingamba zihari ngo akore.

Yagize ati: "Hari amavuriro y'ibanze adakora kuko atashyizwe aho yagombaga kuba ari, […] hari aho twabonye ayo mavuriro y'ibanze akenewe, hari ibitaragenze neza umuntu agerageza kubikosora, hari ahazakosorwa hari ayo twasanze ari ahantu hadakenewe cyane, ku mpamvu zuko igenamigambi ritanogejwe neza, cyangwa hari hakenewe icyo gihe."

Yongeyeho ati: "Ubu tuzabihuza ibintu 3 ari byo ahari abantu benshi bakeneye izo serivisi, icya kabiri ni ahari ubusabe bw'abantu ariko ugasanga irindi vuririo bagana riri kure cyane. Ikindi ku mavuriro mashya bizanahuzwa nuko habona agabanga hagahita hatangira gukora. Hazahabo ko ivuriro rijya ahantu rikora neza, bizanozwa."

Ibura ry'imwe mu miti ku mavuriro y'ibanze, Dr Butera yavuze ko byaganiriweho, ku buryo Ikigo gishinzwe kugura no gukwirakwiza imiti n'ibikoresho byo kwa muganga mu Rwanda (Rwanda Medical Supply Ltd) kibigeza kuri ayo mavuriro ndetse no kwishyurwa byaganiriweho bizatunganywa n'Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda.

Yagize ati: "Ubu tugeze aho bigiye gukora neza, Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB) cyagiye cyivugurura imbuga ku buryo sisiteme zacu zivugana, kuko igihe cyo kwishyura cyatangiye kugabanyuka, ntibizagera hose icya rimwe hari ibikoresho n'ibindi bigomba gutangwa mu mavuriro y'ibanze ngo ikoranabuhanga ribashe gukora neza."

Yakomeje asobanura ko indwara zitungurana, imiti ishobira gushira vuba, mu kubikemura harebwa uko RMS yahaye umunsi wihariye wo kwita mu mavuyriro y'ibanze, irimo irarena uko imiti yava ku cyicaro ariko ikagezwa ku mavuriro y'ibanze, bakazajya bayisangishwa aho ari.

Ikibazo cyo kutagira abaganga bahagije, hasobanuwe ko hatangiye gahunda yo kubongera ku buryo bazikuba kane mu myaka ine (4X4), uhereye mu 2023, kandi byatangiye gutanga umusaruro.

Dr Butera yagize ati: "Iyo gahunda mbere yuko itangira ku mwaka abinjiraga bari 1604 mu mwaka wa 1, bahise baba 4000, bageze ku 5937 mu 2024, ni hafi yo gukuba kane ubu tugeze kuri 3,7 ni ikigaragara ko bishoboka, turabona ko bitanga umusaruro."

Yanagaragaje kandi ko mu byiciro bitandukanye by'ubuvuzi, abaganga bagiye biyongera nk'aho abiga kubaga batangiraga ari 4 none ubu bageze kuri 35, abita ku bana hajyagamo 7, ubu bageze kuri 34 n'ahandi.

# Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yasabye Abanyarwanda kutemezanya bakaburana ukuri

**KAYITARE Jean Paul**

***Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga Domitilla Mukantaganzwa yasabye Abanyarwanda kutagira ihangana ryo kuregana mu nkiko bagamije kwemezanya, ahubwo bakayoboka inzira yo kuburana ukuri.***

Yabigarutseho ubwo yaganiraga n'abacamanza, abanditsi n'abandi bakozi b'inkiko mu ifasi y'Urugereko rw'Urukiko Rukuru rwa Rusizi, mu Ntara y'Iburengerazuba.

Imanza 975 ziganjemo iz'imbonezamubano, kugeza ubu ni zo ziri mu rukiko rwisumbuye rwa Rusizi zitaracibwa.

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Mukantaganzwa, yibukije abakorera mu ifasi y'Urugereko rw'Urukiko Rukuru rwa Rusizi kwihutisha ubutabera ku mpamvu zo guharanira ituze ry'abaturage.

Akomeza agira ati: "Abanyarwanda dufite umuco mubi wo guhangana, aho abantu baburana ishema aho kuburana ukuri. Icyo nasaba Abanyarwanda ni ukubicikaho."

Abantu bagombye gushishikazwa no kwiteza imbere, kubana neza n'abavandimwe babo n'abaturanyi babo aho gushishikazwa no guhangana.

Ati: "Ni ibintu navuga byataye agaciro, ni ibintu bidakwiye gushyigikirwa, Abanyarwanda bakwiye kumva ukuri bakumva ko bakwiye kubaho mu buzima bwa muntu, ubuzima bwiyubaka aho kugira ngo dukomeze mu bibazo biduhanganisha."

Inzego z'ubutabera zisaba abaturage kumva akamaro k'ubuhuza mu nkiko kuko bigabanya umubare w'imanza zitinda gucibwa bikanafasha abagiranye ikibazo kubana neza bityo bagafatanya kubaka umuryango nyarwanda.

Imanza zitinda kurangizwa kuko hari abatarumva gahunda y'ubuhuza ku buryo batsimbarara bagahitamo kuburanishwa n'Inkiko.



**Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga Domitilla Mukantaganzwa yashishikarije Abanyarwanda kujya baburana ukuri**

Nkundukozera Jean Marie Vianney, Perezida w'Urukiko rwisumbuye rwa Rusizi, agira ati: "Imanza nyinshi ni imanza z'ubutane.

Imanza z'ubutane nazo zituruka mu nkiko z'ibanze na ho ni nyinshi cyane kandi ahongaho uretse kubyerekeranye n'imitungo cyangwa n'uburere bw'abana, ku byerekeranye n'ubutane nyirizina, ubuhuza ntabwo bakunda."

Iki si ikibazo kigaragara muri uru rukiko rwisumbuye rwa Rusizi honyine kuko n'ahandi muri iyi ifasi kigihari.

Ikindi, n'Abavoka na bo bari mu bituma gahunda y'ubuhuza igenda biguru ntege bityo abantu bakisanga bakerewe mu nkiko.

Liziki Madeleine, Perezida w'Urukiko rwibanze rwa Bwishyura ruherereye mu Karere ka Karongi, agira ati: "Mu Cyumweru cyashize hari imanza nka 12 zose zaburanywe kandi zagombye kuba zajya mu buhuza.

Batubwira ko buri gihe cyose ko izo manza badashobora kuzijyamo kandi urumva ko icyo gihe tuzikorera twari kuba dufite nyinshi zigatambuka."

Imibare y'Urukiko rw'Ikirenga igaragaza ko kuva muri Mutarama kugeza muri Mata uyu mwaka, imanza 1 020 zarangijwe mu buryo bw'ubuhuza.

# London: U Rwanda rwerekanye itera mbere ry'Isoko ry'Imari n'Imigabane




**U Rwanda rwagaragaje uko isoko ry'imari n'imigabane rikomeje kwiyubaka kandi ari urwego rwunguka rwo gushoramo imari**

**UBWANDITSI**

***Mu nama ngarukamwaka ibera i London mu Bwongereza, ishishikariza abikorera gushora imari muri Afurika (AFSIC- Investing in Africa 2025), u Rwanda rwagaragaje uburyo isoko ry'imari n'imigabane rikomeje kwiyubaka runagaragaza ko ari urwego rwunguka rwo gushoramo imari.***

Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'u Rwanda Rugenzura Isoko ry'Imari n'Imigabane (CMA) Thapelo Tsheole, yavuze ko isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda rikomeje kwiyubaka kandi riri gutanga umusaruro mu rwego rw'abikorera babona imari yo kwagura ibikorwa bakora.

Mu nama yihariye ku Rwanda (Rwanda Country Summit), yateguwe ku bufatanye n'Urwego Rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB) n'Ikigo cy'Imari Mpuzamahanga cya Kigali (KIFC), Tsheole yerekanye amahirwe atangwa n'isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda mu guha uburyo bw'ishoramari ku ngeri zitandukanye.

Yerekanye uko u Rwanda ari igicumbi mpuzamahanga cy'ishoramari bitewe n'imiyoborere myiza, ndetse n'amategeko ahamye arengera abashoramari mu ngeri zitandukanye.

Isoko ry'Imari n'Imigabane mu Rwanda mu mwaka wa 2025 ryakomeje kwaguka no gukura, aho ho impapuro mpeshwamwenda z'ibigo by'abikorera (corporate bonds) zakusanyije miliyari 46 z'amafaranga y'u Rwanda, zirimo n'amafaranga yakusanyijwe kuri iri soko arengera ibidukikije.

Ku rundi ruhande, impapuro mpeshwamwenda muri rusange zakusanyije miliyari 246 z'amafaranga y'u Rwanda, aho igipimo cy'ubusabe cyageze kuri 293% byerekana uko hari inyota yo gukomeza gushora kuri iri soko bivuye ku bashoramari batandukanye.

Tsheole yongeyeho ko isoko ry'imigabane ya sosiyete zigenga na ryo ryazamutse cyane.

Ubusabane ku migabane (equity turnover) bwageze kuri miliyari 63.5 z'amafaranga y'u Rwanda mu 2025, buvuye kuri miliyari 4.7 mu 2024.

Umubare w'imigabane yacurujwe wiyongereye ugera kuri miliyoni 425.2 uvuye kuri miliyoni 22.4 mu mwaka wabanje.

Ubusabane ku mpapuro mpeshwamwenda z'ibigo byigenga ndetse n'iza Leta (bond turnover) bwazamutse bugera kuri miliyari 148.5, izamuka rya 167% ugereranyije n'umwaka ushize.

Ibigega by'abishyize hamwe (collective investment schemes) na byo byageze kuri miliyari 71.4 Frw, izamuka rya 12 ku ijana ugereranyije n'umwaka wa 2024.

Tsheole yashimye imbaraga zashyizwe mu kunoza amategeko agenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda, ndetse no kurushaho gutanga ubumenyi n'amakuru ku bashoramari batandukanye ku mahirwe atangwa n'iri soko.

Inama ya AFSIC – Investing in Africa ni imwe mu mahuriro akomeye yiga ku ishoramari muri Afurika, ihuriza hamwe abayobozi b'ibigo by'ubucuruzi, abashoramari n'inzobere mu by'imari i London mu Bwongereza, baganira ku mahirwe y'ishoramari ari kuri uyu mugabane.





# Musanze: Bahangayikishijwe n'insinga zandaraye muri santere y'ubucuruzi



**Insinga zibangamiye urujya n'uruza muri santere ya Kagano**

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Abaturage bo muri santere y'ubucuruzi ya Kagano, iherereye mu Murenge wa Nyange, Akarere ka Musanze, batewe impungenge no kuba bamaze ibyumweru bibiri babangamiwe n'insinga z'amashanyarazi zandaraye hasi, bitewe n'ipoto yaguye.***

Ni ikibazo gihangayikishije kuko uretse abantu n'ibinyabiziga bigorwa no gutambuka muri ako gace.

Uwamariya Claudine, umwe mu bakorera muri Kagano, avuga ko ziriya nsinga zibatera impungenge kuko ngo zishobora kuzabatwika.

Yagize ati: "Buri munsi tugenda dutinya ko umuntu cyangwa imodoka yanyuraho ikazikobora zikaba zateza impanuka. Insinga ziri hasi cyane, kandi abana bacu bakina hafi aho. Turasaba ko badutabara vuba, mbere y'uko ziteza ibyago."

Abaturage bavuga ko ipoto yaguye iteje impungenge, bafite ubwoba ko insinga zashwanyagurika zigatuma umuntu afatwa n'umuriro.

Nsabiman Jean Claude, utuye hafi y'iyo santere, ati: "Dufite ubwoba ko abana bacu bashobora kugerwaho n'ingaruka ndetse n'imodoka zishobora gukora impanuka. Ubuzima bwacu buri mu kaga, kandi turasaba ko REG ibikemura byihuse kandi mu buryo burambye."

Ikindi kibangamiye abo baturage ni ukubura umuriro, cyane cyane abafatiraga amashanyarazi kuri iyo poto. Hari abacuruzi bavuga ko ibikoresho byabo byangiritse, abandi bakabura ubushobozi bwo gukomeza imirimo yabo, akaba ariyo mpamvu basaba inzego bireba kwihutisha isimbuzwa ry'iyo poto ishobora kuzateza akaga.

Ndayambaje yagize ati: "Ubu bamwe bari mu kizima kuko iriya poto ishaje yateje ibibazo bikomeye, ikimara kurambarara ibikoresho bimwe nka radiyo televiziyo byahuye n'ingorane birashya, ubu igisigaye ni uko izadutwikira inzu, twifuza ko ibi bintu byakosorwa."

Ku ruhande rwa REG, ishami rya Musanze, Umukozi waryo Eng. Batangana Regis yemeza ko iki kibazo bakizi, kandi ko bari mu bikorwa byo gushaka ipoto nshya yo gusimbura iyashaje.

Yagize ati: "Iyo poto yari ihari yaracitse, igomba gusimbuzwa. Ubu turimo kureba uburyo yagera aho igomba gushyirwa. Mu minsi mike, bitarenze icyumweru, iraba yashyizweho, nkaba nsaba abaturage kugendera kure insinga kugira ngo zidateza impanuka, ikindi bakomeze kwihangana, ikibazo kiri mu nzira zo gukemuka".

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Nyange Vedaste Tuyisenge, na we ashimangira ko aya makuru ariyo.

Yagize ati: "Ikibazo cy'insinga z'amashanyarazi zandaraye muri santere y'ubucuruzi ya Kagano cyatewe n'ipoto yashaje turakizi, twarahageze tumenyesha REG nayo kuri ubu irimo gushaka uburyo ipoto yahagera dusaba abaturage kwirinda kwegera ahari insinga z'amashanyarazi."

Kugeza ubu, abaturage bo muri Kagano barasaba ko insinga zandaraye zavanwa ku butaka byihuse, hagashyirwaho ipoto nshya, kugira ngo babashe kubaho mu mutekano no gusubira mu buzima busanzwe. Basaba kandi ko habaho uburyo burambye bwo gusuzuma ipoto zishaje kugira ngo ibibazo nk'ibi bitazongera kubaho.

# Rubavu: Afungiye kwicisha umutego w'igitoki umugore w'umuturanyi



**Uzarama yicishije umugore w'umuturanyi umutego w'igitoki**

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Uzarama w'imyaka 18 y'amavuko afungiwe kuri Sitasiyo y'Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) ya Kanama mu Karere ka Rubavu, akurikiranyweho kwica Manizabayo Béatrice w'imyaka 43 amukubise umutego w'igitoki (urwego, injagwe, isando) mu mutwe inshuro eshatu.***

Bivugwa ko Uzarama yishe uwo mugore w'umuturanyi ubwo yari amukurikiye agiye kumwaka uwo mutego yari ashinguye ku nsina ye ku bw'urugomo.

Umuturage wo mu Mudugudu wa Kabingo, Akagari ka Musabike, Umurenge wa Kanama byabereyemo, yabwiye Imvaho Nshya ko ubusanzwe uyu musore asanzwe ari umushumba uragira inka mu bikuyu byo muri Pariki ya Gishwati kandi ari ku rutonde rw'abasore b'abanyarugomo bita 'Ibihazi'.

Uwo muturage yagize ati: "Hari mu masaha ashyira saa moya z'umugoroba, uyu musore tutamenye niba yari avuye aho aragira inka muri Gishwati mu bikuyu cyangwa hari ahandi yari yiriwe, ajya mu rugo rwa Bahore Jean Chrysostome akura umutego ku nsina ku bw'urugomo gusa, aragenda."

Abana ba nyakwigendera baramubonye bamubaza icyo ayikuriye ku nsina, arabihorera yikomereza urugendo, na bo bahita bahamagara nyina wari uri mu nzu barabimubwira.

Nyina yasohotse yirukanka kuri wa musore amubwira kuwugarura, ahubwo we amugarukana amwirukaho ngo awumukubite.

"[…] Umugore yagarutse amuhunga avuza induru n'abana be basakuza batabaza, umugore agiye kugera mu rugo umusore aba yamushyikiriye amukubita iyo 'njagwe' mu mutwe inshuro 3 umugore ahita apfa."

Undi muturage yabwiye Imvaho Nshya, ati: "Yamaze kumutsinda aho ahita yiruka. Twahise tumushakisha tumufata ataragera kure ashyikirizwa Sitasiyo ya RIB ya Kanama, umurambo wa nyakwigendera ujyanwa mu Bitaro bya Gisenyi."

Abaturage bo muri uwo Murenge barasaba ubuyobozi gukurikiranira hafi abo basore n'abagabo biyise Ibihazi bakora urugomo, bagafatwa mu maguru mashya kuko bidakozwe hari ubundi buzima bwaba buri mu kaga.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kanama Nzabahimana Evariste, yemereye Imvaho Nshya aya makuru, na we yemeza ko uyu musore yari asanzwe yarigize 'Igihazi'.

Ati: "Yari asanzwe yarigize 'Igihazi' na mbere yo kwica uyu mugore amukubise 'injagwe' mu mutwe inshuro eshatu zose. Yahise afatwa, afungiye kuri Sitasiyo ya RIB ya Kanama, Umurambo wa nyakwigendera wajyanywe mu Buruhukiro bw'Ibitaro bya Gisenyi."

Yihanganishije umuryango wagize ibyago, asaba abaturage kwirinda urugomo, bagatanga amakuru hakiri kare ngo rukumirwe.

Nyakwigendera asize umugabo n'abana batatu.

# Nyabihu: Yakuwe mu 'nzu y'akayunguruzo' yubakirwa iya miliyoni 16 Frw



Umuryango wa Ayigihugu Daniel wabaga mu nzu y'igisenge kimeze nkakayunguruzo, urashima ko wubakiwe inzu

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Ayigihugu Daniel w'imyaka 49, ufite ubumuga yatewe na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 wanyagirirwaga mu nzu ishaje yasigiwe n'ababyeyi, yubakiwe inzu igezweho ifite agaciro ka miliyoni 16 z'amafaranga y'u Rwanda.***

Ayigihugu n'abaturanyi be mu Mudugudu wa Kivugiza, Akagari ka Rubaya, Umurenge wa Mukamira, mu Karere ka Nyabihu, bari mu byishimo ku bw'iri cumbi rishya kuko avuye mu nzu yari ifite igisenge cyatobagutitse cyahindutse nk'akayunguruzo, ku buryo imvura yagwaga bakabura aho begeka umusaya.

Uwo mugabo yari amaze imyaka myinshi atuye mu nzu y'ikirangarizwa, aho imvura yagwaga akitwikira ihema cyangwa akajya gusembera mu baturanyi kuko yari ifite igisenge cyaboze, n'ibikoresho bye muri icyo gihe byarangirikaga.

Uyu munsi, Ayigihugu arishimira ko ubuzima bwe bwahindutse kuko inzu yatujwemo igezweho kandi ikaba ifite n'amashanyarazi, ibikoresho byo mu gikoni, intebe, ameza, ibiryamirwa n'ibindi bimuha umutekano usesuye mu rugo rushya.

Ayigihugu yagize ati: "Numvaga ntazongera kugira ubuzima bwiza, ariko ndashimira ubuyobozi bwiza bw'Igihugu bwita ku batishoboye. Ubu ndaryama neza, mfite inzu ifite amatara n'ibikoresho byose. Byose byaturutse ku butabazi bw'inzego z'ubuyobozi, ubufasha bw'abaturage n'imiyoborere myiza. Ndabashimiye kuko bangaruriye icyizere n'icyubahiro. Nzakomeza kuyibungabunga aho izangirika nzahasana."

Yongeraho ko muri ubu we n'umuryango we baryama ahantu hatekanye bakaba baribagiwe uko banyagirirwaga mu nzu y'ikirangarizwa.

Ati: "Ndumva ntuje, kandi ndashimira Leta yacu idasiga uwari wese mu bwigunge, nkanashimira itangazamakuru ryankoreye ubuvugizi kuko nasaga nk'umuntu wari yaribagiranye."

Abaturanyi be na bo bagaragaje ibyishimo byo kubona umuturanyi wabo batabarije abonye igisubizo kirambye, bagashimira n'Imvaho Nshya yabasuye ikamukorera ubuvugizi.

Nyirabufumbira Gaudence, umwe muri bo, ati: "Twese twari tuzi uko yari ameze, inzu ye yari ishaje cyane, ariko ubu turashimira ko Leta yamwitayeho. Ubu arasa neza, afite isuku n'icyizere. Ni urugero rwiza ku bandi baturage, ubu turuhutse impungenge twahoranaga ko inzu izamugwaho n'umuryango we."

Ndagijimana Jean Bosco na we avuga ko yishimiye iki gikorwa cyakozwe n'ubuyobozi, ati: "Byaradushimishije kubona ubuyobozi bumwitayeho. Ubu turizera ko n'abandi batishoboye bazafashwa. Twabonye ko Leta yita ku baturage bose. Nasaba abayobozi bacu kujya bita ku muturage hatabanje kubaho itangazamakuru kuko abayobozi ni bo baba baturanye n'abaturage babo."

Simpenzwe Pascal, Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Nyabihu ushinzwe imibereho myiza y'abaturage, yavuze ko gufasha Ayigihugu biri mu bikorwa byo gufasha abatishoboye, byashyizwe mu bikorwa kugira ngo buri wese abe mu buzima buboneye.

Yagize ati: "Ikibazo cye cyari kimaze igihe koko bigaragara ko aba ahantu hatamuha umutekano, yari yarashyizwe ku rutonde rw'abazafashwa. Ubu twishimira ko yamaze kubakirwa, afite inzu nziza n'ibikoresho by'ibanze. Uyu ni umusaruro w'imiyoborere myiza yita ku baturage, kandi tuzakomeza no gufasha abandi bafite ibibazo nk'ibi, ariko nanone tumusaba kuyifata neza."

Yaboneyeho gusaba abayobozi b'inzego z'ibanze gukomeza gutanga amakuru ku baturage batagira aho kuba, kugira ngo hatagira umuturage wongera kunyagirirwa mu nzu zishaje n'abatagira aho baba; asaba kandi abahabwa inzu kujya bazifata neza.

# Rubavu: Barembejwe n'abajura biba insinga zibagezaho amashanyarazi

**KWIZERA Jean de Dieu**

***Abaturage bo mu Mudugudu wa Rusamaza, Akagari ka Muhira, Umurenge wa Rugerero, mu Karere ka Rubavu, baratabaza inzego zibishinzwe bazisaba kubamururaho abajura babarembeje, aho badahwema kwiba insinga z'amashanyarazi ndetse bakanabatoborera inzu.***

Bavuga ko muri uyu mwaka gusa bamaze kwibwa insinga ku muyoboro w'amashanyarazi inshuro zirenga eshanu kandi buri gihe bakaba basabwa kwiyishyurira izizisimbura, guhera mu myaka itatu ishize.

Abo baturage basaba ko bafashwa guhashya burundu abo bajura kuko ubu bo bakoze iyo bwabaga ngo birindire umutekano ariko bikaba biba iby'ubusa.

Bavuga ko hakenewe izindi ngamba zizatuma bicika burundu na bo bakongera kubona umuriro mu buryo buhoraho, badafite impungenge zo guterateranya amafaranga uko insinga zibwe.

Abaturage bo mu Mudugudu wa Rusamaza, Akagari ka Muhira, Umurenge wa Rugerero, mu Karere ka Rubavu, baratabaza inzego zibishinzwe bazisaba kubamururaho abajura babarembeje, aho badahwema kwiba insinga z'amashanyarazi ndetse bakanabatoborera inzu.

Bavuga ko muri uyu mwaka gusa bamaze kwibwa insinga ku muyoboro w'amashanyarazi inshuro zirenga eshanu kandi buri gihe bakaba basabwa kwiyishyurira izizisimbura, guhera mu myaka itatu ishize.

Abo baturage basaba ko bafashwa guhashya burundu abo bajura kuko ubu bo bakoze iyo bwabaga ngo birindire umutekano ariko bikaba biba iby'ubusa.

Bavuga ko hakenewe izindi ngamba zizatuma bicika burundu na bo bakongera kubona umuriro mu buryo buhoraho, badafite impungenge zo guterateranya amafaranga uko insinga zibwe.

Umwe muri abo baturage yagize ati: "Buri gihe hano batwiba insinga z'amashanyarazi kandi bimaze nk'imyaka itatu. Kugeza ubu muri uyu mwaka bamaze kutwiba insinga dufatiyeho turi ingo umunani inshuro zigera kuri eshanu. Baraza bagakata uruhande rumwe n'urundi bakazijyana niba babanza gukupa umuriro niba babigenza gute byaratuyobeye."

Yakomeje agira ati: "Iteka iyo bazitwaye, dutanga amakuru kwa mu Mudugudu, tukamusaba gutanga raporo ku nzego zibishinzwe akatubwira ko yabikoze, tugategereza ko baduha izindi nsinga ntibikorwe, hashira igihe turi mukizima tukongera tugaterateranya amafaranga gutyo gutyo. Amafaranga amaze kudushiraho kuko ni bwo buzima tubayemo."

Undi muturage yabwiye Imvaho Nshya ko icyo babona cyaba igisubizo ari uko bakongererwa irondo ry'umwuga rifite imbaraga.

KOMEZA KU RUP.23





IBIKURIKIRA URUP.22

Yagize ati: "Turasaba ko baduha irondo rikomeye kuko iryo dufite turaryishyura ariko bikanaba iby'ubusa bakatwiba rihari. Insinga zacu hano baziba buri gihe tukagura izindi, amafaranga amaze kudushiraho kandi ntitunacane."

Bavuga ko iyo batibwe insinga abo bajura bicukura inzu z'abaturage bakibwa n'ibirimo za televiziyo kandi ngo bakaba babivuga iyo bakoze Inteko z'abaturage bikagera ku buyobozi.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rugerero Uwajeneza Jeannette, avuga ko ikibazo cy'abajura biba insinga z'amashanyarazi bakizi kandi ko bafashe ingamba zo kubihashya zirimo no kongera irondo ry'umwuga ndetse no gukorana n'abaturage mu gutanga amakuru y'abo bakeka, agaragaza ko biri gutanga umusaruro.

Yagize ati: "Muri kariya Kagari (Ka Muhira), twari tumaze igihe tuhafite ikibazo cy'ibisambo ariko ubu twashyizeho ingamba zirimo kongera irondo ry'umwuga ndetse tugakorana n'abaturage mu gutanga amakuru kandi biri gutanga umusaruro kuko hari abari gufatwa."

Yakomeje avuga ko uretse no kubiba insinga z'amashanyarazi nk'ubuyobozi banamenye ko abo baturage bibwa 'Televiziyo' zabo, bityo akabasezeranya ko birimo gushakirwa igisubizo kandi ko bafatanyije ibyo bisambo bizacika.

Umuvugizi wa Polisi mu Ntara y'Iburengerazuba SP Sylvestre Twajamahoro, yavuze ko abakora ubujura muri Muhira kimwe n'ahandi bahagurukiwe kandi ko batazigera bihanganirwa.



Abaturage bavuga ko barembejwe n'abajura biba insinga zibagezaho amashanyarazi

Yagize ati: "Abakora ubujura bose barihanangirizwa ko Polisi yahagurikiye abakora ubujura buciye icyuho, abatobora inzu bakiba ibikoresho birimo za Televiziyo, tubabwira ko nta mwanya bafite mu Ntara y'Iburengerazuba ndetse no mu Gihugu muri rusange kuko ubujura bwangiza ibikorwa remezo, budindiza iterambere cyane cyane ubujura bw'insinga zamashanyarazi."

Yasabye abaturage gukomeza gukorana n'inzego z'umutekano batangira amakuru ku gihe.

Ati: "Abaturage turabakangurira gukomeza gutanga amakuru ku bo bakeka bashobora kuba bahungabanya umutekano n'ituze rya rubanda kandi bakihutira kumenyesha Polisi ibegereye kugira ngo habeho gutabararira ku gihe."

Itegeko nº68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ingingo ya 182 ivuga ko umuntu wese usenya cyangwa wonona ku bw'inabi, ku buryo ubwo ari bwo bwose, inyubako yose cyangwa igice kimwe cyayo, inzu, iteme, urugomero, uruhombo rw'amazi n'inzira yarwo, inzira ya gari ya moshi cyangwa ibikoresho ibyo ari byo byose by'itumanaho cyangwa by'ingufu z'amashanyarazi, amariba cyangwa izindi nyubako zose bitari ibye, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni 3 ariko atarenze miliyoni 5 z'amafaranga y'u Rwanda, ariko ishobora no kugera ku myaka 20 y'igifungo bitewe n'ingaruka byagize.

# Rutsiro: Batatu bahitanywe n'ikirombe kimaze amezi 7 gifunzwe

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Bikorimana Jean de Dieu w'imyaka 21, Ndacyayisenga Damascène w'imyaka 26 na Nibayavuge Daniel wa 43, bahitanywe n'ikirombe kimaze amezi arindwi gihagaritswe, cyagwiriye umwe acukuramo amabuye y'agaciro mu buryo bunyuranyije n'amategeko, abandi kikabagwira bagiye kumutabara.***

Icyi kirombe giherereye Mudugudu wa Karumbi, Akagari ka Kirwa, Umurenge wa Murunda, Akarere ka Rutsiro, bivugwa ko cyafunzwe ku wa 30 Werurwe 2025 kubera impungenge cyari giteje zo kuba cyateza impanuka.

Ku wa Gatatu tariki ta 15 Ukwakira, ahagana saa munani z'amanywa ni bwo Bikorimana yagwiriwe n'icyo kirombe agahita ahasiga ubuzima, mu gihe abandi cyagwiriye binjiyemo bagiye kumutabara na bo kikabagwira.

Umuturage wo muri ako gace wavuganye na Imvaho Nshya, yavuze ko Bikorimana yagwiriwe n'igisimu ari kumwe n'abandi ariko bo bariruka.

Icyo gihe abandi batabaye bagerageje gushakisha babona umurambo wa Bikorimana, ariko abandi bo ntibahita baboneka.

Ati: "Ku wa 16 Ukwakira twakomeje gushakisha, mu masaha y'amanywa tubona bariya bandi babiri na bo bapfuye. Imirambo yabo uko ari itatu yajyanywe mu Bitaro bya Murunda gukorerwa isuzuma."

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda mu Ntara y'Iburengerazuba SP Sylvestre Twajamahoro, yahanirije Imvaho Nshya ko iki kirombe bacukuragamo cyari cyarahagaritswe guhera ku wa 30 Werurwe uyu mwaka.



Abantu batatu bahitanywe n'ikirombe cyari cyarahagaritswe gucukurwamo amabuye

Yavuze ko Polisi n'inzego z'ubuyobozi bakoresheje inama abaturage bababwira ububi n'ingaruka zo kwishora mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro butemewe, ko baba bashyira ubuzima bwabo mu kaga.

Yagize ati: "Banakwiye kugira amakenga kuko aho baba bacukura, rimwe na rimwe muri iki gihe cy'imvura hari ubutaka buba bwaroroshye bukaba bwamanuka byoroshye bukabagwira bikabagiraho ingaruka. Ikindi ni imfu nk'izi zivamo, bakaba bakwiye kubireka, cyane ko nta n'uba yabishingiye."

Yaboneyeho gusaba Kompanyi zicukura mu buryo bwemewe n'amategeko kujya zibuka gushaka ubwishingizi bw'abakozi, zikanubaka neza ibirombe zicukuramo mu rwego rwo kwirinda no gukumira impanuka.

Ati: "Turanibutsa n'abafite ibyangombwa bacukura, kwigisha abakozi babo gushaka ubwishingizi, abatabufite bakabubashakira."

Mu ngamba yavuze zo gukumira kwishora muri ubu bucukuzi butemewe n'ingaruka zabwo, SP Sylvestre Twajamahoro, yavuze ko bakomeza kwigisha abaturage, gufunga ibirombe bicukurwa mu buryo butemewe n'amategeko, hakanagenzurwa ko Kampanyi zemerewe gukora ko zikora zubahirije amategeko, zinafite ubwishingizi.

# Burera: Afungiwe guhinga urumogi aruvanga n'imyaka



**Uyu mugabo yari yarahinze ibiti 17 by'urumogi mu murima we**

NGABOYABAHIZI Protais

***Umugabo wo mu Karere ka Burera yafatiwe mu cyuho afite umurima yahinzemo ibiti 17 by'urumogi yavanze n'imyaka y'ibishyimbo, mu Mudugudu wa Ruhanga, Akagari ka Ruhanga mu Murenge wa Rusarabuye muri ako Karere.***

Uwo mugabo yatawe muri yombi mu gitondo cyo ku wa Gatatu tariki ya 15 Ukwakira 2025, biturutse ku makuru yatanzwe n'abaturage.

Umuvugizi wa Polisi mu Ntara y'Amajyaruguru, IP. Ignace Ngirabakunzi, yavuze ko ifatwa ry'uwo mugabo ryahereye ku makuru yatanzwe n'abaturage.

IP. Ngirabakunzi yagize ati: "Amakuru tuyabona ku bufatanye n'abaturage, ni yo mpamvu dukomeza kubashimira. Ariko tunibutsa abishora mu byaha, cyane cyane ibirebana n'ibiyobyabwenge, kubireka kuko nibatabireka bazafatwa kandi babibazwe n'amategeko."

IP Ngirabakunzi yongeye gushimangira ko uko abaturage bafasha inzego z'umutekano gutanga amakuru, ari ko kurwanya ibyaha bitandukanye birushaho gutanga umusaruro.

IP Ngirabakunzi yagize ati : "Icyiza kurenza ibindi ni ukwirinda ibyaha no gutanga amakuru ku gihe. Nshimira abafatanyabikorwa bacu bose kuko akazi bakora gatuma ituze n'umutekano bihora bisesuye,"

Uwafashwe kuri ubu ari sitasiyo ya Polisi ya Rusarabuye kugira ngo akurikiranwe n'inzego zibishinzwe.

Bamwe mu baturage bo mu Murenge wa Rusarabuye bavuga ko batunguwe no kumva ko hari abantu bagifite amayeri yo guhinga urumogi baruvanze n'imyaka.

Mukamana (wahawe izina), umwe mu batuye hafi y'aho uyu murima uri, yagize ati: "Twese dutunguwe no kubona hari abantu batarumva ububi bw'ibiyobyabwenge. Urumogi rwangiza ubuzima kandi rutuma urubyiruko rwangirika. Polisi ikomeze gukurikirana abacyihisha baruhinga rwihishwa, kuko barimo kwangiza ejo hazaza h'abana bacu."

Undi muturage wo muri ako gace, yagize ati: "Hari bamwe bafite amayeri yo guhinga urumogi baruvanze n'ibishyimbo cyangwa ibigori kugira ngo rutagaragara. Turasaba inzego z'umutekano gukaza ubugenzuzi, kandi abaturanyi bakomeze gutanga amakuru kugira ngo abo bantu bafatwe. Turashimira Polisi ikomeje ku rwanya ibi bikorwa bitemewe."

Ingingo ya 263 y'Itegeko riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange (Itangwa n'Itegeko nº 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018) ivuga ko umuntu uhinga, ugurisha, utunda, utanga cyangwa ukoresha ibiyobyabwenge ahanishwa igifungo kuva ku myaka 20 kugeza kuri burundu n'ihazabu iri hagati ya miliyoni 20 na miliyoni 30 z'amafaranga y'u Rwanda, bitewe n'uburemere bw'ikosa ryakozwe.

---

BAHUWIYONGERA Sylvestre

# Rubavu: Yafatanywe ibitoki yibye bamusatse bamusangana udupfunyika 3 tw'urumogi

***Kuri sitasiyo ya RIB ya Rugerero mu Karere ka Rubavu hafungiye Maguru Joël w'imyaka 35 wafashwe yibye ibitoki mu murima w'umuturage witwa Nyiranizeyimana Dative, bamusaka bareba niba nta bindi yibye banamusangana udupfunyika 3 tw'urumogi.***

Igitangaje cy'uwo mugabo, nk'uko Imvaho Nshya yabitangarijwe na Mugabo Jean wari uhari uyu musore abifatanwa, ngo ni uko umugore we yavuze ko uyu mugabo we yigize igihazi, buri joro yajyaga azana n'abandi bantu bakarunywera iwe.

Ati: "Ni umugabo usanzwe yarigize igihazi kinywa ibiyobyabwenge. Akimara gufatirwa mu bitoki by'uriya mugore, mu Mudugudu wa Buzuta, Akagari ka Murambi, Umurenge wa Rubavu, yasakwa ngo barebe niba nta bindi yibye bakamusangana urwo rumogi."

umugore we avuga ko na we abangamiwe n'uko umugabo we buri joro azana abashumba bakarunywera iwe, bikaba byari birambiranye.

Umugore uturanye n'urwo rugo, avuga ko kuva aho uyu mugabo yinjiriye mu bujura n'ibiyobyabwenge, byamushyize mu makimbirane n'umugore we.



**Yafatanywe igitoki yibye mu murima, bamusatse basanga anafite udupfunyika 3 tw'urumogi**

Ati: "Aho atangiriye kujya muri ziriya ngeso mbi, imico ye yarahindutse cyane, mu nama z'abaturage akiyamwa ntiyumve kugeza ubu afatiwe mu cyuho. Twifuza ko yakwigishwa agahinduka, akava muri izo ngeso mbi, agafatanya n'umugore we guharanira iterambere ry'urugo ntirukomeze kudindizwa n'ibyo yareka agatera imbere."

Furaha Jeannette ushinzwe imari n'ubutegetsi mu Murenge wa Rubavu, avuga ko uwo mugabo nyuma yo gufatirwa mu cyuho yibye ibitoki akanatungurana anafatanwa urumogi yahise ashyikirizwa sitasiyo ya RIB ya Rugerero.

Ati: "Nta kindi twari gukora uretse guhita tumushyikiriza sitasiyo ya RIB ya Rugerero ngo abibazwe kuko ubujura n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge bihanwa n'amategeko, ni n'ingeso mbi zikwiye gucika, zinasuzuguza uzinjiyemo, zikanasenya imiryango."

Yavuze ko, binajyanye n'ukwezi kwahariwe umuryango muri aka karere ubuyobozi busaba abaturage kureka ingeso mbi zose zonona ubusugire bw'umuryango, bagaharanira umuryango utekanye.

Ati: "Turifuza umuryango utekanye, uzira ingeso mbi nk'izo z'ubujura n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge kuko ziwudindiza. Nk'uriya icyaha nikimuhama azabihanirwa, umuryango we uhazaharire, nyamara iyo abyirinda yari kuba arimo aharanira iterambere ryawo."

Yavuze ko Umurenge wa Rubavu washyizeho ingamba zo guhashya abakora ibyaha bose, zirimo kwigisha abaturage n'abanyeshuri mu mashuri ububi bw'ibyaha, n'imiryango ikabyigisha abayigize, bakirinda cyane cyane ibiyobyabwenge, haba kubicuruza cyangwa kubinywa.





NGABOYABAHIZI Protais

# Musanze: Uwahereye ku bilo 100 by'ibirayi atunze miliyoni 300 Frw

***Nzabarinda Isaac, umuhinzi w'imyaka 65 wo mu Murenge wa Kinigi, Akarere ka Musanze, ni umwe mu mu buhamya bugenda bw'uko ubuhinzi bushobora kugeza umuntu ku rwego rushimishije mu iterambere, ndetse akaba isoko y'ubukire ku bamuzengurutse.***

Ubuhinzi bw'ibirayi mu Kinigi aho Nzabarinda atuye kandi akanahakorera bumaze imyaka myinshi butanga umusaruro, kuko we ahamya ko yabutangiye mu 2002 ahereye ku bilo 100 gusa ariko impinduka zo mu myaka 23 ishize zatumye aba umushoramari ukomeye mu buhinzi kuko afite umutungo wa miliyoni zisaga 300 z'amafaranga y'u Rwanda.

Uyu muhinzi avuga ko muri ibyo biro 100 yasaruyemo toni imwe n'igice ariho yakuye imbuto n'ibindi birayi yakuyemo amafaranga asaga ibihumbi 800 muri uwo mwaka wa 2002.

Nzabarinda avuga ko yatangije ubuhinzi bwe afite amafaranga y'u Rwanda ibihumbi 150 gusa ari na byo yaguzemo umufuka w'ibirayi, akaba yari afite amahirwe yo kugira imirima mike.

Yagiye atera imbere buhoro buhoro kubera kudacika intege no gukorana neza n'inzego z'ubuhinzi, ubu afite amasambu afite agaciro ka miliyoni 200 z'amafaranga y'u Rwanda kandi mu kwezi kumwe abasha kwinjiza nibura amafaranga y'u Rwanda ibihumbi 400 avuye mu gutubura imbuto.

Avuga ko kugeza uyu munsi muri rusange umutungo we ugeze ku gaciro ka miliyoni zisaga 300, akaba yishimira ko umwuga wafatwaga nk'uw'abantu baciriritse wamuhindukiye isoko y'ubukire.

Yagize ati: "Mu myaka yashize, umuhinzi yafatwaga nk'umuntu wasigaye inyuma, utagira agaciro muri sosiyete, ariko imiyoborere myiza y'Igihugu yatumye umuhinzi agira agaciro. Ubu umuhinzi afite ishema, afite ijambo, kandi ashobora guteza imbere umuryango we. Njyewe ubuhinzi bwankuye mu bukene, bunyubakira izina n'agaciro mu Muryango Nyarwanda."

Yongeraho ko ubuhinzi bwamufunguriye amarembo kuko bwatumye agenda mu ndege kandi atari yarigeze abitekereza.

Yagize ati: "Ubuhinzi bwanjye bwatumye njya mu mahugurwa muri Isiraheli, mbona amahirwe yo kwiga uburyo bugezweho bwo guhinga ibirayi no gutubura imbuto. Kuri ubu, abana banjye bose biga muri kaminuza, byose mbikesha ubuhinzi, ndimo kubategurira kuzakomeza ibi bikorwa byanye aho umwe mu bana banjye namusabye kwiga ubuhinzi arabinkundira abyiga muri Kaminuza y'u Rwanda."



**Nzabarinda Isaac avuga mu gutubura ibirayi yinjiza agera ku bihumbi 400 mu kwezi**

Nzabarinda ashimangira ko atazigera areka ubuhinzi kuko ari bwo bwamuhaye byose, agachishikariza abakiri bato kubwitabira, kuko ari bwo butanga inyungu nyazo mu buryo burambye.

Nubwo Nzabarinda we avuga ko yize amashuri 4 yisumbuye gusa, yishimira ko ubu yahaye akazi abantu batandatu bize za kaminuza, bakamufasha mu micungire y'imirimo ye.

Uretse abo bakozi kandi bahoraho, afite n'abanyamubyizi bagera kuri 50 bamufasha buri munsi mu mirima ye.

Umwe mu bakozi be witwa Uwizeye Marie Claire, avuga ko gukorana na we byamuhaye byinshi, kandi na we ahungukira ubumenyi aho na we ahinga kijyambere ibirayi mu mirima mike afite.

Yagize ati: "Umukoresha wacu ni umuntu utanga icyizere, ahora atwigisha gukunda umurimo no kuzigama. Kuba dukorera mu mirima we, biduha icyizere cy'ejo hazaza kandi natwe twiga uko twakwiteza imbere. Mu myaka 7 maze nkorana na we niguriye inka ya kijyambere ku mafaranga ibihumbi 500 kuko iyo aduhembye nanjye njya mu matsinda, umwuga w'ubuhinzi kuri ubu nta muntu ukwiye kuwukerensa."

Umuyobozi w'Akarere ka Musanze ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, **Uwanyirigira Clarisse,** avuga ko urugero rwa Nzabarinda rugaragaza uburyo ubuhinzi bwateye imbere mu Karere ka Musanze, ndetse ko ari isomo rikomeye ku bandi baturage.

Yagize ati: *"Abahinzi nka Nzabarinda ni icyitegererezo cy'uko ubuhinzi bushobora guhindura ubuzima. Iyo umuhinzi akorana n'inzego z'ubuyobozi, agashyira mu bikorwa inama n'ubumenyi ahabwa, iterambere riraboneka. Turashishikariza n'abandi bahinzi gukunda umurimo, gukoresha imbuto z'indobanure no guhuriza hamwe imbaraga zabo mu makoperative."*

Yakomeje avuga ko ubuhinzi bw'ibirayi bwagize uruhare rukomeye mu guteza imbere Akarere ka Musanze n'Igihugu muri rusange. Ati: *"Abahinzi bafite ishema kandi bafite ijambo mu iterambere ry'Igihugu."*

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU N°025-186413 CYO KUGURISHA INGWATE CYATANZWE KWITALIKI 10/9/2025 KUGIRANGO HISHYURWE UMWENDA WA BANK.

USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MU CYAMUNARA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA UMUTUNGO UTIMUKANWA. UGIZWE N'INZU IRI MUKIBANZA (PLOT) UPI 5/07/09/03/542. BUFITE AGACIRO KANGANA NA (**45,146,683Frws**). UHEREREYE MU MUDUGUDU WA KAGOMA, AKAGARI KA KIBUNGO, UMURENGE WA NTARAMA, AKARERE KA BUGESERA, MU BURASIRAZUBA.

IPIGANWA MU BURYO BW'IKORANABUNGA RIZAKORWA MUBURYO BUKURIKIRA:

**UBURYO CYAMUNARA ZIZAKURIKIRANA MU GIHE HABAYEHO IYIMURWA RYA CYAMUNARA**

| CYAMUNARA | UMUNSI/UKWEZI | UMWAKA | ISAHA |
|---|---|---|---|
| 2 | 13/10 kugeza 20/10 | 2025 | Saa Tanu z'amanywa (11h00) |
| 3 | 22/10kugeza 29/10 | 2025 | Saa Tanu z'amanywa (11h00) |

UMUTUNGO N'INZU IRI MUKIBANZA GIFITE UBUSO BUNGANA NA 1610SQM

USHAKA GUPIGANWA ATANGA IGICIRO ANYUZE KURUBUGA RW'INYANDIKO MPESHA ZIRANGIZWA www.cyamunara.gov.rw KANDI AKISHYURA INGWATE YIPIGANWA ANGANA NA (**2,257,334FRW**)NUKUVUGA 5% YUMUTUNGO UGURISHWA AKAYISHYURA MUBURYO BW'IKORANABUHANGA ABINYUJIJE KURUBUGA www.cyamunara.gov.rw.UWEGUNYE INGWATE AGOMBA KWISHYURA KURI KONTI N°**7075311** MUDAHEMUKA Barahira Johnson IRI MURI ZIGAMA CSS.

GUSURA UMUTUNGO NI BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI.

UKENEYE IBINDI BISOBANURO MWAHAMAGARA KURI Tel; **0788854928**

BIKOREWE KIGALI 13/10/2025

Me Mudahemuka Barahira Johnson

Ushinzwe Kugurish'Ingwate

Me Barahira MUDAHEMUKA Appointed Receiver Tel:0788854928 Johnson

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU

N° **025-191291** CYO KUGURISHA INGWATE CYATANZWE KWITALIKI 15/9/2025 KUGIRANGO HISHYURWE UMWENDA WA BANK.

USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MU CYAMUNARA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA UMUTUNGO UTIMUKANWA. UGIZWE N'INZU IRI MUKIBANZA (PLOT) UPI 1/03/05/04/2894. BUFITE AGACIRO KANGANA NA (**133,331,977Frws**). UHEREREYE MU MUDUGUDU WA ZIRAKAMWA, AKAGARI KA RUBIRIZI, UMURENGE WA KANOMBE, AKARERE KA KICUKIRO, MU MUJYI WA KIGALI.

**UBURYO CYAMUNARA ZIZAKURIKIRANA MU GIHE HABAYEHO IYIMURA RYA CYAMUNARA**

| CYAMUNARA | UMUNSI/UKWEZI | UMWAKA | ISAHA |
|---|---|---|---|
| 1 | 14/10 kugeza 21/10 | 2025 | Saa Tanu z'amanywa (11h00) |
| 2 | 23/10 kugeza 30/10 | 2025 | Saa Tanu z'amanywa (11h00) |
| 3 | 01/10 kugeza 08/11 | 2025 | Saa Tanu z'amanywa (11h00) |

USHAKA GUPIGANWA ATANGA IGICIRO ANYUZE KURUBUGA RW'INYANDIKO MPESHA ZIRANGIZWA www.cyamunara.gov.rw KANDI AKISHYURA INGWATE YIPIGANWA ANGANA NA( **6,666,599FRW**)NUKUVUGA 5% YUMUTUNGO UGURISHWA AKAYISHYURA MUBURYO BW'IKORANABUHANGA ABINYUJIJE KURUBUGA www.cyamunara.gov.rw.UWEGUNYE INGWATE AGOMBA KWISHYURA KURI KONTI N°**7075311** MUDAHEMUKA Barahira Johnson IRI MURI ZIGAMA CSS.

UMUTUNGO N'INZU IRI MUKIBANZA GIFITE UBUSO BUNGANA NA **753**Sqms.

GUSURA UMUTUNGO NI BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI.

UKENEYE IBINDI BISOBANURO MWAHAMAGARA KURI Tel; **0788854928**

BIKOREWE KIGALI 29/9/2025

Me Mudahemuka Barahira Johnson

Ushinzwe Kugurish'Ingwate

Me Barahira MUDAHEMUKA Appointed Receiver Tel:0788854928 Johnson

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU

N° **025-186417** CYO KUGURISHA INGWATE CYATANZWE KWITALIKI 10/9/2025 KUGIRANGO HISHYURWE UMWENDA WA BANK.

USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MU CYAMUNARA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA UMUTUNGO UTIMUKANWA. UGIZWE N'INZU IRI MUKIBANZA (PLOT) UPI 1/03/10/01/3757. BUFITE AGACIRO KANGANA NA (**133,878,844Frws**). UHEREREYE MU MUDUGUDU WA INDATWA, AKAGARI KA KAMASHASHI, UMURENGE WA NYARUGUNGA, AKARERE KA KICUKIRO, MU MUJYI WA KIGALI.

**UBURYO CYAMUNARA ZIZAKURIKIRANA MU GIHE HABAYEHO IYIMURA RYA CYAMUNARA**

| CYAMUNARA | UMUNSI/UKWEZI | UMWAKA | ISAHA |
|---|---|---|---|
| 1 | 14/10 kugeza 21/10 | 2025 | Saa Tanu z'amanywa (11h00) |
| 2 | 23/10 kugeza 30/10 | 2025 | Saa Tanu z'amanywa (11h00) |
| 3 | 01/11 kugeza 08/11 | 2025 | Saa Tanu z'amanywa (11h00) |

USHAKA GUPIGANWA ATANGA IGICIRO ANYUZE KURUBUGA RW'INYANDIKO MPESHA ZIRANGIZWA www.cyamunara.gov.rw KANDI AKISHYURA INGWATE YIPIGANWA ANGANA NA( **6,693,942FRW**)NUKUVUGA 5% YUMUTUNGO UGURISHWA AKAYISHYURA MUBURYO BW'IKORANABUHANGA ABINYUJIJE KURUBUGA www.cyamunara.gov.rw.UWEGUNYE INGWATE AGOMBA KWISHYURA KURI KONTI N°**7075311** MUDAHEMUKA Barahira Johnson IRI MURI ZIGAMA CSS.

UMUTUNGO N'INZU IRI MUKIBANZA GIFITE UBUSO BUNGANA NA **588** Sqms

GUSURA UMUTUNGO NI BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI.

UKENEYE IBINDI BISOBANURO MWAHAMAGARA KURI Tel; **0788854928**

BIKOREWE KIGALI 29/9/2025

Me Mudahemuka Barahira Johnson

Ushinzwe Kugurish'Ingwate

Me Barahira MUDAHEMUKA Appointed Receiver Tel:0788854928 Johnson

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CY,URUKIKO .**N° RC 00798/2024/GAC** RWO KUWA **05/02/2025** KUGIRANGO ½ CY'UMUTUNGO KIKABA UMUGABANE WA INGABIRE IRENE NAHO ½ CY,AMAFARANGA ASIGAYE KIKAZUNGURWA N'ABANA BOSE BA KAMENYI Claude ARIBO KWIBUKA ISHIMWE CEDRIQUE KAMENYI YVES NA KAMENYI YVES AHO BAZAKIGABANA KUBURYO BUNGANA.

UMUHESHA W'INKIKO Me NGENDAHAYO JEAN D'AMOUR ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'UBUTAKA BWUBATSEMO INZU BUFITE **UPI: 2/08/06/03/4375,** UHEREREYE MU MUDUGUDU WA MBARI, M AKAGALI KA KARENGERA UMURENGE WA MUSAMBIRA AKARERE KA KAMONYI, INTARA Y'AMAJEPFO.

| NO | UBUTAKA BWUBATSEMO INZU | UPI | UBUSO | AGACIRO | 5% INGWATE Y'IPIGANWA |
|---|---|---|---|---|---|
| 3 | UBUTAKA | 2/08/06/03/4375 | 1019 SQM | 11,194,000Frw | 559,700Frw |

| CYAMUNARA | UMUNSI/UKWEZI CYAMUNARA IZABERAHO | ISAHA |
|---|---|---|
| INSHURO 3 | KUVA KWA 15/10/2025 KUGEZA 22/10/2025 | SAA YINNE (10h00) |

- CYAMUNARA IZAKORWA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA IPIGANWA RIZAKORERWA KU RUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW. ABIFUZA GUPIGANWA BAGOMBA KUBANZA KWISHYURA AMAFARANGA Y'INGWATE Y'IPIGANWA ANGANA NA 5% Y'IGICIRO FATIZO CY'IMITUNGO TWAVUZE HARUGURU
- KWISHYURA INGWATE KU ISHAMI RYA BANKI YA KIGALI BK:UGOMBA KWITWAZA NO YO KWISHYURIRAHO INGWATE WASABIYE MURI SYSYTEME YA CYAMUNARA, SABA KWISHYURA HAKORESHEJWE URUBUTO PAY.
- KWISHYURA INGWATE UKORESHEJE IKORANABUHANGA: KWISHYURA UKORESHEJE MOBILE MONEY CYANGWA IKARITA YA BANK, BIKORERWA IMBERE MURISYSYTEME UGAKURIKIZA AMABWIRIZA, TURABASABA KUBIKURIKIZA KUGIRANGO MUHABWE SERVICE INOZE
- ABIFUZA GUPIGANWA BAGOMBA GUSURA UMUTUNGO NI BURI MUNSI MUMASAHA Y'AKAZI
- AMAFARANGA Y'UBWISHYU AZASHYIRWA KURI KONTI N° **100009983419/BK** IRI MU MAZINA YA NGENDAHAYO JEAN D'AMOUR.
- UWAKENERA IBINDI BISOBANURO YAHAMAGARA KURI N° ZA TELEPHONE IGENDANWA : **0785 83 04 57.**

**BIKOREWE I KIGALI, KUWA 14/10/2025**

**UMUHESHA W'INKIKO W'UMWUGA**

**NGENDAHAYO JEAN D'AMOUR**

HUISSIER DE JUSTICE PROFESSIONNEL UMUHESHA W'INKIKO W'UMWUGA





Imvaho Nshya Imyidagaduro

# Anita Pendo yahishuye ko gutwita no kubyara bitabuza umuntu kugera ku nzozi ze



Anita Pendo ahamya ko gutwita no kubyara bitabuza umugore kwiga

MUTETERAZINA Shifah

***Umunyamakuru, uvanga umuziki akabifatanya no kuyobora ibirori bitandukanye Anitha Pendo, yibukije abagore n'abakobwa babyara bafite inzozi runaka batari bageraho ko bitababuza kuzigeraho.***

Ibi Anita yabigarutseho yifashishije ubuhamya bwe bwite n'ubw'abagore bakoranye urugendo rwo kwiga icyiciro cya kabiri cya kaminuza arimo gusoza dore ko tariki 17 Ukwakira 2025, ari bwo yagaragaje igitabo yanditse gishingiye ku bushakashatsi yakoze.

Nyuma yo gusobanura ubwo bushakashatsi ku barimu be Anita Pendo, wigaga ibijyanye na 'Mass Communication' yagiranye ikiganiro n'itangazamakuru ahishura ko kwiga abifatanya n'akazi ke ka buri munsi karimo itangazamakuru, kuvanga umuziki no kuyobora ibitaramo no kwita ku bana n'umuryango we muri rusanga bitari byoroshye.

Anita Pendo avuga ko yatangiye kwiga mu 2017, nyuma akaza gutwita no kubyara imfura ye mu gihe yiteguraga gusubira ku ishuri yasamye ubuheta (umwana wa kabiri) nyuma agahita atangira urugamba rwo kubarera nabyo bitoroshye ku babyeyi batandukanye.

Ubwo yari asabwe kugira icyo avuga ku bagore cyangwa abakobwa baba bafite inzozi ariko na bo bagahita batwita cyangwa bakabyara bityo bikaba byaburizamo inzozi zabo yabiteye utwatsi.

Yagize ati: "Uretse ko njyewe nagiraga ibiraka byinshi, iyo bitaza kuba ibyo none se gutwita byakubuza kwiga? Nuko njyewe ndi umuntu ufite inshingano nyinshi kuri benshi, ntabwo gutwita no kubyara byakubuza kugera ku nzozi zawe."

Akomeza avuga ko hari ababyeyi bagendanye urugendo rw'ishuri akabona ukuntu byabaga bibagoye ariko bakabikora ibyo avuga ko byamukoze ku mutima.

Ati: "Ari umuntu ufite abandi bantu bamufasha zimwe mu nshingano ariga hari ababyeyi twakoranaga hano ibizamini ni ukuri akaza akikiye uruhinja, umwana akarira ariko akamushyira ku rutugu akabanza agakora ikizamini kikarangira wumve ngo bya nkoze ku mutima ku buryo utabyumva."

Ni igitabo Anitha Pendo yamuritse ku bushakashatsi yakoze ku buryo itangazamakuru by'umwihariko radiyo zigira uruhare mu kumenyekanisha ibihangano by'abahanzi.

Yasanze radiyo ari ingenzi mu iterambere ry'abahanzi kuko zibafasha mu kumenyekanisha ibihangano kuko ari igikoresho cyorohera buri wese wumva umuziki.

Anita Pendo avuga ko akataje mu kwiga kuko afite gahunda y'uko muri Mutarama aziya ndikisha agatangira kwiga icyiciro cya gatatu cya Kaminuza (Master's) aho yifuza kwiga ibijyanye n'imicungire mu by'itangazamakuru (Media Management).

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU

**INGINGO Z'INGENZI Z'IMPAMVU YO GUSABA GUHINDUZA AMAZINA**

Turamenyesha ko uwitwa SINDAYIGAYA Jean Claude mwene Kamanzi Tasiyani na Kangondo Karitasi, utuye mu Mudugudu wa Nyacyondo, Akagari ka Nyamabuye, Umurenge wa Mata, Akarere ka Nyaruguru, mu Ntara y'Amajyepfo wanditse asaba uburenganzira bwo guhinduza amazina asanganywe ariyo SINDAYIGAYA Jean Claude, akitwa KAMANZI SANO Claude mu gitabo cy'irangamimerere. Impamvu atanga yo guhinduza izina ni Izina ry'umuryango.

Byemejwe na
HABIMANA Dominique
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

Bikorewe i Kigali,
ku wa **07/08/2025**

**Sikana iyo code mu kugenzura iyi nyandiko**
CYANGWA
**Ugenzure ku irembo**
ukoresheje nomero ya dosiye
**B250711064441GVRO**

**ICYITONDERWA:** Kugirango hatabaho uburiganya, shakisha **nomero y'inyandiko** ku rubuga Irembo urebe neza niba iyo nyandiko ari nyayo mbere yo kuyikoresha.

Inyandiko Yatangiwe ku irembo

# Rayon Sports yatsinze Rutsiro FC yongera kwiyunga n'abafana

SHEMA IVAN

***Rayon Sports yatsinze Rutsiro FC ibitego 3-1 mu mukino w'Umunsi wa kane wa Shampiyona, yongera kubona intsinzi nyuma y'imikino ibiri.***

Uyu mukino wabaye ku mugoroba wo kuri uyu wa Gatandatu, tariki ya 18 Ukwakira 2025, kuri Kigali Pele Stadium.

Rayon Sports yatangiye umukino isatira cyane bidatinze ku munota wa 2 yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na Tambwe Gloire ku mupira wazamukanywe na Aziz Bassane.

Ku munota wa 8 Rutsiro FC yabonye igitego cyo kwishyura ku mupira Nshimiyimana Emmanuel 'Kabange' yari asubije inyuma ari mu rubuga rw'amahina usanga Mbombele Jonas ahita arekura ishoti rikomeye riruhukira mu nshundura.

Ku munota wa 30, umukino wagabanyije umuvuduko umupira utangira gukinirwa cyane mu kibuga hagati nta kipe irema uburyo bw'igitego.

Ku munota wa 42, Rayon Sports yabonye igitego cya kabiri cyinjijwe na Bigirimana Abedi ku mupira wahinduwe neza na kapiteni Serumogo Ally Omar ahita awushyira mu izamu.

Igice cya mbere cyarangiye Rayon Sports yatsizwe ibitego 2-1.

Mu gice cya kabiri, Rayon Sports yatangiranye impinduka Habimana Yves asimburwa na Harerimana Abdulaziz.

Ku munota wa 49, umukinnyi wa Rutsiro FC Mombele Jonas yatsinze igitego cyo kwishyura ariko umusifuzi yerekana ko hari habayemo kurarira.

Ku munota wa 60, umunyezamu wa Rutsiro FC,Nzana Ebini yakoreye Aziz Bassane ikosa ari mu rubuga rw'amahina, umusifuzi yemeza penaliti



Rayon Sports yatsinze Rutsiro FC ibitego 3-1

Iyo penaliti yatewe na Bigirimana Abedi ikurwamo n'umunyezamu.

Ku munota wa 90, Rayon Sports yatsinze igitego cya gatatu cyinjijwe na Aziz Bassane ku mupira yahawe na Tambwe Gloire awushyira mu izamu.

Umukino warangiye Rayon Sports yatsinze Rutsiro FC ibitego 3-1.

Gikundiro yafashe umwanya wa kabiri n'amanota arindwi mu gihe Rutsiro FC itarabona inota yagumye ku mwanya wa nyuma.

Indi mikino yabaye uyu munsi yasize, AS Kigali yatsinze Marines FC igitego 1-0, AS Muhanga yanganyije na Etincelles FC igitego 1-1 ndetse Bugesera FC yanganyije na Gasogi United 0-0.

Indi mikino y'umunsi wa kabiri izakomeza ku Cyumweru, tariki ya 19 Ukwakira 2025

Police FC izakira Amagaju FC saa cyenda

APR FC izakira Mukura VS saa kumi n'ebyiri n'igice.

# *Max Houkes yegukanye 'Rwanda Open M25 ya 2025'*

SHEMA Ivan

***Umuholandi Max Houkes yegukanye "Rwanda Open M25 ya 2025" nyuma yo gutsinda Umunya-Maroc Yassine Dlimi amaseti 2-1 (6-3, 2-6, 6-1) kuri iki Cyumweru.***

Uyu mukino wa nyuma wabereye ku bibuga bya Tennis biri muri IPRC Kigali, ahakinirwaga iki cyumweru cya kabiri kuva ku wa 13 Ukwakira.

Max Houkes yageze ku mukino wa nyuma asezereye Dinko Dinev utarasoje umukino kubera imvune.

Max Houkes yari yamaze gutsinda iseti ya mbere ku manota 6-1 mu gihe iya kabiri yahagaze ari amanota 3-0.

Ni mu gihe Dlimi yasezereye Corentin Denolly wegukanye icyumweru cya mbere amutsinze 6-3, 6-1.

Houkes witabiriye Rwanda Open M25 ku nshuro ya mbere mu 2024, ndetse mu cyumweru cya mbere cy'irushanwa ry'uyu mwaka akaba yari yaviriyemo muri ¼, yatsinze iseti ya mbere ku manota 6-3.

Dlimi yamuhindukanye mu iseti ya kabiri, ayitsinda ku manota 6-3, ibyatumye hitabazwa iseti ya gatatu Max Houkes yatsinze kuri 6-1.

Kwegukana iri rushanwa byabaye kwisubiza ikuzo kuri uyu Muholandi wagowe no kuritwara mu byumweru bitatu yarikinnyemo kuva mu 2024. Kuri iyi nshuro yatahanye amanota 25 n'igihembo cy'amadolari ya Amerika 4.612 (hafi miliyoni 6,7 Frw).

Ku wa Gatandatu bakina ari babiri, Umudage Maximillian Homberg wakinanye n'Umubiligi Martin Van Der Meerschen batsinze Umunya-Luxembourg Louis Van Herck n'Umudage Marlon Vankan amaseti 2-1 (3-6, 7-6(1), 11-9).

Icyumweru cya kabiri cya Rwanda Open M25 y'uyu mwaka cyarimo Abanyarwanda batatu ari bo Ishimwe Claude, Niyigena Étienne na Manzi Rwamucyo David, ariko bose basezerewe muri 1/16.



Ku nshuro ya mbere Max Houkes yegukanye Rwanda Open M25





# Perezida Kagame yakurikiye imikino ya PFL Africa


Perezida Paul Kagame ari mu bakurikiye imikino yirushanwa rya PFL Africa yabereye mu Rwanda ku nshuro ya mbere

SHEMA Ivan

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame ari kumwe n'umunyabigwi ukomeye cyane mu mateka y'imikino njyarugamba n'iy'iteramakofe, Francis Ngannou na Mauricio Sulaimán uhagarariye Ihuriro ry'Imikino y'Iteramakofe ku Isi (WBC), bakurikiye imikino y'irushanwa rya PFL Africa yabereye mu Rwanda ku nshuro ya mbere.***

Iyi mikino ya ½ yakiniwe muri BK Arena ku wa Gatandatu, tariki ya 18 Ukwakira 2025, yitabirwa n'Abanyarwanda batandukanye.

Ku nshuro ya mbere mu Rwanda ndetse no muri Afurika y'Iburasirazuba ni bwo habereye irushanwa rikomeye mu mikino ya MMA (Mixed Martial Arts), yahurije hamwe abakinnyi bakomeye muri Afurika.

Mohamed Camara wo muri Guinea na Alain Majorique wo muri Cameroun ni bo babanje mu rurwaniriro (Cage), bahanganira itike y'umukino wa nyuma, Majorique ayibona nyuma yo gutsinda uduce 3-0 (30-27, 30-27, 29-28).

Uyu agomba guhura na Wasi Adeshina wo muri Nigeria na we watsinze Dwight Dassi wo muri Liberia uduce 3-0 (30-27, 30-27, 30-27).

Muri Bantamweight, Boulie Godogo wo muri Angola yatsinzwe na Karim Henniene wo muri Algeria wamukubise ivi ryo mu mutwe, amukuramo kuri Knockout mu gace ka kabiri.

Uyu agomba guhura na Nkosi Ndebele wo muri Afurika y'Epfo watsinze Simbarashe Hokonya wo muri Zimbabwe uduce 2-1 (29-28, 27-30, 29-28).

Muri Heavyweight, habanje gukina Abraham Bably wo muri Cote d'Ivoire watsinze Joffie Houlton wo muri Nigeria kuri Knockout mu gace ka kabiri, uyu akaba agomba guhura na Justin Clark wo muri Afurika y'Epfo watsinze Maxwell Djantou Nana wo muri Cameroun wamanitse amaboka mu gace ka kabiri.

Muri Welterweight, Emilios Dassi wo muri Cameroun yatsinzwe na Yabna N'tchala wo muri Cameroun uduce 3-0 (29-28, 29-28, 29-28). Uyu watsinze agomba guhura na Shido Boris wo muri Angola watsinze Octave Ayinda kuri Knockout y'agace ka mbere.


Usibye imikino y'abahataniraga itike yo kujya ku mikino ya nyuma, habayeho n'imikino yo kwiyerekana harimo uwa Patrick Ocheme wo muri Nigeria watsinze Abdoul Razac wo muri Burkina Faso uduce 2-1 (29-28, 29-28, 28-29) muri Catchweight.

Umunyarwanda James Bizimungu Opio wakinnye na Isaac Omeda wo muri Uganda, bombi banganyije amanota y'uduce twose (28-28), akanama k'abasifuzi kemeza ko Umunya-Uganda ari we utsinze.

Umunya-Algeria, Karim Henniene, yatsinze Boule Godogo wo muri Angola agera ku mukino wa nyuma wa PFL Africa muri "Bantamweight".

Abakinnyi bitwaye neza bazakina imikino ya nyuma izabera muri Bénin tariki ya 20 Ukuboza 2025.

Abazitwara neza bakazahembwa imikandara nk'abakinnyi bakoze amateka yo gutwara iri rushanwa bwa mbere, iherekejwe n'ibihumbi 100 by'amadolari ya Amerika.


Abazegukana iri rushanwa bazanahabwa amadolari ya Amerika ibihumbi 100


Abazegukana irushanwa bazanahembwa imikandara

Imvaho Nshya
# Siporo



NO .E-35 TARIKI 14 - 20 UKWAKIRA 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

SHEMA Ivan

# APR FC yatsinze Mukura VS ikomeza kuzamuka ku rutonde rwa Shampiyona

***APR FC yatsinze Mukura VS igitego 1-0 mu mukino w'umunsi wa kane wa Shampiyona, ikomeza kuzamuka ku rutonde rw'agateganyo rwa Shampiyona y'u Rwanda mu gihe isigaranye ibirarane bibiri.***

Uyu mukino wabereye kuri Kigali Pele Stadium, kuri Iki Cyumweru tariki ya 19 Ukwakira 2025 witabirwa n'Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda, Gen Mubarak Muganga n'abandi.

Umukino watangiye umupira ukinirwa cyane mu kibuga hagati nta kipe irema uburyo bw'igitego.

Ku munota wa 18, APR FC yafunguye amazamu ku mupira waturutse kuri koruneri yatewe na Ruboneka Jean Bosco umunyezamu wa Mukura VS, Nicolas Sebwato ananirwa kugumana umupira, usanga Ronald Ssekiganda ahita awushyira mu izamu.

Ku munota wa 20, Hakim Kiwanuka yabonye amahirwe yo gutsinda igitego cya kabiri ku mupira yahawe asigaranye n'umunyezamu aho gutera ishoti awusubiza inyuma ashaka William Togui gusa ba myugariro ba Mukura VS bawukuraho.

Ikipe y'Ingabo z'igihugu yakomeje gukina nk'iyariye amavubi ndetse binashoboka ko yabona igitego cya kabiri nk'aho Nshimiyimana Yunusu yarekuye ishoti riremereye ariko rikanyura ku ruhande rw'izamu.

Igice cya mbere cyarangiye APR FC yatsinze Mukura VS igitego 1-0.

Mu gice cya kabiri, Mukura VS yagurukanye imbaraga nyinshi harimo uburyo yabonye umukino, igeze ku munota wa 55 ku mupira mwiza wahinduwe na Boatenge Mensah ubundi Hakizimana Zubel agiye gukozaho ukuguru ananirwa kuwuhamya ujya hanze.

Mukura VS yakomeje kwiharira cyane umupira irusha Cyane APR FC ndetse Boateng Mensah yanyeganyeje inshundura ariko umusifuzi yemeza ko habayemo kurarira.

Ku munota wa 85, Hakim Kiwanuka yazamukanye umupira awuhereza Denis Omedi warebanaga n'umunyezamu Sebwato ahita amutera umupira mu ntoki.

Umukino warangiye APR FC yatsinze Mukura VS igitego 1-0, igira amanota atandatu mu mikino ibiri imaze gukina.




APR FC yatsinze Mukura VC igitego 1-0

Ikipe y'Ingabo z'Igihugu irushwa amanota atandatu na Police FC ya mbere mu gihe Mukura VS yagumye ku mwanya wa Munani n'amanota atanu.

Ku Munsi wa gatanu wa Shampiyona, APR FC izakirwa na Kiyovu Sports mu mukino uteganyijwe ku wa Gatandatu, tariki ya 25 Ukwakira 2025.

Undi mukino wabaye uyu munsi, Police FC yatsinze Amagaju FC igitego 1-0, yuzuza intsinzi enye zikurikiranya ikomeza kuyobora urutonde rwa Shampiyona n'amanota 12.



Abasifuzi bayoboye umukino bayobowe na Ishimwe Jean Claude




Ubwo Ronald Ssekiganda yafunguraga amazamu